*P.O Box 6139*
*Kigali,Rwanda.*
*Tel: +250-788383103*
*Hotline:4321*
*E-mail: info@statistics.gov.rw*

**IBARURA RUSANGE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE 2022**

*Ibaruze kuko uri uw'agaciro*

# AGATABO K'AMABWIRIZA Y'UMUKARANI W'IBARURA

**IBIRIMO**

IRIBURIRO ........................................ 1

**UMUTWE WA MBERE: INTEGO Z'IBARURA RUSANGE, AMATEGEKO ARIGENGA N'IMITUNGANYIRIZE RUSANGE YARYO. ........................................ 2**

1. 1 INTEGO ........................................ 2

1.1.1 Intego rusange: ........................................ 2

1.1.2 Intego zihariye: ........................................ 2

1.2 AMATEGEKO AZAKURIKIZWA ........................................ 3

1.3 IMITUNGANYIRIZE RUSANGE Y'IBARURA ........................................ 3

**UMUTWE WA KABIRI: GUSOBANURA AMAGAMBO Y'IBANZE AZAKORESHWA ........................................ 8**

**2**.1 IBARURA RUSANGE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE ........................................ 8

2.2 INZU ........................................ 8

2.3 URUGO ........................................ 8

2.4 NYIRI URUGO ........................................ 9

2.5 IBIGO BITUWE ........................................ 9

2.6 INGO ZISANZWE ARIKO ZIKABA ZIRI IMBERE MU BIGO BITUWE ........................................ 10

2.7 IJORO RY'IBARURA ........................................ 11

2.8 ABANTU BABARURWA MU RUGO ........................................ 11

2.9 IBINDI BYICIRO BYIHARIYE BIZABARURWA ........................................ 13

**UMUTWE WA GATATU : KUBARURA INGO, INZU ZITUWE N'IZISHOBORA GUTURWA HIFASHISHIJWE IKARITA Y'AGAPANDE K'IBARURA ........................................ 14**

3.1 GUSOMA NO GUKORESHA IKARITA Y'AGAPANDE K'IBARURA ........................................ 14

3.1.1. Akamaro k'amakarita mu Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ........................................ 14

3.1.2 Ikarita y'agapande k'ibarura ........................................ 15

3.1.3 Gusoma ikarita hifashishijwe telefoni ngendanwa ........................................ 16

3.1.3.1. Gufungura ikarita muri CSEntry ........................................ 17

3.1.3.2 Iby'ingenzi bigize ikarita y'agapande k'ibarura ........................................ 18

3.1.3.3 Gukoresha neza ikarita y'agapande k'ibarura ........................................ 20

3.2. GUKORA URUTONDE RW'INGO NO KWANDIKA NIMERO KU NZU (LISTING) 23

3.2.1 KWIMENYEKANISHA KU BUYOBOZI BW'UMUDUGUDU ........................................ 23

3.2.2 GUKORA URUTONDE RW'INGO NO KWANDIKA/GUSHYIRA NIMERO Z'INZU N'IZ'URUGO KU NZU ........................................ 24

3.2.2.1 Ingo zisanzwe ........................................ 24

3.2.2.2 Ibigo bituwe. ........................................ 29

**UMUTWE WA KANE: KUBAZA AMAKURU MU NGO NO KUZUZA INTONDE Z'IBIBAZWA MURI TELEFONI NGENDANWA/TABULETI ........................................ 33**
**4.1** IBISABWA UMUKARANI W'IBARURA MU GIHE CYO KUBAZA AMAKURU ....... **33**
4.1.1 Kwimenyekanisha ........................................................................................ 33
4.1.2 Kwitwararika no kwirinda imyitwarire imwe n'imwe mu kiganiro. .................................. 33
4.2 UBWOKO BW'INTONDE Z'IBIBAZWA .............................................................. 34
4.2.1 Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ingo zisanzwe ........................................................ 34
**4.**2.2 Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ibigo bituwe ............................................................ 35
4.3 KUZUZA INTONDE Z'IBIBAZWA ...................................................................... 35
4.3.1 IGIKA ML: AHO URUGO/RUHEREREYE N'IBIRURANGA ..................................... 35
**4**.3.2 IGIKA P: IMITERERE YA BURI MUNTU URI KU RUTONDE .................................. 37
4.3.2.1 Urutonde rw'ababarurwa mu rugo hakurikijwe amasano bafitanye na nyiri urugo ........ 37
4.3.2.2 Urutonde rw'bibazwa ku miterere y'ababarurwa mu rugo (Igika P) ............................... 38
4.3.2.3 P01A-P07B: IBIBAZWA ABASANZWE BAGIZE URUGO N'ABASHYITSI ......... 39
4.3.3 IGIKA H: IMITURIRE ........................................................................................ 73
**4.**3.3.1 Ibibazwa ku miturire ........................................................................................ 73
4.3.3.2 IBIBAZWA KU BWOROZI ................................................................................ 80
**4**.3.3.3 Ibibazwa ku buhinzi ........................................................................................ 81
4.3.4 IGIKA M: ABAPFUYE .................................................................................... 83
**UMUTWE WA GATANU: GUKORESHA CAPI MU GUKUSANYA AMAKURU HAKORESHEJWE TELEFONE CYANGWA TABULETI ............................................... 85**
5.1. Ubusobanuro bw'impamvu yo gukoresha application mu gukusanya amakuru ................. 85
5.2. Gukoresha neza telephone y'akazi ........................................................................... 85
5.2.1. Ibyo ukwiye kwirinda gukora kuri telephone y'akazi ..................................................... 85
5.2.2. Ibyo ukwiye gukora kuri telephone y'akazi .................................................................. 85
5.3.Uko Application Ikoreshwa. ........................................................................................ 86
5.3.1. Amagambo akunda gukoreshwa ................................................................................ 86
5.3.2. Uko Application igaragara muri Smart phone ............................................................... 87
5.3.2.1.A. Option1: Kubaza urugo/Ikigo ................................................................................ 89
5.3.2.1.B. Option2: Fungura Application ya listing .................................................................. 94
5.3.2.1.C. Option3: Kureba ingo zabaye listed/ingo zabaruwe .................................................. 96
5.3.2.1.D. Option 4: Kureba aho ibyo ukora bigeze ................................................................ 97
5.3.2.1.E. Option 5: Gufasha mu gapande k'ibarura ................................................................ 98
5.3.2.1.F. Option 6: Guhuza code ya Enumerator na telephone .................................................. 99
5.3.2.1.G. Option 7: Kugarura amakuru avuye muri memory card .......................................... 100

5.3.2.1.H. Option 8: Guhindura umudugudu (mu bigo bidasanzwe gusa) ................................ 100
5.3.2.1.I. Option 0: Gusohoka muri Application (Version:) ...................................................... 100
5.3.3. Kohereza Amakuru Kuri Seriveri ....................................................................... 101
5.3.3.1. Interineti ............................................................................................................ 101
5.3.3.2. Gusharija telephone ........................................................................................ 101
5.4. UMUSOZO ............................................................................................................. 102
**IMIGEREKA ........................................................................................................... 103**
**UMUGEREKA WA I: AMWE MU MATEKA Y'URWANDA (1912-2021) .................... 103**
**UMUGEREKA WA II. UTURERE TW'UBU N'UTURERE NA KOMINI BYA KERA 109**
**UMUGEREKA WA III: IFISHI YA NIMERO Y'INZU N'INGO ..................................... 113**
**UMUGEREKA WA IV: URUTONDE RW'IBIBAZWA (URUGO RUSANZWE N'IKIGO) ................................................................................................................ 114**

## IRIBURIRO

Ibarura Rusange ryAbaturage n'Imiturire ni ubushakashatsi butanga imibare yuzuye, yizewe kandi ya vuba kugeza ku rwego ruto cyane rw'ubutegetsi bw'Igihugu (Umudugudu) kuko bukorerwa mu ngo zose no mu bigo byose bituwe mu gihugu, aho abantu bose basabwa kwibaruza nta n'umwe wibagiranye cyangwa ngo abarurwe incuro zirenze imwe.

Kuva muri 1970, u Rwanda rumaze gukora amabarura rusange ane mu buryo bwubahiriza amabwiriza mpuzamahanga, ari yo yo muri 1978, 1991, 2002 na 2012. Ibarura Rusange ryo muri 2012 ryerekanye ko u Rwanda rwari rutuwe n'abantu 10,515,973.

Nkuko Umuryango w'Abibumbye usaba gukora Ibarura Rusange ry'Abaturage buri myaka cumi, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda gifite amabarura y'abaturage n'imiturire yabo mu nshingano zacyo cyahawe uburenganzira bwo gukora Ibarura Rusange rya 5 ry'Abaturage n'Imiturire muri Kanama 2022.

Iri Barura Rusange rya gatanu ry'Abaturage n'Imiturire rizatanga imibare y'abatuye u Rwanda, rinatange ibipimo bizifashishwa mu gusuzuma ibyagezweho muri gahunda zitandukanye z'iterambere nka Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi/2017-2024 (NST1), Icyerekezo 2050 n'Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs).

Iki gikorwa cyo kubarura abaturage mu ngo cyabanjirijwe no gukora amakarita y'udupande tw'ibarura hakurikijwe umubare w'ingo mu midugudu kugirango abakarani b'ibarura bazakusanye amakuru mu ngo zose mu gihe cyateganyirijwe ibarura. Hakozwe kandi ibarura mbonera mu dupande tw'ibarua 600 twatoranyijwe mu mirenge yose y'igihugu mu rwego rwo gusuzuma ibikoresho byose bizifashishwa no kunoza imyiteguro yose kugira ngo iri barura rizagere ku ntego zaryo.

Muri aka gatabo hakubiyemo amabwiriza y'abakarani b'ibarura kuko ari bo bashinzwe imirimo yo kubarura inzu n'ingo no gukusanya amakuru mu ngo zose, buri wese mu gapande k'ibarura ashinzwe. Ariko n'abandi bose babakuriye muri iyi mirimo bagomba kumenya amabwiriza yose y'ibarura kugira ngo bashobore gufasha abakarani b'ibarura aho bibaye ngombwa no gukurikirana imigendekere myiza y'imirimo yose y'ibarura mu ngo.

# UMUTWE WA MBERE: INTEGO Z'IBARURA RUSANGE, AMATEGEKO ARIGENGA N'IMITUNGANYIRIZE RUSANGE YARYO.

## 1. 1 INTEGO

### 1.1.1 Intego rusange:

Intego nyamukuru y'ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire ni ugutanga imibare n'ibipimo ngenderwaho mu kurushaho kumenya ibiranga imiterere y'abaturage, ubukungu, imibereho yabo n'imiturire yabo mu gihe cya vuba hagamijwe gukurikirana gahunda zose z'iterambere no gukora igenamigambi rihamye kandi rinoze.

### 1.1.2 Intego zihariye:

Imibare izava muri iri barura rusange ry'abaturage n'imiturire izafasha Leta n'abafatanyabikorwa bayo muri ibi bikurikira:

- Kumenya umubare w'abaturarwanda bose muri buri Ntara, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu n'uburyo batuye mu bice by'Icyaro n'Imijyi.
- Kugaragaza igipimo cy'uburumbuke, icy'abapfa, icy'abimuka n'icy'ubwiyongere bw'abaturage muri rusange.
- Gutanga ibipimo ngenderwaho bizafasha mu gukora ubuvugizi bw'ibyiciro byihariye by'abaturage: abagore, abana, urubyiruko, abageze mu zabukuru n'abafite ubumuga.
- Kugaragaza ibiranga imiturire n'imiterere y'inzu zituwe ndetse n'imibereho myiza y'abaturage, bikazafasha kugaragaza ibipimo by'ubukene mu gihugu.
- Kwerekana ikigereranyo cy'imibare y'abantu bazaba batuye u Rwanda mu myaka iri imbere no kuvugurura imibare fatizo yagenderwaho mu yandi mabarura azakorwa nyuma y'iri.
- Kuvugurura imibare fatizo ngenderwaho mu buyobozi bunyuranye kugirango bifashe gahunda za leta kugera ku nzego zose z'ibanze.
- Kugaragaza imbibi z'inzego zose z'ubuyobozi mu gihugu.
- Kuvugurura lisiti n'amakarita y'udupande tw'ibarura tuzajya twifashishwa mu bundi bushakashatsi.
- Guteza imbere imikoreshereze y'imibare izava mu ibarura ku rwego rw'Igihugu no ku nzego z'ibanze mu gukora ikurikiranabikorwa n'igenzura bya gahunda z'iterambere.

## 1.2 AMATEGEKO AZAKURIKIZWA

Iri Barura Rusange rya gatanu ry'Abaturage n'Imiturire, kimwe n'andi mabarura, rigenwa n'itegeko **nº53 bis/2013 ryo ku wa 28/06/2013** rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo . Mu nshingano z'ingenzi za NISR, harimo "*gukora Ibarura Rusange ry'Igihugu n'andi mabarura ku rwego rw'igihugu"* nkuko bigaragara mu mutwe wa 2 w'iri tegeko, ingingo yaryo ya 3, agace ka 2.

Naho **itegeko nº45/2013 ryo ku wa 16/06/2013** rigena imitunganyirize y'Imirimo y'Ibarurishamibare mu Rwanda**,** umutwe waryo wa 5, mu ngingo ya 14, risobanura neza ko gusubiza ibibazo by'amabarura rusange n'andi mabarura y'ibarurishamibare ari inshingano ya buri wese muri aya magambo: "U*muntu wese cyangwa umuryango ufite ubuzima gatozi, ubisabwe n'uwabiherewe uburenganzira, agomba gusubiza mu buryo nyabwo no mu gihe cyagenwe, ibibazo by'amabarura rusange n'andi mabarura, byabanje kwemezwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda."*

## 1.3 IMITUNGANYIRIZE RUSANGE Y'IBARURA

Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ni igikorwa kinini gisaba imbaraga nyinshi n'ubufatanye bw'inzego zitandukanye kugirango ritegurwe neza, rishyirwe mu bikorwa mu buryo bunoze kandi rizagere ku ntego zaryo. Ni yo mpamvu hateganyijwe inzego zitandukanye zishinzwe iri barura: izishinzwe gufata ibyemezo n'izishinzwe kubishyira mu bikorwa.

Izi nzego zashyizweho hashingiwe ku nzego z'ubutegetsi bw'Igihugu. Repubulika y'u Rwanda igizwe n'intara 4 n'Umujyi wa Kigali na zo zigabanyijemo Uturere 30, Imirenge 416, Utugali 2,148 n'Imidugudu 14,837. Inzego zishinzwe gufata ibyemezo ziri ku rwego rw'Igihugu no ku rwego rw'Akarere naho izishinzwe kubishyira mu bikorwa zigera ku mudugudu ari na ho hakorerwa imirimo y'ikusanyamakuru mu ngo.

Kugirango iri barura rizakorwe neza kandi rirangire mu gihe cyateganyijwe (iminsi 15), imidugudu irengeje ingo 130 yagabanyijwemo udupande tw'ibarura (Eas) tubiri cyangwa turenze bitewe n'umubare w'ingo zirimo ku buryo buri mukarani w'ibarura azahabwa agapande ke azakoreramo. Umudugudu utarengeje uyu mubare uzaba agapande k'ibarura (EA) ubwawo. Muri rusange, igihugu cyose cy'u Rwanda cyagabanyijwemo udupande tw'ibarura 24,639.

### 1.3.1 Inzego zishinzwe gufata ibyemezo

Muri iri Barura Rusange rya gatanu ry'Abaturage n'Imiturire, hashyizweho inzego zishinzwe gufata ibyemezo no gukurikirana imigendekere myiza y'ibarura zikurikira:

- **Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ibarura:** ni rwo rwego rukuru rw'Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire mu Rwanda. Iyi komisiyo iyobora kandi ikagenzura imigendekere y'ibarura, ihuza ibikorwa bya za Minisiteri n'inzego zose zinyuranye zifite uruhare mu mitunganyirize y'Ibarura Rusange kandi ikemeza ibigomba gukurikizwa byose kugirango ibarura ritungane mu buryo bwuzuye.
- **Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ibarura ku rwego rw'Akarere:** muri buri Karere, hashyizweho komisiyo ishinzwe kuyobora no kugenzura imirimo y'ibarura rusange ku rwego rw'Akarere gukurikirana, gushyira mu bikorwa ibyemezo bya Komisiyo y'Igihugu ishinzwe ibarura rusange, guhuza ibikorwa by'Ibarura Rusange mu Mirenge, Utugali n'Imidugudu no gukurikirana uko abahuzabikorwa b'Imirenge, Utugari n'Imidugudu bakangurira abaturage kwitabira ibikorwa by'Ibarura ku nzego zose. Bashinzwe kandi korohereza no gufasha abakora imirimo y'ibarura mu Karere kuva ku rwego rw'umurenge kugeza ku gapande k'ibarura.

### 1.3.2 Inzego zishinzwe gutunganya imirimo yose y'Ibarura Rusange

- **Abahuzabikorwa b'ibarura ku rwego rw'Igihugu (National Coordinators):** bashinzwe gukurikirana ibikorwa by'ibarura ku rwego rw'Igihugu.
- **Abagenzuzi b'Ibarura ku rwego rw'Uturere (District Field analysts):** bashinzwe gukurikirana ibikorwa by'ibarura mu Turere bakanakorana na Komosiyo y'Ibarura muri buri Karere. Buri mugenzuzi kuri uru rwego akorana nanone **n'abantu batatu** bari ku Karere ari na bo bashinzwe gukurikirana umunsi ku wundi imigendekere myiza y'ibarura mu mirenge yose igize Akarere, gukemura ibibazo byagaragajwe n'abakorera ku rwego rw'imirenge byaba ibijyanye n'ikoranabuhanga mu gukusanya amakuru mu ngo cyangwa ibindi byatuma badakora neza imirimo bashinzwe.
- **Abagenzuzi b'Ibarura ku rwego rw'Umurenge (Sector Supervisors):** kuri uru rwego, hakorera abagenzuzi batatu kuri buri murenge. Bashinzwe gukurikirana ibikorwa by'ibarura mu mirenge, gukemura ibibazo abakarani bibarura babagejejeho. Bakorana kandi na komisiyo ishinzwe ibarura ku Karere ndetse n'abagenzuzi b'ibarura ku rwego rw'akarere.

- **Abakarani b’ibarura (Enumerators):** ashinzwe kubaza amakuru kuri buri muntu mu ngo ziri mu gapande k’ibarura yahawe gukoreramo no kuyohereza kuri seriveri y’ikigo cy‘ibarurishamibareabaturage bose batuye mu gapande k’ibarura (Enumeration area) agenewe gukoreramo.

Nkuko bigaragara, imigendekere myiza y’Ibarura Rusange ry’Abaturage n’Imiturire ishingiye ahanini ku myitwarire y’abakarani b’ibarura kuko ari bo bashinzwe gukusanya amakuru mu ngo. Ni ngombwa kugaragaza inshingano zabo ndetse n’imyitwarire yifuzwa kugira ngo bahabwe amakuru y’ukuri.

### 1.3.3 Inshingano z’umukarani w’ibarura

Inshingano z’ingenzi z’umukarani w’ibarura ni izi zikurikira:

- Kwimenyekanisha ku buyobozi bw'umudugudu azakoreramo;
- Kujya mu kazi buri munsi byibura saa moya zamu gitondo akaba yageze mu gapande ashinzwe gukoreramo, yitwaje ikarita y’akazi, indangamuntu na telefone y’akazi kandi yambaye umwenda w’akazi umuranga;
- Kuzenguruka agapande k'ibarura yifashishije ikarita afite muri telephone imwereka imbibi. Byaba byiza azengurutse ari kumwe n'umwe mu bayobozi b'umudugudu;
- Kwiha icyerekezo azakurikiza mu mirimo y'ibarura (listing na data collection);
- Gusharija telefone/tabuleti buri mugoroba kandi akagenzura buri gitondo ko interineti muri telefone iriho mbere yo kujya gutangira akazi;
- Kwitwararika no gufata neza ibikoresho byose yahawe kandi akabyitwaza igihe cyose;
- Kwandika no gushyira nimero ku nzu zose no kubarura ingo n’ibigo byose biri mu gapande ke k’ibarura ashinzwe;
- Kugera mu ngo zose no kubaza amakuru nyayo kandi akayuzuza neza muri telefone/tabuleti;
- Gushyira akamenyetso (√ ) kerekana ko urugo rwabaruwe inyuma ya nimero y'urugo yanditse ku nzu;
- Kugenzura niba ibibazo byose byagombaga kubazwa byabonewe ibisubizo;
- Kubahiriza amabwiriza ahawe harimo no kujya gutanga ubufasha mu kandi gapande k’ibarura igihe cyose bibaye ngombwa abisabwe n’umugenzuzi w’ibarura mu murenge
- Gusuzuma amakuru yahawe mbere yo kuva mu rugo byaba ngombwa agakosora aho yaba yibeshye;

- Gufata neza ibipimo bya GPS;
- Kohereza amakuru y'urugo/ingo yabaruye kuri seriveri ya NISR, igihe afite ikibazo cya network, agerageza gukorana n'umugenzuzi w'ibarurara mu murenge, byibura akajya ahari network inshuro 2 ku munsi (12h00 na 18h00) kugira ngo yohereze
- Kugerageza kubarura ingo zose zateganyijwe buri munsi
- Gukora akandi kazi kose ashobora guhabwa n'umugenzuzi w'ibarura mu Murenge
- Gusubiza umugenzuzi w'ibarura mu murenge ikarita y'akazi na telefone n'ibikoresho byose bijyanye na yo yahawe kugira ngo bizasubizwe Kuri NISR

### 1.3.4 Imyitwarire y'umukarani w'ibarura

Imigendekere myiza y'Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ishingiye ahanini ku myitwarire y'abakarani b'ibarura, cyane cyane ko ari bo bashinzwe kubaza no gukusanya amakuru nyayo ategerejwe. Imyitwarire myiza no kutiyandarika bituma uwo ari we wese aha agaciro imirimo y'ibarura. Kubera iyo mpamvu, umukarani w'ibarura agomba kurangwa n'imyitwarire myiza ikurikira:

- Kugira ikinyabupfura imbere ya buri wese (abayobozi, ababazwa, umugenzuzi, abo bahuriye mu kazi);
- Kwitwara neza imbere y'uwo yagendereye akamwitondera, ndetse akagerageza no kumusobanurira bimwe na bimwe mu birebana n'akazi yaje gukora ;
- Kubahiriza umuco, imigenzereze, idini n'ukwemera kwa buri muntu ;
- Kwambara umwambaro (gillet) n'ikarita y'akazi igihe cyose ari mu kazi;
- Kwiyoroshya, guca bugufi, kwambara mu buryo butarangaza /budatuma utakarizwa icyizere;
- Kumenyesha abamukuriye mu kazi imbogamizi/ingorane yahuye na zo akaba ari bo bafata umwanzuro;
- Kwirinda kujya impaka mu biganiro ibyo ari byo byose bidafite aho bihuriye n'ibarura cyane cyane ibijyanye na politiki, amadini cyangwa ibindi bizana impaka;
- Kwirinda kugaragaza amarangamutima mu gihe cy'ibiganiro mu ngo n'ibisubizo ahawe;
- Kugira ibanga ry'ibisubizo byose aba yahawe;
- Kutandarika ibikoresho by'ibarura cyane cyane telefoni igendanwa/tabuleti kugira ngo amakuru y'ingo azaba abitsemo adasomwa n'abatabigenewe cyangwa ngo ibyo bikoresho bibe byakwibwa;
- Kutagira undi muntu yasaba kumukorera akazi k'ibarura cyane cyane iyo atabihuguriwe.

### 1.3.5 Ibikoresho by’umukarani w’ibarura

Nyuma y’amahugurwa, buri mukarani w’ibarura agomba kujya mu gapande ke k’ibarura yitwaje ibi bikurikira:

- Telefoni igendanwa/tabuleti irimo ibyangombwa byose bizamufasha gukora ibarura (urutonde rw'ibibazwa, agatabo k'amabwiriza, ikarita y'agapande k'ibarura n'ibindi) n’ibigendana na yo (Sharijeri, ecouteur);
- Ikarita y’akazi (carte de service) iriho izina rya nyirayo n’ifoto ;
- Ikaye n’ibikoresho byo kwandikisha (ikaramu, marqueur, ingwa) n’ibindi bikoresho bitandukanye (umutaka, gillet iranga ibarura, n’ibindi) ;
- Uruhago rwo gutwaramo ibikoresho.

# UMUTWE WA KABIRI: GUSOBANURA AMAGAMBO Y'IBANZE AZAKORESHWA

## 2.1 IBARURA RUSANGE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE

Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ni imirimo ijyanye no gukusanya amakuru y'abatuye igihugu mu gihe kimwe (ijoro ry'ibarura), kuyasesengura no gutangaza imibare y'ibyavuyemo : umubare w'abatuye igihugu bose n'imiterere yabo (imyaka y'amavuko, igitsina, irangamimerere, amashuri bize…) na bimwe mu biranga imibereho n'ubukungu byabo. Rituma kandi haboneka imibare yerekeye imiterere y'inzu zituwe n'imiturire muri rusange ndetse rikagaragaza n'imbibi nyirizina za buri rwego rw'ubuyobozi mu gihugu cyose.

## 2.2 INZU

Inzu ni inyubako yagenewe guturwamo cyangwa gukorerwamo ibindi (ubucuruzi, ubuvuzi, imyidagaduro, amakoraniro y'amadini…). Ishobora kuba yubatse mu buryo busanzwe, ari igorofa cyangwa ari igipangu.

**Urugero:** *Inzu ituwemo n'urugo rwa Kubwimana, Igorofa rya Rubangura, Umusigiti wo "Kwa Kadafi", kiliziya ya Sainte Famille…*

## 2.3 URUGO

Urugo ni abantu babana, baba bafitanye isano cyangwa se ntayo, bose bayoborwa n'umuntu umwe muri bo ari we witwa Nyiri urugo kandi bagasangira ibirebana n'urugo byose. Kenshi, baba barara mu nzu imwe kandi bafatira amafunguro hamwe ariko birashoboka ko abagize urugo barara mu nzu zirenze imwe mu gihe imwe itabakwiye; icy'ingenzi ni uko bafatira amafunguro hamwe kandi bakaba bahagararirwa n'umuntu umwe bemera batyo bose.

Urugo rushobora kuba rugizwe n'umuntu umwe; icyo gihe ni na we nyiri urugo. Twirinde kwitiranya *urugo* n'icyo dukunze kwita *umuryango* kubera ko ingo zose zitagizwe n'umugabo n'umugore n'abana babo gusa.

**Ingero:**

- *Mu rugo rugizwe na nyiri urugo, uwo bashakanye n'abana babo, hashobora kubamo n'abandi nk'abavandimwe, ababyeyi b'umwe mu bashakanye cyangwa abandi bakiriwe mu rugo.*
- *Urugo rugizwe n'abantu bahujwe n'umurimo nk'abamotari, abarimu mu kigo cy'ishuri...*

**Ibyitonderwa**:

- Abakozi bo mu rugo (ababoyi) n'abandi bakorera urugo ariko hanze (abazamu, abashumba n'abandi bakozi) basangira ifunguro n'indaro no kwa shebuja, na bo babarirwa mu rugo rwe.
- Mu ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire, tuvuga ***urugo rusanzwe*** aho kuvuga urugo gusa hagamijwe gutandukanya urugo ***n'ibigo bituwe ariko bisanzwe*** ndetse ***n'ibigo bituwe ariko bidasanzwe*** kubera ko byo bitayoborwa na nyiri urugo nkuko tuza kubibona.

## 2.4 NYIRI URUGO

Nyiri urugo, ni umwe mu bagize urugo ufata ibyemezo bijyanye n'imibereho y'urugo muri rusange akaba ari na we ubazwa ibyerekeye urugo rwe. Akenshi, aba aruta ubukuru abari mu rugo. Ashobora kuba umugabo cyangwa se umugore, yemwe n'umwana mukuru mu gihe urugo rutuwe n'abana gusa. **Muri iri barura, hazitwa nyiri urugo umuntu wiyita atyo kandi bigaragara ko abo babana bamwemera nka nyiri urugo**.

## 2.5 IBIGO BITUWE

Ni abantu badafitanye isano babana kubera impamvu zinyuranye bahuriyeho nk'umurimo, idini, ubugororwa n'ibindi. Ibigo bituwe birimo amako abiri: ibigo bituwe bidasanzwe n'ibigo bituwe bisanzwe.

### 2.5.1 Ibigo bituwe bidasanzwe

Ni ibigo bibamo abantu bashinzwe **umutekano** (ibigo bya gisirikare n'ibya polisi) n'ibigo bibamo **abagororwa** (amagereza) n'inkambi z'impunzi.

**Ingero:** *Ikigo cya Gisirikare cya Kanombe, ikigo cya gisirikare cya Bigogwe; Ikigo cya polisi cya Kacyiru; Gereza ya Nsinda, Gereza ya Nyakiriba, Inkambi y'imunzi ya Mahama…*

### 2.5.2 Ibigo bituwe bisanzwe

Ni ibindi bigo byose bibamo abantu bahujwe n'imiterere yabo, imyemerere, imirimo n'ibindi

- Ibigo by'amashuli bicumbikira abana batagira ahandi baba no mu gihe cy'ibiruhuko, amacumbi rusange (homes/hostels);
- Ibigo by'ubukerarugendo nka za Hoteli. Muri mwene ibi bigo, hazabarurwa gusa abakozi babyo babibamo (batagira izindi ngo babarizwamo). Abazaba bacumbitse by'igihe gito muri ibyo bigo mu buryo busanzwe ntibazabarurwa;

- Ibigo by'amavuliro byose (ibya Leta, ibya Leta ifatanyije n'abigenga, iby'abigenga, ...) : hagomba kumenyekana neza ***abarwayi*** batunzwe n'ibitaro (badafite ingo babarizwamo) babirayemo mu ijoro ry'ibarura;
- Ibigo by'imiryango y'abihaye Imana;
- Ibigo ngororamuco (ibyakira abana bo mu muhanda);
- Ibigo by'impfubyi, abafite ubumuga;

### 2.5.3 Ibigo bituwe bizamenyekana bite?

Mu gihe cyo kumenya imbibi z'agapande k'ibarura, umukarani w'ibarura azabaza ubuyobozi bw'umudugudu niba nta bigo bituwe biri muri ako gapande k'ibarura yifashishije ingero (ikigo cy'abihaye Imana, ikigo cy'imfubyi, ikigo cy'abasaza…) abaze n'aho biherereye.

**Ibyitonderwa:**

- Ibigo bituwe bya gisirikare, ibya polisi n'iby'abagororwa bigomba ***kubarurwa n'ababikoramo*** bazaba babihuguriwe (abasirikare, abapolisi, abakozi bo mu magereza, n'abakozi bashinzwe iby'inkambi z'impunzi). Inkambi z'impunzi zizabarurwamo n'abakarani basanzwe ariko bayobowe n'abatuye mu nkambi cyangwa abazikoramo batoranyijwe n'abashinzwe inkambi.
- Ibigo ngororamuco bicunzwe n'inzego z'umutekano na byo bizabarurwa n'ababikoramo ariko ibicunzwe n'indi miryango y'abagiraneza (abihaye Imana cyangwa abandi) bizabarurwa nk'ibigo bituwe bisanzwe.

## 2.6 INGO ZISANZWE ARIKO ZIKABA ZIRI IMBERE MU BIGO BITUWE

Mu bigo bituwe, iyo hari umuntu/abantu babayeho mu buryo bwihariye (butandukanye n'ubw'ababarwa nk'ikigo), bimenyera imibereho yabo, basangirira hamwe amafunguro bakaba bafite ubahagarariye nka nyiri urugo babarurwa nk'urugo rusanzwe. Abo ni ba bandi bahabwa icumbi ry'akazi ryihariye imbere mu kigo cyangwa bacumbikiwe n'ikigo kubera izindi mpamvu.

**Urugero:** *Abasirikare cyangwa abandi bashinzwe umutekano batuye hamwe n'imiryango yabo cyangwa bonyine mu nzu zihariye (Private households) ariko ziri imbere mu kigo. Bene izo ngo zizabarurwa n'umukarani w'ibarura ushinzwe kubarura ikigo zirimo.*

## 2.7 IJORO RY'IBARURA

Ni ijoro ribanziriza umunsi wa mbere w'ibarura mu ngo no mu bigo. Muri iri barura rusange rya gatanu ry'abaturage n'imiturire, ijoro ry'ibarura ni ijoro ryo ku wa 15 rishyira uwa 16 Kanama 2022. Ni ukuvuga ko amakuru hafi ya yose abazwa ku bantu bose muri iriya minsi 15 yagenewe ibarura ashingiye kuri iri joro. Iyaba byashobokaga, abantu bose babarurwa ku ya 16 mu gihugu hose kugirango babe bibuka amakuru y'uko byari byifashe mu rugo muri iryo joro ry'ibarura, ariko abaturage bazaba babikanguriwe bihagije kugirango bazabe bibuka amakuru yose ashingiye kuri iryo joro ry'ibarura. Itariki ya 15 Kanama nni umunsi w'ikiruhuko mu gihugu hose: ni umunsi wizihizwaho ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya ku bakirisitu gatolika ari wo bita "**Asomusiyo"** kandi abantu benshi barawibuka kubera nyine ko ari umunsi w'ikiruhuko.

## 2.8 ABANTU BABARURWA MU RUGO

Abantu babarurwa muri buri rugo, ni abasanzwe baba muri urwo rugo (**Residents**), n'abashyitsi (**Visitors**) baharaye mu ijoro ry'ibarura (15-16/08/2022). Kugira ngo umuntu afatwe nk'umwe mu bagize urugo ni uko aba arumazemo nibura **amezi 6** cyangwa atarayamara ariko akaba afite umugambi wo kuguma muri urwo rugo.

**Ingero**: *Umugore umaze igihe gito ashyingiwe, umwana umaze igihe gito avutse, umukozi wo mu rugo utangiye akazi vuba, n'abandi nk'aba. Aba, n'ubwo baba bataramara amezi 6 mu rugo ibarura ribasanzemo, nta gahunda bafite yo kuhava).*

Muri iri barura, tuzatandukanya abasanzwe baba mu rugo kandi baharaye mu ijoro ry'ibarura (**Present Residents**) n'abasanzwe bahaba ariko bataharaye mu ijoro ry'ibarura (**Absent Residents**).

- **Ababa mu rugo kandi baharaye mu ijoro ryo kuwa 15-16/08/2022 (PR)**

Nkuko twabibonye, umuntu abarurwa nk'uba mu rugo kandi yaharaye (**PR),** iyo aba kandi amaze nibura amezi 6 mu rugo ibarura rimusanzemo kandi yaraharaye mu ijoro ry'ibarura (15-16/08/2022) cyangwa ataramara ayo mezi 6 ariko akaba afite umugambi wo kuhaguma kandi yaraharaye mu ijoro ry'ibarura (15-16/08/2022); icyo gihe, abarurwa nk'uba mu rugo kandi waharaye (**PR).**

**Icyitonderwa:** Hari abantu babarurwa nk'ababa mu rugo baharaye (**PR)** kandi mu by'ukuri batararaye mu ngo zabo mu ijoro ry'ibarura kubera impamvu z'akazi gakorwa nijoro cyangwa izindi mpamvu. Twavuga nk'aba bakurikira:

- Abaganga bakoze mu ijoro (baraye izamu); Abazamu (abararirizi);
- Abaraye mu rubyiniro (night club), utubari cyangwa mu masengesho;
- Abakozi ba nijoro mu bigo bimwe na bimwe (abashinzwe umutekano, ...);
- Abarobyi, …

❖ **Ababa mu rugo ariko bataharaye mu ijoro ryo kuwa 15-16/08/2022 (AR)**

Umuntu ubarurwa nk'uba mu rugo ariko utaharaye (**AR)** ni umuntu usanzwe aba mu rugo rubarurwa ariko akaba ataraharaye mu ijoro ry'ibarura. Nkuko twabibonye, igihe cy'amezi 6 ni cyo baheraho kenshi iyo bandika uburyo abantu batuye mu ngo. Ku bantu basanzwe baba mu rugo ariko bataharaye mu ijoro ry'ibarura, umukarani w'ibarura abaza igihe bamaze bataba muri urwo rugo, igihe bazamara aho bagiye ndetse n'impamvu zabajyanye kugira ngo amenye niba ababarura mu rugo cyangwa niba abakura ku rutonde rw'abagize urugo.

Umuntu ashobora kuba atari mu rugo asanzwe abamo kubera impamvu nyinshi zitandukanye. Abazabarurwa nk'abasanzwe baba mu rugo ariko bataharaye mu ijoro ry'ibarura (AR) hatitawe ku gihe bamaze badahari ni abadahari kubera impamvu zikurikira:

- Kwivuza (abarwayi, abarwaza);
- Kuba mu ngendo z'ubucuruzi/ubutumwa bw'akazi (imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga). **Urugero:** abapolisi cyangwa abasirikare bari mu butumwa bw'akazi;
- Gusura inshuti/abavandimwe;
- Gukora akazi cg umwuga bisaba kugenda kenshi (abashoferi b'amakamyo, ...);
- Ubukerarugendo;
- Kwiga: abanyeshuli bacumbikiwe mu bigo batatashye mu biruhuko kubera impamvu zitandukanye (gutegura ibizamini bya Leta), abanyeshuli biga mu mahanga;
- Abantu bari mu ngando.

**Icyitonderwa:** abantu batagomba gushyirwa ku rutonde rw'abagize urugo rubarurwa ni abantu bamaze nibura amezi atandatu bataba muri urwo rugo cyangwa bazamara amezi atandatu

bataragaruka mu rugo rubarurwa kandi baba mu zindi ngo. Nkuko byasobanuwe haruguru, aba bantu babarurwa mu ngo bagiyemo.

Ni ngombwa ko umukarani w'ibarura yitonda mu gihe bamubwiye abagize urugo bataharaye mu ijoro ry'ibarura akabaza impamvu yabajyanye, igihe bazamara kugira ngo amenye niba abashyira ku rutonde cyangwa atabashyiraho.**Ingero:** *abashyingiwe, abagiye gukora akazi ko mu rugo, abana bahisemo kwibana (kubana na bagenzi b abo).*

Ariko, hari abantu bashobora kubarurwa nk'abashyitsi mu ngo ibarura ribasanzemo n'iyo baba bamaze cyangwa barengeje amezi atandatu. **Ingero:** *umunyeshuli ucumbikiwe mu rundi rugo kugirango yegere ishuli, umurwayi wasabye icumbi mu rugo kugira ngo yegere ivuliro azabarurwa nk'umushyitsi mu rugo rumucumbikiye.*

- **Abashyitsi (VIS)**

Aba ni abantu baraye mu rugo rubarurwa mu ijoro ry'ibarura ariko ubundi badasanzwe baba muri urwo rugo kubera ko basanzwe batuye ahandi. Babarurwa nk'abashyitsi iyo batarageza ku mezi 6 baba muri urwo rugo. Ni ngombwa gusobanuza neza igihe kuko iyo umuntu agejeje ku mezi 6 cyangwa ayarengeje mu rugo, abarurwa nk'uba mu rugo kandi waharaye (PR).

## 2.9 IBINDI BYICIRO BYIHARIYE BIZABARURWA

- **Abahagarariye ibihugu byabo cyangwa imiryango mpuzamahanga mu Rwanda** babarurwa biciye muri Ministeri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane.
- **Abanyeshuri b'abanyamahanga** biga mu Rwanda bazabarurwa nk'abandi baturarwanda.
- **Abantu batagira aho baba** cyangwa **bibera mu mihanda** cyane cyane mu mijyi nka Kigali, amabwiriza y'umwihariko yerekana uburyo abo bantu bazabarurwa azategurwa.

## UMUTWE WA GATATU : KUBARURA INGO, INZU ZITUWE N'IZISHOBORA GUTURWA HIFASHISHIJWE IKARITA Y'AGAPANDE K'IBARURA

Impamvu y'ingenzi yo kubarura ingo no kwandika nimero y'inzu n'iy'urugo ku nzu ni ukugira ngo hatagira urugo rwibagirana cyangwa ngo rubarurwe kabiri. Mu rwego rwo kwirinda aya makosa, hateguwe amakarita y'udupande tw'ibarura ku buryo buri mukarani w'ibarura azaba afite muri telefone y'akazi ikarita imufasha kutarenga imbibi z'agace yahawe gukoreramo.

Ikindi ni uko umubare w'ingo mu midugudu wagaragajwe n'ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire ari wo ushingirwaho mu gutoranya imidugudu izakorerwamo amabarura mato (surveys) azarikurikira hakoreshejwe uburyo bwa tombola.

### 3.1 GUSOMA NO GUKORESHA IKARITA Y'AGAPANDE K'IBARURA

Ikarita ni igikoresho cyagiye kifashishwa kuva mu bihe bya kera. Amakarita yifashishwa mu kuranga ahantu, kuranga ibyerekezo, gupima no kwerekana uburebure cyangwa se ubuso bw'ahantu. Amakarita yifashishwa kandi hagaragazwa isano cyangwa se ikinyuranyo kiri hagati y'ibintu n'ibindi biherereye mu gace runaka.

#### 3.1.1. Akamaro k'amakarita mu Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire

Akamaro k'amakarita mu Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire gakubiye mu ngingo eshatu zikurikira:

- **Amakarita afasha mu igenamigambi n'itegura ry'ibarura rusange**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda ari na cyo gishinzwe *gukora Ibarura Rusange ry'Igihugu n'andi mabarura ku rwego rw'Igihugu* gikeneye kumenya umubare w'abakozi kizakoresha mu mirimo ijyanye na ryo n'ibikoresho bazifashisha. Ni muri urwo rwego abahanga mu bijyanye no gukora amakarita bagabanya ubutaka bw'igihugu cyose mo udupande tw'ibarura duto (EAs) ku buryo nta hantu na hamwe hasigara hatagira agapande k'ibarura haherereyemo. Rero, amakarita y'udupande tw'ibarura ni igikoresho cy'ingenzi cyifashishwa mu kumenya neza ko nta hantu na hamwe hasimbutswe/hibagiranye hagamijwe ko ingo zose ziri ku butaka bw'u Rwanda zibarurwa nta na rumwe rwibagiranye.

- **Amakarita afasha mu ikusanyamakuru ry’ibarura, akanafasha gukurikirana ibikorwa by’ibarura.**

Mu gihe cy'ibarura, amakarita afasha umukarani w’ibarura kumenya nta kujijinganya imbibi z’Agapande k’Ibarura ashinzwe, bikamurinda kurenga izo mbibi cyangwa gusiga ingo zitabaruye kandi ziri mu gapande k'ibarura yahawe gukoreramo. Amakarita afasha kandi abagenzuzi b'ibarura mu gutegura ibikorwa bijyanye n'ibarura no gukurikirana imirimo y'ibarura bakurikije ingengabihe yateganyijwe.

- **Amakarita yifashishwa mu gutangaza ibyavuye mu gikorwa cy’ibarura**

Ikarita ni igikoresho cy’ingenzi mu gusakaza amakuru y’ibyavuye mu ibarura herekanwa uko bimwe mu bipimo by’ingenzi byavuye mu makuru yakusanyijwe biteye mu nzego zitandukanye z’igihugu. Kuri uru rwego, amakarita yifashishwa nk’igikoresho cy’ingenzi mu gufata ibyemezo.

### 3.1.2 Ikarita y’agapande k’ibarura

Mu Ibarura Rusange rya Gatanu ry’Abaturage n’Imiture mu Rwanda, hazifashishwa ikarita y'agapande k’ibarura igaragaza inzego zinyuranye z’imitegekere y’igihugu agapande k’ibarura (EA) gaherereyemo (Akarere, Umurenge, Akagali n’Umudugudu). Ikarita igaragaza kandi ibiranga urubibi, ndetse n’amafoto yafashwe mu bihe bitandukanye hakoreshejwe ibyuma kabuhariwe mu itumanaho (Satellites) agaragaza ibintu byose birangwa muri ako gace ndetse n’ibishushanyo by’amazu bita "Building **footprints"** mu ndimi z’amahanga.

Ikarita y’Agapande k’Ibarura ni ikarita igaragaza ku buryo bunononsoye imbibi z’agace kagenewe umukarani w’ibarura. Ako gace kagenwe ku buryo umubare w’abaturage n’umubare w’ingo ndetse n’ubuso byako byemerera umukarani w’ibarura kubarura abagatuye mu gihe giteganyijwe. Ahenshi mu gihugu, agapande k’ibarura gahuje imbibi n’umudugudu. Aho umudugudu ari munini cyane cyangwa ufite ingo nyinshi, umudugudu ugabanyijwemo udupande tubiri cyangwa turenze. Nta gapande na kamwe k’ibarura kabarizwa mu midugudu irenze umwe.

Igipimo fatizo cy'umubare w’ingo ku gapande k’ibarura ni ingo 130. Umudugudu ufite ingo zitagera ku 130 uba agapande k’ibarura kamwe. Iyo umudugudu ugizwe n’ingo nyinshi (hejuru ya 130), ukatwamo udupande tw’ibarura turenze kamwe.

Ikarita y’agapande k’ibarura igaragaza imbibi z’agapande k’ibarura n’utundi dupande tw’ibarura tugakikije, ikagaragaza kandi ku ifoto y’ibyogajuru amazu ari muri ako gapande k’ibarura. Ikarita

y’agapande k’ibarura isomwa hifashishijwe ikoranabuhanga rya GPS; bityo bigafasha uyisoma kutibeshya ku mbibi.

Akenshi imbibi zikunze kubaho ni nk’izi zikurikira:

- Umuhanda,
- Inzira cyangwa akayira;
- Umugezi cyangwa akagezi;
- Uruzitiro rw’ibihuru cyangwa ishyamba, ibindi bintu bishobora kugaragarira amaso y’umuntu. Rimwe na rimwe, imbibi zishobora no kuba imbibi z’imirima cyangwa se amasambu.

**Ibyitonderwa:**

1. Ni ngombwa ko umukarani w’ibarura akurikiza imbibi z’agapanade k’ibarura zigarara ku ikarita n’aho akorera (terrain) kurusha izo yeretswe n’abaturage cyangwa se umuyobozi w’agace yahawe gukoreramo;

2. Amazu agaragara ku ikarita y'agapande k'ibarura (building footprints) ashobora kuba atandukanye n’agaragara mu gapande k’ibarura, akaba makeya cyangwa se menshi. Ibyo bituruka ku mpinduka zaba zarabaye nyuma y’uko amafoto y'ibyogajuru (satellite) afashwe muri ako gace. Umukarani w’ibarura arasabwa kumenya neza gutandukanya amazu agaragara ndetse n’atagaragara ku ikarita afite;

3. Umukarani w'ibarura ashobora guhabwa udupande tw’ibarura turenze kamwe iyo agapande k’ibarura yahawe gafite umubare w'ingo uri hasi cyane y’umubare wateganyirijwe buri mukarani w’ibarura mu gihe cyose cy’ibarura cyangwa bibaye ngombwa ko ajya gutanga ubufasha mu kandi gapande bitewe n’impamvu zinyuranye.

### 3.1.3 Gusoma ikarita hifashishijwe telefoni ngendanwa

Ikarita y’agapande k’ibarura izifashishwa cyane mu gihe cyo kubarura inzu n'ingo (Listing). Izifashishwa cyane mu bikorwa bikurikira:

- *kumenya imbibi z’agapande k’ibarura*: umukarani azenguruka yifashishije iyo karita kugirango amenye neza aho agomba gukorera ibarura;

- *kugena amerekezo yo gukora listing: umukarani w'ibarura agena agace aheramo n'ako asorezaho* akurikije ibimenyetso ndangahantu (landmark) bigaragara ku ikarita akabigereranya n'ibiri kuri terrain;

- *Kugendagenda mu gapande k'ibarurura inzu ku yindi* yifashishije ibishushayo by'amazu bigaragara ku ikarita mu gihe ari gukora listing y'ingo.

**Umukarani w'ibarura azasoma ikarita y'agapande k'ibarura yifashishije porogaramu yitwa CSEntry ari na yo izaba irimo ibibazo bizabazwa abagize urugo mu gikorwa cy'ibarura rusange.**

#### 3.1.3.1. Gufungura ikarita muri CSEntry

Iyo umukarani w'ibarura ageze mu gapande k'ibarura, agomba gufungura telefone ye kugirango atangire akore listing y'ingo. Muri telefone yahawe, harimo porogaramu yitwa CSEntry ari na yo azakoreramo akazi ke.

Iyo amaze gufungura porogaramu ku rupapuro rubanza (Menu) abona ahanditse *Fungura Application ya listing*
akahakanda; ikarita ihita ifunguka.




Nyuma yp gukanda kuri *(2) Fungura application ya listing*, ikarita y'agapande k'ibarura ihita ifunguka




### 3.1.3.2 Iby'ingenzi bigize ikarita y'agapande k'ibarura

Nk'uko bigaragara ku ikarita tumaze kubona hejuru hari ibintu by'ingenzi biyigize umukarani w'ibarura agomba kumenya. Ibigize ikarita twabishyira mu bice 2:

**Igice cya mbere: *Ibishushanyije ku ikarita (Map Layers).*** Ibishushanyo bigaragara ku ikarita ni ibi bikurikira:

- **Urubibi rw'agapande k'ibarura**: ni umurongo ufunze uri mu ibara ry'umuhondo uri ku ikarita ukaba werekana urubibi rw'agapande k'ibarura. Umukarani rero yirinda kujya hanze yawo kuko icyo gihe aba agiye mu kandi gapande k'ibarura.
- **Ibishushanyo by'inzu (footprints):** imbere mu gapande k'ibarura hagaragaramo udushushanyo duto twakozwe hashingiwe ku bisenge by'inzu. Bifasha umukarani kureba aho ageze n'inzu yaba agezeho.
- **Utudomo (GPS points)**: buri gishushanyo cy'inzu kirimo akadomo (karimo amakuru ajyanye n'iyo footprint – GPS points) ari na ko umukarani w'ibarura azakandaho kugirango abone ibibazo cyangwa form ya listing.

**Icyitonderwa**: Umukarani ashobora kubona inyubako kuri terrain ariko idafite footprint na point kuri map (Iyo nyubako birashoboka ko yaba yarubatswe nyuma y'uko hafashwe amafoto na Satellites). Nanone ashobora kuba afite footprint kuri map ariko nta nyubako iri kuri terrain (Iyo nyubako birashoboka ko yaba yarashenywe). **Ni yo mpamvu umukarani agomba kwita cyane ku byo abona kuri terrain kugirango anoze akazi ke, naho ikarita ikamufasha mu buryo bwo kwiyobora no kugenzura ko nta gace na gato kasigaye katabaruwe.**

- Amashusho (images) agaragaza ibindi bintu bihari nk'imihanda, ishyamba n'ibindi.
- GPS location.

**Igice cya kabiri: *Inyandiko/ibimenyetso biri ku ikarita (Menu).*** Ibi bimenyetso/inyandiko bikurikira ni ingenzi kuko ari byo bifasha umukarani w'ibarura gukoresha ikarita uko abyifuza.

- **Akarangamerekezo/GPS button**: aka kamenyetso gafitanye isano na GPS location kuko iyo ugakanzeho ikarita iratembera ku buryo GPS location ijya hagati muri telefoni.
- **Reba ingo wakoreye**: iyo umukarani akanzeho, abona urutonde rw'ingo amaze gukorera lsiting.
- **Hitamo/Filter**: iyo ukanze kuri aka kamenyetso, ushobora guhitamo (1) "kureba cg kugaragaza ku ikarita inyubako wakoreye listing – **izarangiye"**, (2) "izo utarakorera listing – **izitarasurwa)** cg se (3) "kuzireba **zose".**
- **Nta footprint:** umukarani w'ibarura azakanda kuri 'nta footprint' mu gihe ashaka gukora listing y'inzu itagaragara kuri map (ni ukuvuga idafite footprint na point kuri map). Icyo gihe umukarani afata point nshya akoresheje GPS.
- **Sohoka/Exit**: iyo ukanzeho, ikarita irifunga ugasubira ahabanza (Menu).






### 3.1.3.3 Gukoresha neza ikarita y’agapande k’ibarura

Ikarita y’agapande k’ibarura ifasha umukarani kugenda mu gapande k’ibarura mu buryo bumworoheye. Kugirango ibyo bigerweho, umukarani agomba kumenya gukoresha GPS kuko ari yo imufasha kumenya amerekezo n’uko agenda ahindukira mu gace yahawe (agapande k’ibarura).

- **Kumenya gukoresha GPS**

GPS ya telefone zizakoreshwa muri iri barura rusange izahora ifunguye ku buryo umukarani w’ibarura adakeneye kuyatsa cyangwa kuyifungura. GPS ifasha umukarani w’ibarura muri ibi bintu bitatu byíngenzi bikurikira:

- Kumenya icyerekezo;
- Kumenya urugo cg inzu agezeho;
- Kumenya ko ari mu rubibi rw’Agapande k’Ibarura yahawe bityo akaba nta kosa yakora ryo kubarura inzu/inyubako ituwe incuro ebyiri cyangwa ngo hagire isigara itabaruwe cyangwa ngo ibarurirwe mu gapande k’ibarura itabarizwamo.

- **Guhindura ingano y'ikarita y'agapande k'ibarura.**

Umukarani w'ibarura ashobora guhindura ingano y’ibyo abona ku ikarita bitewe n'icyo ashaka kureba neza adashidikanya.

Ashobora kongera ubunini bw’ikarita akoresheje intoki ebyiri, agakora mw’ikarita yagura  ari byo twita "**Zoom IN"** cyangwa akayegeranya na none akokeresheje intoki ebyiri  ari byo twita **"Zoom OUT"**.





- **Kwiyobora no kumenya neza ko uri mu gapande k’ibarura.**

Iyo umukarani w'ibarura amaze **gufungura neza** ikarita y’agapande k’ibarura (gufungura neza bivuze ko aba azi neza gukora zoom in na zoom out ndetse anabona akarango ka GPS ari na ko kamuyobora), icya mbere agomba kureba ni ukumenya niba ari mu gapande k’ibarura imbere cg se hanze yako.






Ku ikarita ya (1) ibumoso, GPS iri hanze y'umurongo ugaragaza agapande k’ibarura ari na ko kaba karimo ibishushanyo by’amazu (footprints): umukarani ari inyuma y’agapande k’ibarura.
Naho ku ikarita ya (2) iburyo, GPS irimo imbere mu gapande k’ibarura: umukarani ari imbere mu gapande k’ibarura.



## 3.2. GUKORA URUTONDE RW'INGO NO KWANDIKA NIMERO KU NZU (LISTING)

Uburyo bukoreshwa mu gukora urutonde rw'ingo no kwandika nimero ku nzu ni ukuziha nimero zikandikwa muri telephone no kuri buri nzu ituwe cyangwa ishobora guturwa iri mu gapande k'ibarura. Izi nimero, umukarani w'ibarura azandika ahereye kuri 001 akazikurikiranya uko ava ku nzu no ku rugo ajya ku yindi/ku rundi kugeza ku mubare wa nyuma wandikwa ku nzu ya nyuma mu mudugudu nkuko tuza kubibona mu buryo burambuye.

Impamvu nyamukuru y'iki gikorwa ni ukugirango hatagira urugo rwibagirana cyangwa ngo rubarurwe kabiri. Ikindi ni uko umubare w'ingo wagaragajwe n'ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire mu mudugudu ari wo ushingirwaho mu gutoranya imidugudu izakorerwamo muyandi mabarura mato (Surveys) azarikurikira hakoreshejwe uburyo bwa tombola.

Nimero yahawe urugo rwa nyuma mu gapande k'ibarura ni yo igaragaza umubare w'ingo zituye muri ako gapande k'ibarura.

**Urugero**: *Niba nimero yahawe urugo rwaherukiweho guhabwa nimero mu gapande k'ibarura ari **125**, bivuze ko ako gapande k'ibarura gatuwe n'ingo 125.*

### 3.2.1 KWIMENYEKANISHA KU BUYOBOZI BW'UMUDUGUDU

Mbere yo gutangira imirimo mu mudugudu agapande k'ibarura gaherereyemo, buri mukarani w'ibarura agomba gushaka umuyobozi w'umudugudu cyangwa undi muntu mu bamwungirije (mu gihe atabonetse), akamwibwira, akamusobanurira muri make imirimo arimo, agasaba n'ubufasha muri iki gikorwa cyo kubarura inzu n'ingo biri mu gapande k'ibarura ashinzwe.

**Urugero: "***Nitwa......, ndi umukarani w'ibarura mu Ibarura Rusange rya gatanu ry'Abaturage n'Imiturire. Natumwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda* muri uyu *mudugudu. Nkuko mwagiye mubikangurirwa, Ibarura Rusange ry'abaturage n'imiturire ni igikorwa kigera kuri buri rugo na buri muntu mu rugo kugira ngo hamenyekane umubare nyawo w'abatuye u Rwanda nyuma y'imyaka 10 ibarura rusange riheruka rikozwe.*
*Kugirango hatazagira urugo rwibagirana cyangwa ngo rube rwabarurwa kabiri, kubaza amakuru y'abatuye ingo bibanzirizwa no gushyira nimero ku nzu bikazamfasha kugenzura buri gihe ko inzu yose nahaye nimero nayigezemo. Ndagira ngo mbasabe ubufasha, munyereke imbibi z'umudugudu/z'agapande k'ibarura kari mu mudugudu wanyu kugira ngo ntazarenga imbibi cyangwa ngasiga ingo zitabaruwe.*

### 3.2.2 GUKORA URUTONDE RW'INGO NO KWANDIKA/GUSHYIRA NIMERO Z'INZU N'IZ'URUGO KU NZU

Umukarani w'ibarura agomba kubanza kuzenguruka agapande k'ibarura (EA) ashinzwe kugira ngo amenye imbibi zikagize mbere yo gutangira kubarura ingo (muri telephone/tabuleti) no kwandika ku nzu nimero z'inzu n'iz'ingo/iz'ibigo bituwe bisanzwe biri muri ako gapande k'ibarura.
Inzu ihabwa nimero ni buri nzu ituwemo cyangwa idatuwemo n'abantu ariko ari cyo yubakiwe (ishobora guturwamo) cyangwa inzu ituwemo n'abantu ariko atari cyo yubakiwe. Iyo nzu ishobora kuba ari icyumba kimwe cyangwa inzu ifite ibyumba byinshi, ishobora kuba igizwe n'ibice bitandukanye (appartements/appartments/"two in one, four in one") cyangwa ari igorofa.

Nimero z'inzu n'iz'ingo zizandikwa hakurikijwe uko inzu zegeranye n'uko zikurikiranye kugira ngo hatagira inzu cyangwa ingo zisigara zidafite nimero. Muri buri gapande k'ibarura, umukarani w'ibarura yandika nimero ku nzu ahereye kuri **001**. Buri nimero ibanzirizwa n'impinamagambo **5-PHC (**Ibarura Rusange rya gatanu ry'Abaturage n'Imiturire) kandi igomba kwandikwa ahagaragara. Impamvu y'imibarwa 3 ni uko nta gapande k'ibarura kagejeje ku ngo 1000 cyangwa kurenza byatuma handikwa imibarwa 4.

**Urugero:** ***5-PHC 001/001,*** *bisobanuye ko ari inzu ya mbere* ***(001)*** *n'urugo rwa mbere* ***(001)*** *umukarani w'ibarura yahereyeho mu gapande k'ibarura ashinzwe.*

#### 3.2.2.1 Ingo zisanzwe

Kwandika nimero z'inzu n'iz'ingo biterwa n'uburyo buri nzu ituwemo. Ahenshi tuzasanga inzu imwe ituwe n'urugo rumwe ariko si ko iteka bimera. Hari aho tuzasanga inzu imwe ituwe n'ingo nyinshi cyangwa urugo rumwe rutuye mu nzu nyinshi.


- **Inzu imwe ituwe n'urugo rumwe:** Umukarani w'ibarura azandika nimero y'inzu ikurikirwe na inimero y'urugo ku rugi cyangwa ahandi hagaragara (hejuru y'urugi, ...) .

**Urugero:** ***5-PHC 001/001****, ni ukuvuga inzu ya mbere ituwe n'urugo rumwe rwa mbere mu gapande k'ibarura.*

- **Inzu imwe ituwe n'ingo nyinshi:** nimero y'inzu ni imwe kuri izo ngo zose kandi ikaba ikurikira nimero y'inzu yayibanjirije. Nimero z'ingo ziri muri iyi nzu ni zo zihinduka zonyine zikandikwa uko zikurikirana.

**Urugero:** *Mu nzu ya kabiri mu gapande k'ibarura, umukarani asanze habamo ingo 3. Niba buri rugo rufite umuryango wihariye abarugize binjiriramo, nimero zizandikwa muri ubu buryo:*

**5-PHC 002/002**
**5-PHC 002/003**
**5-PHC 002/004**





Niba ingo zose zinjirira mu muryango umwe w'inzu, nimero y'inzu na nimero z'ingo zizandikwa ku muryango wayo ku buryo bukurikira: **5-PHC 003/005-008**, bisobanuye ko iyi nzu ari iya gatatu "003" ibaruwe mu gapande k'ibarura, ikaba ituwemo n'ingo enye zifite nimero kuva kuri 005 kugeza kuri 008.

**Icyitonderwa:** Nimero z'inzu zigenda zihinduka kandi zikurikiranye uva ku nzu ujya ku yindi nta mubare usimbutswe. Nimero z'ingo na zo zigenda zihinduka kandi zikurikiranye.

- **Inzu nyinshi zituwe n'urugo rumwe**

Niba urugo rumwe rutuye mu nzu nyinshi, umukarani w'ibarura azaha buri nzu na buri rugo nimero zitandukanye kandi zikurikiranye ahereye ku nzu ituwemo na nyiri urugo, hanyuma yuzuze ahabugenewe igisubizo kijyanye n'uburyo asanze izo nzu zituwemo:
Muri telephone, ku nzu ituwemo na nyiri urugo, ahitamo ko ari **"Inzu ituwe n'urugo"**; ku nzu ituwemo/inzu zituwemo n'umwe/na bamwe mu bagize urugo rwa nyiri urugo (umukozi, umwana, ...), ahitamo ko "**Inzu ituwe na bamwe mu bagize urugo"** kuri **L12**. Ku nzu zituwe na bamwe mu bagize urugo, azandika isano y'umwe mu bagize urugo utuye muri iyo nzu ku kibazo **L13** kigamije kumenya amazina ya nyiri urugo. **Urugero:** Umwana wa/abana ba nyiri urugo, Umuvandimwe wa nyiri urugo...

**Urugero:** ***5-PHC 004/009****: Inzu ya Nyiri urugo*
***5-PHC 005/010:*** *Inzu iraramo abana ba nyiri urugo*
***5-PHC 006/011:*** *Inzu iraramo abakozi ba nyiri urugo.*




- **Inzu z'amagorofa**

Muri iri barura, inyubako z'amagorofa zashyizwe mu byiciro 4 hagamijwe koroshya uburyo bwo kuzibarura no kuzishyiraho nimero:

1. **Igorofa idatuwe ariko yaruzuye kandi yaragenewe guturwamo:**

Umukarani w'ibarura azayigeraho abaze niba nta muntu utuyemo. Nasanga nta muntu utuyemo, azayishyiraho nimero ahitemo ko ari inzu idatuwe ku **kibazo L12** akomereze ku nzu/inyubako ikurikiyeho.

2. **Igorofa y'ubucuruzi ituwemo n'urugo:**

Ku nyubako y'ubucuruzi iri mu gapande k'ibarura, umukarani w'ibarura agomba kuyigeraho akegera abayobozi bayo akababaza niba nta bantu bayituyemo. Iyo asanze hari igice cyayo (appartement cyangwa ibyumba bibamo urugo/ingo), abarura buri appartement cyangwa buri cyumba gituwe n'urugo (nimero y'inzu imwe hose) na buri rugo ruyituyemo akaruha nimero yihariye hanyuma ashyire nimero y'inzu na nimero y'urugo kuri buri appartement cyangwa icyumba gituwe n'urugo ku muryango rwinjiriramo.

3. **Igorofa y'ubucuruzi idafite umuntu utuyemo ariko ku ikarita y'agapande k'Ibarura (Map) hariho nimero iyiranga (Footprint number):**

Icyo gihe, umukarani w'Ibarura asabwe gukanda kuri iyo nimero iyiranga igaragara ku ikarita hanyuma agahitamo ko **"Nta muntu utuye mu nzu/inyubako" ku kibazo L10B**. Nta nimero azashyira kuri iyi nyubako nubwo ayifite muri application ya telephone.

4. **Igorofa yagenewe guturwamo (ifite appartements nyinshi zagenewe guturwamo)**

Appartements zose, ari izituwe ari n'izidatuwe, zizashyirwaho nimero: nimero y'inzu ni imwe kuri appartements zose, nimero z'ingo ni zo zihinduka uva ku rugo rumwe ujya ku rundi. Ku bice (appartements) bidatuwe, umukarani w'ibarura ahitamo ko **"Inzu idatuwe"ku kibazo L12** ariko ni ngombwa ko azajya ahagaruka kubaza niba ibice bitari bituwe byaba byaratuwe kugirango ingo zirimo zibarurwe.

**Urugero:** Umudugudu w'ikitegerezo wa Karama muri Nyarugenge aho bita Norvege ugizwe n'amagorofa atatu atuwemo n'ingo zitandukanye. Muri buri gorofa, nimero y'inzu izaba imwe ku ngo zose zirimo. Umukarani w'ibarura azagena amerekezo muri iyo gorofa nkuko bikorwa mu gapande k'ibarura: azahera kuri etage (floor) yinjiriyeho, buri gice (appartement) cyagenewe guturwa agihe nimero y'inzu na nimero nta appartement asimbutse (yaba ituwe cyangwa idatuwe) akomeze kuri etage ikurikira kugeza azirangije. Mu gorofa ya kabiri n'iya gatatu na ho, bizagenda bityo. Niba ku igorofa yambere yatangiriyeho nimero y'inzu ari 001, igorofa ikurikiyeho izaba ifite nimero y'inzu 002 naho iya gatatu ihabwe nimero y'inzu 003.

*Tuvuge ko igorofa cyangwa Bloc ya mbere igizwe na appartements 100. Niba umukarani w'ibarura ari ho atangiriye, azashiraho nimero z'inzu n'iz'ingo mu buryo bukurikira:*

5-PHC 001/001 : Urugo rwa mbere
5-PHC 001/002
.
.
. Bloc ya mbere
.
.
5-PHC 001/100 : Urugo rwa nyuma

***Niba Bloc ya kabiri igizwe n'ingo 150, hazatangwa nimero mu buryo bukurikira:***

5-PHC 002/001
5-PHC 002/002
5-PHC 002/003
. **Bloc ya kabiri**
.
.
.
5-PHC 002/150

….. Gutyo gutyo.

**Ibyitonderwa:**

1. Mu gihe cy'ibarura nyirizina, umukarani w'Ibarura agomba kwibuka ko za nimero yagiye yandika kun zu ziranga nimero y'inzu na nimero y'urugo ari zo yongera kuzuza muri Application ya telephone aho bazimusabye ndetse n'amazina ya nyiri urugo mu gihe atahindutse.
2. Igihe cyose aje kubaza amakuru mu ngo, umukarani w' ibarura agomba kugenzura niba nta rugo rushya rwavutse nyuma y'igikorwa cyo gukora urutonde rw'ingo no kwandika nimero ku nzu kugirango rutibagirana. Iyo arubonye, asubira ahagenewe kuzuza amakuru ajyanye n'igikorwa cyo gukora urutonde rw'ingo no kwandika nimero ku nzu akaruha nimero y'inzu na nimero y'urugo ikurikira iya nyuma yari yarasorejeho muri ako gapande k'ibarura, yuzuze n'andi makuru yose ajyanye na listing hanyuma abarure abarugize.
3. Mu gihe cy'ibarura (Kubaza amakuru mu ngo), umukarani w'ibarura agomba kubaza neza niba inzu zari zituwe na bamwe mu bagize urugo (abana cyangwa abakozi ba nyir'urugo) zigituwe na bo kuko hagati aho zishobora kuba zaratuwe n'izindi ngo. Niba zaratuwe n'izindi ngo (abapangayi), azabanza ahindure igisubizo yari yahisemo ku kibazo kibaza uburyo inzu/inyubako ituwemo aciye muri application ya listing akuremo amakuru yavugaga ko inzu/inyubako ituwe n'umwe mu bagize urugo ahitemo ko inzu ituwe n'urugo, yuzuze n'ibindi bibazo byose bibazwa abone kurubarura.
4. **Ku nzu zidatuwemo*:*** kuri izo nzu, umukarani w'ibarura azaziha nimero y'inzu na nimero y'urugo ariko ku buryo bw'imiturire ahitemo ko inzu idatuwe nk'uko bigaragara kuri listing form.
5. ***Inzu igaragara ko yuzuye ishobora guhita iturwamo ni ukuvuga inzu isakaye kd ikinze:*** ni ngombwa kuyiha nimero y'inzu na nimero y'urugo. Inzu zikiri kubakwa bigaragara ko zitahita ziturwamo, nta nimero zigomba gushyirwaho
6. ***Inzu itari ituwemo mu gihe cyo gushyira nimero kunzu no kungo ikaza guturwa mu gihe cy'ibarura nyirizina:*** Ni ngombwa ko umukarani w'ibarura, mbere yo kubarura uru rugo, abanza kubaza niba aho bari batuye mbere batarabaruwe. Niba basubije ko babaruwe abaza aho babaruriwe kugira ngo bikurikiranwe bamenye niba barababaruwe koko (kuko bashobora kwitiranya Igikorwa cyo gushyira nimero ku nzu no kungo nigikorwa cy'Ibarura nyirizina kandi atari byo).

7. ***Umuntu uzimukira ahandi nyuma y'ijoro ry'ibarura atabaruwe kandi inzu ye yaramaze guhabwa nimero*** azabarurirwa aho bamusanze niba azaba afite gahunda yo kuhaguma. Icyo gihe muri raporo ya nyuma y'umuhuzabikorwa w'ibarura mu murenge, hazagaragazwa impamvu yabaruriwe aho kandi ijoro ry'ibarura ritarahamusanze (umuntu abarurirwa aho atuye kubera ko igenamigambi rikorwa hakurikijwe abatuye aha n'aha). Aho yaratuye mbere ntazabarurwa ahubwo bizagaragazwa muri raporo ya nyuma y'umuhuzabikorwa w'ibarura mu murenge impamvu atabaruriwe aho kandi mu ijoro ry'ibarura yarahatuye.
8. Iyo inzu cg urugo rumwe ruri mu gipangu cyihariye, umukarani w'ibarura asabwa kwandika ku muryango w'igipangu inyuma nimero y'inzu na nimero y'urugo ihuye n'iyo yanditse ku muryango w'inzu imbere.
9. Iyo igipangu kirimo inzu/ingo nyinshi, umukarani w'ibarura yandika nimero y'inzu na nimero y'urugo kuri buri nzu/urugo biri muri icyo gipangu, hanyuma ku muryango w'igipangu inyuma akandikaho nimero y'inzu ya mbere akanyerezo nimero y'inzu ya nyuma iri muri icyo gipangu akarongo kaberamye nimero y'urugo rwa mbere akanyerezo nimero y'urugo ryanyuma ruri muri icyo gipangu.

   **Urugero:** Igipangu kirimo inzu eshatu zituwe n'ingo eshatu mu buryo bukurikira,

5-PHC 003/005
5-PHC 004/006
5-PHC 005/007
kizandikwaho: **5-PHC 003-005 / 005-007**

**Nimero z'Inzu** **Nimero z'Ingo**

Bisobanuye ko ari igipangu kirimo inzu eshatu zifite nimero kuva kuri 003 kugeza kuri 005 kandi zituwe n'ingo zifite nimero kuva kuri 005 kugeza kuri 007.

10. Ibikoni, imisarani, ibyumba bakarabiramo, inzu zigenewe kubikwamo ibikoresho,… ntibishyirwaho nimero.

**3.2.2.2 Ibigo bituwe.**

Hari ubwoko bubiri bw'ibigo bituwe: **ibigo bituwe bidasanzwe n'ibigo bituwe bisanzwe**. Ibigo bidasanzwe bigizwe n'ibigo bibamo abashinzwe umutekano (Polisi, abasirikare), ibigo bibamo imfungwa n'abagororwa (gereza) n'inkambi z'impunzi. Ibigo bisanzwe ni nk'ibigo by'abihaye Imana, amashuli, amavuliro, ibigo by'imfubyi n'ibindi.

- **Uburyo  ibigo  bituwe ariko bisanzwe bizabarurwa**

Ibigo bituwe ariko bisanzwe bizabarurwa nk'ingo zisanzwe, bikorwe n'umukarani w'ibarura ukorera mu gapande k'ibarura biherereyemo. Ku kibazo cya L11 (icyiciro cy'urugo), azahitamo ko ari ikigo gisanzwe.

**Urugero**: *Niba inzu iheruka guhabwa nimero mu gapande k'ibarura ifite nimero **5-PHC 057/065**, ikigo kizaba gikurikira iyi nzu kizandikwaho gutya: **5-PHC 058/066.***

Ku bigo byose bituwe, nimero zizandikwa aho binjirira gusa.

- **Uburyo ibigo bituwe bidasanzwe bizabarurwa**

Kwandika nimero kuri ibi bigo bizakorwa n'abakarani b'ibarura bashinzwe kubibarura. Buri mukarani w'ibarura mu bigo bituwe bidasanzwe azandika nimero mu buryo busanzwe (uburyo bumwe nk'ubwo gushyira nimero ku ngo zisanzwe), hanyuma  ahitemo igisubizo "Ikigo gituwe kidasanzwe" kuri L11. Niba mu gapande k'ibarura kamwe harimo ibigo bituwe bidasanzwe birenze kimwe kandi bitandukanye, buri kigo kizahabwa nimero 001/001 hatitawe ko hari ibindi bigo bidasanzwe biri mu gapande k'ibarura kamwe.

**Urugero:** *Mu gapande k'ibarura, harimo ikigo cya polisi n'ikigo cya gisirikare. Umukarani w'ibarura mu kigo cya polisi azandika **5-PHC 001/001** n'umukarani w'ibarura mu kigo cya gisirikare azandika **5-PHC 001/001.***

Abakarani b'ibarura bo mu bigo bidasanzwe bazaba bafite nimero y'umukarani w'ibarura yihariye ibatandukanya n'iy'abakarani b'ibarura bo mu ngo zisanzwe.

Kubera ko mu kigo kimwe kidasanzwe hashobora gukoramo abakarani b'ibarura benshi, kwinjiza nimero y'ikigo muri telefone bizakorwa n'umukarani umwe hanyuma agisangize abandi (sharing) kugira ngo buri wese abone uko abarura abantu baba muri icyo kigo akoresheje telefone ye.

- **Uburyo ingo zisanzwe ziri mu bigo bituwe zizabarurwa**

Birashoboka ko mu bigo bituwe (ibisanzwe cyangwa ibidasanzwe) haba harimo ingo zisanzwe. Izo ngo zigomba kubarurwa nk'izisanzwe n'abakarani b'ibarura bashinzwe kubarura ibyo bigo. Urugo rwa mbere mu kigo runaka, umukarani w'ibarura azaruha nimero y'inzu na nimero y'urugo zikurikira izo yahaye icyo kigo hanyuma yandike ahabugenewe ko ari urugo rusanzwe. Niba harimo ingo nyinshi azazikurikiranya nkuko bisanzwe hanyuma ahitemo igisubizo "Urugo rusanzwe" ku kibazo L11.

**Ingero:**

- *Mu gapande k'ibarura, harimo ikigo cy'ishuli. Umukarani w'ibarura yagihaye nimero* ***5-PHC 058/066*** *kandi bamubwiye ko muri icyo kigo harimo ingo 2: urw'umuyobozi w'ikigo n'urw'ushinzwe imyifatire y'abanyeshuli. Niba urugo rwa mbere agezeho ari urw'umuyobozi w'icyo kigo, arandikaho* ***5-PHC 059/067)*** *naho ku rw'umuyobozi ushinzwe imyifatire y'abanyeshuri, yandikeho* ***5-PHC 060/068*** *hanyuma, ku kibazo kigamije kumenya icyiciro cy'urugo (****L11)****, kuri buri rugo, ahitemo ko ari urugo rusanzwe.*
- *Mu gapande k'ibarura harimo ikigo cya polisi. Umukarani w'ibarura muri icyo kigo yagihaye nimero* ***5-PHC 001/001*** *kandi muri icyo kigo asanzemo ingo zisanzwe. Urugo rwa mbere araruha nimero ikurikira nimero yahawe ikigo, ni ukuvuga* ***5-PHC 002/002,*** *hanyuma ahitemo ko ari urugo rusanzwe ku kibazo* ***L11****. Ingo zose ziri muri icyo kigo azazikurikiranya kugeza ku rwa nyuma kandi zose asubize ko ari ingo zisanzwe.*

**Ibyitonderwa:**

1. **Ku nzu z'ubutegetsi:** (ibiro by'Umudugudu, by'Akagari, by'Umurenge, by'Akarere, by'Intara, Minisiteri...), ndetse **no ku nyubako z'insengero/kiliziya, inganda, inzu z'ubucuruzi,…** nta nimero zijyaho. Ariko, umukarani w'ibarura agomba kumenya neza niba nta rugo rurimo mbere yo kuhava. Mu gihe asanzemo urugo, agomba kuruha nimero y'inzu na nimero y'urugo kandi akazibuka kurubarura.
2. **Inzu y'ubucuruzi irarwamo na nyir'ubucuruzi** acunze umutekano w'ibicuruzwa bye ntizashyirwaho numero mu gihe afite urugo abarizwamo.
3. **Inzu y'ubucuruzi inatuwemo n'urugo** izashyirwaho nimero y'inzu n'iy'urugo. Umukarani w'ibarura agomba kwibuka kubarura urwo rugo mu gihe cy'ibarura nyirizina.
4. **Ku nzu zidatuwemo***:* kuri izo nzu, umukarani w'ibarura aziha nimero y'inzu na nimero y'urugo ariko ku kibazo kigamije kumenya uburyo inzu ituwemo **L12,** ahitemo ko inzu idatuwe.
5. **Inzu igaragara ko yuzuye ishobora guhita iturwamo***:* ni ngombwa kuyiha nimero y'inzu na nimero y'urugo. Inzu zikiri kubakwa bigaragara ko zitahita ziturwamo, nta nimero zigomba gushyirwaho.
6. **Ku kigo kidatuwe:** ibigo bidatuwe, nta nimero bigomba guhabwa.
7. **Abantu batuye mu nkambi z'impunzi**: bazabarurwa nk'ikigo gituwe mu gihe bazaba bagaburirwa hamwe, ntawe utekera iwe aho arara. Mu gihe bahabwa ibyo kurya bakitegurira amafunguro, bazabarurwa nk'ingo zisanzwe, bivuga ko inzu zituwemo n'ingo zizandikwaho nimero z'inzu n'iz'urugo.

8. Umukarani w'ibarura agomba kugenzura buri gihe ko nta **rugo rushya rwavutse cg rwimukiye mu gapande k'ibarura nyuma y'igikorwa cyo gushyira nimero ku nzu no ku ngo** kugirango rudasigara rutabaruwe. Iyo arubonye, asubira ahagenewe kuzuza amakuru ajyanye n'igikorwa cyo gushyira nimero ku nzu no ku ngo (Listing) akaruha nimero y'inzu na nimero y'urugo ikurikira iya nyuma yari yasorejeho muri ako gapande k' ibarura akuzuza n'andi makuru asabwa mbere yo kubarura abarugize.

9. **Ku nzu yari ituwe na bamwe mu bagize urugo cyangwa inzu itari ituwe*:*** umukarani w'ibarura agomba kubaza akamenya niba zaratuwe n'izindi ngo kugirango azibarure. Ariko nanone, agomba kubanza kumenya niba izo ngo zitarabaruriwe aho zari zituye kugirango zitabarurwa kabiri.

10. **Abasirikare, abapolisi cyangwa abandi bose baba mu bigo bazabarurirwa mu bigo nk'abasanzwe bahaba hatitawe ko bafite ingo hanze cyangwa ntazo bafite.** Igihe bazaba baraye mu ngo zabo mu ijoro ry'ibarura, bazabarurwa nk'abashyitsi muri izo ngo. Abafite ingo hanze kandi bazibamo, bazabarurirwa mu ngo zabo. Abafite ingo zisanzwe mu bigo (kubera akazi) kandi bafite n'izindi hanze y'ikigo bazabarurwa nk'urugo rusanzwe mu kigo nk'abasanzwe bahaba. Niba ijoro ry'ibarura ribasanze mu ngo zabo ziri hanze y'ikigo, bazazibarurwamo nkábashyitsi.

11. **Urugo ruzimukira ahandi nyuma y'ijoro ry'ibarura rutarabarurwa kandi inzu rwari rutuyemo yaramaze guhabwa nimero*:*** abarugize bazabarurirwa aho babasanze niba bazaba bafite gahunda yo kuhaguma. Icyo gihe, muri raporo ya nyuma y'umuhuzabikorwa w'ibarura mu murenge babaruriwemo, hazagaragazwa impamvu babaruriwe aho kandi ijoro ry'ibarura ritarahababasanze (umuntu abarurirwa aho atuye kubera ko, kuri buri rwego rw'ubuyobozi, igenamigambi rikorwa hakurikijwe umubare w'abaturage rufite). Aho bari batuye mbere ntibazabarurwa ahubwo bizagaragazwa muri raporo ya nyuma y'umuhuzabikorwa w'ibarura mu murenge impamvu batabaruriwe aho kandi bari bahari mu gihe cyo gukora urutonde rw'ingo mu gapande k'ibarura.

12. **Ikiranga urugo rwabaruwe:** iyo umukarani w'ibarura amaze kubarura abagize urugo, ashyira imbere ya nimero y'inzu n'iy'urugo yanditse ku nzu akamenyetso **"√".**

**Urugero:** *Urugo PHC-025/069 rumaze kubarurwa, inimero izaba iteye itya:*

√ ***5-PHC-025/069***

## UMUTWE WA KANE: KUBAZA AMAKURU MU NGO NO KUZUZA INTONDE Z'IBIBAZWA MURI TELEFONI NGENDANWA/TABULETI

### 4.1 IBISABWA UMUKARANI W'IBARURA MU GIHE CYO KUBAZA AMAKURU

#### 4.1.1 Kwimenyekanisha

Kugirango ushobore kubona amakuru ushaka mu rugo ugezemo, ni ngombwa gutegura abo uhasanze, ukababwira uwo uri we n'ikikugenza kugirango ubarememo icyizere.
Muri buri rugo rwose uzageramo, uzasuhuze abo uhasanze, uvuge uti :

**"Muraho, Nitwa……………………….. Ndi umukarani w'ibarura, natumwe n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe Ibarushimibare mu Rwanda. Turi mu gikorwa cy'Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ririgukorwa mu gihugu hose no mu ngo zose. Iri barura rusange rigamije kumenya umubare w'abaturarwanda bose n'ibibaranga by'ingenzi; bikazafasha igihugu mu igenamigambi rigamije imibereho myiza y'abaturarwanda muri rusange. Nifuzaga kuganira na nyiri urugo cyangwa umuhagarariye. Muri rusange, ibibazo tubabaza bitwara nibura iminota 30. Ibisubizo byose mutanga bizagirwa ibanga. Ndizera ko munyemerera tukaganira kuko ibisubizo byanyu ari ingirakamaro".**

Niba nyiri urugo cyangwa umuhagarariye amaze kukwakira, uzamwereka urwandiko rusaba kubonana n'abazi iby'urugo hanyuma umubwire ko hari ibibazo ugomba kumubaza byateganyijwe mu rwego rw'iri Barura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire kandi umumenyeshe ko ibyo mugiye kuganira **bishingiye ahanini ku ijoro ryo ku wa 15 rishyira uwa 16 Kanama 2022.**
Umurimo wo kubarura urugo uzatangira ari uko nyiri urugo cyangwa umuhagarariye akwemereye ikiganiro.

#### 4.1.2 Kwitwararika no kwirinda imyitwarire imwe n'imwe mu kiganiro.

Kugirango umukarani w'ibarura abone amakuru yuzuye kandi y'ukuri, agomba kwirinda ibi bikurikira:

- Kuganira ibyerekeranye na politiki, amadini n'ibindi byose nka byo bitagira aho bihuriye n'akazi ashinzwe;
- Kuba hari uguherekeje mu gihe urimo gukora ibarura mu rugo;
- Gukoresha undi utarabihuguwemo cyangwa utabiherewe uburenganzira n'abamukuriye kugirango amusimbure mu murimo w'ibarura;
- Kubarurira abantu ahandi hatari mu rugo rwabo;
- Kubarura abatuye urugo hari abandi bantu batari abo muri urwo rugo.

## 4.2 UBWOKO BW'INTONDE Z'IBIBAZWA

Nkuko twabibonye, muri telefone y'umukarani w'ibarura harimo intonde z'ibibazwa (urutonde rw'ibibazwa mu ngo zisanzwe n'urutonde rw'ibibazwa mu bigo bituwe), agatabo k'amabwiriza, ikarita y'agapande k'ibarura n'ibindi.

### 4.2.1 Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ingo zisanzwe

Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ingo zisanzwe rugizwe n'ibice bine bitandukanye twise ibika:

- **Igika cya mbere** (ML) ku rupapuro rwa mbere kigizwe n'**Irangarugo** (aho urugo ruherereye): Intara, Akarere, Umurenge, Akagali, Umudugudu. Izi nyuguti "**ML**" zavuye mu nyito y'iki gika mu rurimi rw'icyongereza (**Main Localisation**); "Main" yongeweho hagamijwe gutandukanya ibyiyuzuza ndetse n'ibibazwa muri iki gika cyiswe "**L**" (**Localisation**) muri "listing" nkuko twabibonye n'ibibazwa mu ntonde z'ibibazwa nkuko biza gusobanurwa mu buryo burambuye.

- **Igika cya kabiri (P)** kigizwe n'ibibazo bigamije kumenya umubare w'abantu bose bafatwa nk'abagize urugo rubarurwa n'imiterere yabo (ibiranga buri umwe wese muri bo nk'imyaka y'amavuko, igitsina, irangamimerere, aho bavukiye, ubwenegihugu, kubaho kw'ababyeyi ku bana batagejeje ku myaka 18 y'amavuko n'ibindi), akaba ari cyo gika cy'ingenzi mu ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire.

- **Igika cya gatatu (S)** kigizwe n'imbonerahamwe y'umubare w'abantu babaruwe mu rugo hakurikijwe igitsina n'uburyo bari batuye muri urwo rugo mu ijoro ry'ibarura (abasanzwe baba mu rugo kandi baharaye mu ijoro ry'ibarura, abasnzwe baba mu rugo ariko bataharaye mu ijoro ry'ibarura, abashyitsi baraye mu rugo mu ijoro ry'ibarura).

- **Igika cya kane** (**H**) kigamije kugaragaza uburyo bw'imiturire mu gace urugo ruherereyemo, uburyo inzu zituwemo n'imiterere yazo, ibikoresho byubatse inzu ingo zibarurwa zituyemo, Isuku n'isukura mu ngo no kurengera ibidukikije, ibikoresho bimwe na bimwe nka radiyo, telefoni, imodoka, ndetse n'ibijyanye n'ubuhinzi-bworozi by'urugo.

- **Igika cya gatanu** (**M**) kirebana n'impfu zabaye mu ngo mu mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura.

### 4.2.2 Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ibigo bituwe

Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ibigo bituwe rugizwe n'ibice bibiri bikurikira**:**

- **Igika cya mbere** (ML) ku rupapuro rwa mbere kigizwe n'**Irangakigo** (aho ikigo giherereye).
- **Igika cya kabiri** (**P**) cyerekeye imiterere ya buri muntu uba mu kigo. Ibibazo bibazwa mu bigo bituwe bisa n'ibyo mu rutonde rw'ibibazwa mu ngo zisanzwe ariko, mu bigo bituwe, habazwa ibibazo bikeya.

## 4.3 KUZUZA INTONDE Z'IBIBAZWA

Intonde z'ibibazwa, rwaba urw'ibibazwa mu ngo zisanzwe, rwaba urw'ibibazwa mu bigo bituwe, zashyizwe muri telefone ya buri mukarani w'ibarura. Umukarani w'ibarura agomba kwitwararika amabwiriza yose, yaba ayanditse muri aka gatabo cyangwa muri telefone, akuzuza amakuru ahawe kuri buri kibazo kugeza asoje ikiganiro mu rugo. Amakuru abazwa kandi yuzuzwa igika ku kindi.

### 4.3.1 IGIKA ML: AHO URUGO/RUHEREREYE N'IBIRURANGA

**ML01-ML07: Irangarugo**

Amakuru ajyanye n'aho urugo ruherereye (**ML01**: Intara/Umujyi wa Kigali, **ML02**: Akarere, **ML03**: Umurenge, **ML04**: Akagali, **ML05:** Umudugudu, **ML06**: Nimero y'agapande k'ibarura na **ML07**: Umujyi/Icyaro) yizana muri telefoni/tabuleti umukarani w'ibarura akimara kwandika kode cyangwa nimero imuranga. Umukarani w'ibarura aributswa kureba neza niba irangarugo ritanzwe na telefoni/tabuleti rihura n'iry'agapande k'ibarura agomba gukoreramo. Kuri buri rugo rumaze kubarurwa, umukarani w'ibarura ahita afata ibipimo bya GPS by'aho urwo rugo ruherereye.

**ML08-ML13: Ibibazo kuva kuri Nimero y'inzu/inyubako kugeza ku cyiciro cy'urugo**

Iyo umukarani w'ibarura akanze ku kadomo kari mu ibara ry'umuhondo ku karita y'agapande k'ibarura (inzu n'urugo byamaze guhabwa nimero mu gikorwa cyo kubarura inzu n'ingo um gapande k'ibarura/listing), amakuru kuri ibi bibazo yizana muri telefone. Icyo umukarani w'ibarura asabwa ni ukwemeza ko ayo makuru ari yo.

**ML14: Kwemera ikiganiro**:

Iyo umukarani w'ibarura amaze kwibwira nyiri urugo cyangwa umuhagarariye bakamwemerera ikiganiro, ahitamo igisubizo "Yemeye ikiganirotelefone ikamujyana ku kibazo P01.

Iyo ikiganiro kitabaye, umukarani w'ibarura ahitamo "Ikiganiro ntikibaye", telefone ikamujyana ku kibazo L15 kigamije kumenya impamvu urugo rutabaruwe.

**Icyitonderwa:** Mbere yo gufungura telefone no kuzuza amakuru, buri mukarani w'ibarura agomba kubanza kumenya neza ko yemerewe ikiganiro na nyiri urugo cyangwa umuhagarariye. Urugo agezeho agasanga nta muntu uhari wo kumusubiza, ntiyemewe gufungura telefone; ajya ku rugo rukurikira.

**ML15: Impamvu urugo rutabaruwe**

**Impamvu zishoboka zateganyijwe ni izi zikurikira:**

1. **Inzu ntigituwe**: Mu gihe cyo kwandika nimero z'inzu n'iz'ingo, inzu yari ituwe none umukarani w'ibarura asanze nta rugo rurimo. Kubera ko ishobora kuba yakongera igaturwamo, umukarani w'ibarura agomba kujya abaza amakuru yayo cyangwa akajya ahanyura kugira ngo amenye ko yaba yaratuwe. Niba hari abantu baje gutura muri iyo nzu nyuma yo kuyibarura nk'itagituwe, ni ngombwa ko babarurwa ariko nyuma yo kubaza niba batarabaruriwe aho bari batuye mbere yo kwimukira muri iyo inzu. Iyo bimutse barabaruwe, ntibongera kubarurwa.
2. **Inzu yahinduwe iy'ubucuruzi**: umukarani w'ibarura asanze icururizwamo kandi yari ituwe mu gihe yayishyiragaho nimero. Mbere yo guhitamo iki gisubizo, ni ngombwa kubanza kubaza neza niba nta muntu n'umwe uba muri iyo nzu n'ubwo yaba icururizwamo. Mu gihe icururizwamo kandi ikaba ituwemo, ni ngombwa kubarura abo bayituyemo nyuma yo kubaza niba batarabaruriwe aho bari batuye mbere.
3. **Inzu yarasenyutse:** inzu yari ituwe mu gihe cyo gushyiraho nimero none ubu ntihari (yarasenyutse rwose) cyangwa ntishobora guturwamo kubera hari ibice by'ingenzi byasenyutse.
4. **Yanze gusubiza:** nyuma yo gusobanurirwa neza ibyerekeranye n'iri barura, nyiri urugo cyangwa umuhagarariye yanze gusubiza. Kubera ari itegeko ko buri muturarwanda wese asubiza ibibazo byose byateganyijwe muri iri barura, umukarani w'ibarura agomba guhita amenyesha urwego rumukuriye ko hari urugo rwanze gusubiza kugira ngo bamufashe mbere y'uko yemeza iki gisubizo. Iyo nyiri urugo yemeye gusubiza, aragaruka akarubarura. Iyo abamukuriye bamubwiye ko na bo yabangiye kandi bamuhaye uburenganzira bwo guhitamo iki gisubizo, agikandaho agakurikiza amabwiriza abona muri telefone.

5. **Abatuye urugo ntibahari mu gihe cyose cy'ibarura:** umukarani w'ibarura akanda kuri iki gisubizo iyo yahawe amakuru yizewe neza ko abatuye muri urwo rugo batimutse, ko badahari by'igihe gito ariko ko bazagaruka nyuma y'igihe cy'ibarura. Agomba kubanza kubimenyesha abamukuriye bakaba ari bo bafata icyemezo cyo guhitamo iki gisubizo mu minsi yegera umusozo w'igihe cy'ibarura cyateganyijwe.

**Icyitonderwa:** Izi mpamvu ebyiri za nyuma z'uko ikiganiro kitabaye "**Yanze gusubiza**", "**Abatuye urugo ntibahari mu gihe cyose cy'ibarura**" zemezwa mu minsi yegereza umunsi wa nyuma w'ibarura mu ngo cyangwa ku munsi wa nyuma kandi na bwo icyemezo gifashwe n'abahagarariye igikorwa cy'ibarura ku rwego rw'umurenge cyangwa rw'akarere.

### 4.3.2 IGIKA P: IMITERERE YA BURI MUNTU URI KU RUTONDE RW'ABABARURWA MU RUGO

#### 4.3.2.1 Urutonde rw'ababarurwa mu rugo hakurikijwe amasano bafitanye na nyiri urugo

Mbere yo gutangira kuzuza amakuru muri telefoni/tabuleti, umukarani w'ibarura agomba kubanza gukora urutonde rw'abagize urugo mu ikaye ye ahereye kuri nyiri urugo. Abaza amazina ya nyiri urugo (iry'umuryango n'irindi/andi mazina ye) akayandika agakomeza abaza amazina y'abandi basanzwe baba mu rugo n'abashyitsi baraye mu rugo mu ijoro ry'ibarura nkuko bakurikirana ku rutonde rwateganyijwe ku rutonde rw'ibibazwa mu ngo zisanzwe (Reba umugereka wa 4 w'aka gatabo, paji y'Urutonde rw'abagize urugo). Byumvikane ko agirana ikiganiro na nyiri urugo cyangwa umuhagarariye kugira ngo amenye uko abakurikiranya yifashishije uru rutonde.

**Ibyitonderwa:**

- Mu gukora urutonde rw'ababarurwa mu rugo muri telefone, umukarani w'ibarura agomba kwandika amazina ari mu ikaye ye amaze kwibukiranya n'uwo baganira kugirango akosore aho yaba yibeshye. Agomba kumenyesha uwo baganira ko amakuru yose amuha ayandika muri telefone y'akazi, ko agiye kwandika amazina y'abasanzwe bagize urugo nkuko babiganiriye. Uko ageze ku muntu ugomba kujya ku rutonde, asubiriramo ibyo bamubwiye. Iyo uwo baganira yemeye, yuzuza amakuru akenewe muri telefone agakomereza ku wundi. **Urugero:** *Wambwiye ko amazina ya nyiri urugo ari "Mutware Paul" kandi ko yaharaye mu ijoro ry'ibarura… Wambwiye ko Mahoro Mariya ari umugore wa Mutware Paul…Tugeze ku mwana wanyu, Kagisha Fred. Wambwiye ko yiga mu Buhinde…*

- Ni ngombwa ko umukarani w'ibarura yita ku kumenya abajya ku rutonde rw'abagize urugo. Urutonde rw'abagize urugo rujyaho **abasanzwe baba mu rugo** (abaharaye n'abataharaye mu ijoro ry'ibarura) hamwe n'**abashyitsi** baharaye mu ijoro ry'ibarura (**15-16/08/2022)**. Abatakihaba ntibashyirwa kuri uru rutonde.
- Niba hari abashyitsi baraye mu rugo mu ijoro ry'ibarura, abandika inyuma y'abasanzwe baba mu rugo.
- Urutonde rw'amazina y'abagize urugo hakurikijwe amasano bafitanye na nyiri urugo rukoreshwa gusa mu kubarura urugo rusanzwe, ntirukoreshwa ku kigo gituwe.

#### 4.3.2.2 Urutonde rw'bibazwa ku miterere y'ababarurwa mu rugo (Igika P)

**Igika P** kigizwe n'ibibazo 93 bigabanyije mu byiciro 10 bitandukanye. Ibyo byiciro ni ibi bikurikira:

1. **P01A-P07B:** Ibi bibazo bigamije gutanga amakuru y'ibanze ku miterere y'abagize urugo n'abashyitsi baraye muri urwo rugo mu ijoro ry'ibarura (amazina, isano na nyiri urugo, igitsina, imyaka y'amavuko, irangamimerere n'uburyo batuye mu rugo rubarurwa).

**Icyitonderwa:** Abashyitsi babazwa ibi bibazo byonyine P01-P07B, bagahagararira aho.

2. **P08A-P08C**: Ibi bibazo bibazwa abasanzwe batuye mu rugo bafite nibura imyaka 12 y'amavuko ariko batakiri ingaragu. Bigamije kumenya umubare w'abagore ku bagabo bafite abagore benshi (P08A), umwanya w'urushako ku bagore bafite abagabo bashatse abagore benshi (P08B) n'imyaka y'amavuko bari bafite bashaka bwa mbere ku bantu bose bagaragaje ko bigeze gushaka kabone n'ubwo baba batakibana n'abo bashakanye (P08C).
3. **P09A-P14**: Ibi bibazo bigamije gutanga amakuru arebana no kwimuka, ubwenegihugu, idini n'ubwishingizi bwo kwivuza ku bagize urugo. Bibazwa buri muntu usanzwe aba mu rugo, yaba yaharaye cyangwa ataharaye mu ijoro ry'ibarura.
4. **P15-P22A:** Ibi bibazo bibazwa abantu bafite imyaka nibura itanu y'amavuko bikaba bigamije kumenya abafite ubumuga n'ubwo ari bwo.
5. **P23A-P24:** Ibi bibazo bibazwa abantu bataruzuza imyaka 18 y'amavuko bikaba bigamije kumenya niba ababyeyi babo bakiriho, ko babana na bo no kumenya niba bandikishijwe mu bitabo by'irangamimerere.
6. **P25-P28:** Ibi bibazo bibazwa abafite nibura imyaka 18 y'amavuko n'abafite munsi y'imyaka 18 bagaragaje ko batanditswe mu bitabo by'irangamimerere. Bigamije kumenya abadafite ubwenegihugu ubwo ari bwo bwose.

7. **P29-P33**: Ibi bibazo bigamije kureba ibijyanye n’uburezi muri rusange (kugera mw'ishuli, icyiciro cy'amashuli, impamyabumenyi/impamyabushobozi, kumenya gusoma, kwandika no kumva indimi zitandukanye).
8. **P34-P36C**: ibi bibazo bigamije kumenya uko ikoreshwa rya interineti/murandasi rihagaze, umubare w'abantu batunze telefone zigendanwa n'ubwoko bwazo.
9. **P37-P49:** Ibi bibazo bibazwa abafite nibura imyaka 5 y’amavuko bikaba bigamije kumenya imirimo ikorwa, aho ikorerwa, abayikora n'uburyo bayikoramo.
10. **P51A-P52C:** Ibi bibazo bibazwa abantu b’igitsina gore gusa bafite nibura imyaka 10 y’amavuko, bikaba bigamije kureba uburumbuke n’umubare w’imbyaro muri rusange.

#### 4.3.2.3 P01A-P07B: IBIBAZWA ABASANZWE BAGIZE URUGO N'ABASHYITSI

**P01A. Nimero y'ubarurwa:** Telefoni/tabuleti ni yo ubwayo itanga nimero y’umuntu ubarurwa ihereye kuri 1. Muri buri rugo, nyiri urugo ni we ugomba gufata nimero ya mbere. Umukarani w'ibarura agomba kwitwararika, agakurikiranya abagize urugo nkuko yabashyize ku rutonde mu ikaye ye n'abashyitsi baraye mu rugo mu ijoro ry'ibarura.

**P01B. Izina ry'umuryango:** kuri buri muntu ubarurwa mu rugo, umukarani w’ibarura abaza **izina bwite** yahawe n'ababyeyi (ryandikishijwe mu bitabo by'irangamimerere cyangwa riri mu ndangamuntu) akaba ari ryo yandika ahabugenewe. Handikwa izina rimwe ryonyine kuri iki kibazo. Niba umukarani w’ibarura abonye ko hari abantu bahuriye ku izina rimwe, agomba kubaza izina bwite rimutandukanya n’abandi kuri buri muntu.

**P01C. Andi mazina:** kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura abaza andi mazina akayandika. Birashoboka ko umuntu ubarurwa yaba afite izina rimwe ryonyine ryiyongera ku ry'umuryango cyangwa akaba afite menshi: amazina y'idini, amatazirano..., yose yandikwa kuri iki kibazo uko umukarani w'ibarura ayabwiwe.

**Icyitonderwa:** Niba umuntu ubarurwa afite izina rimwe gusa, hazandikwa **“NTARYO”** ku kibazo cya **P01C.**

**P02. Isano na nyiri urugo:** Iki kibazo kigamije kugaragaza isano ubarurwa afitanye na nyiri urugo. Amasano ya hafi ashoboka yarateganyijwe yose kuri iki kibazo. Amasano atari ku rutonde, azajya mu gisubizo gishoboka cyateganyijwe "***andi masano***".

**Ingero:** *Sewabo, nyirasenge, nyirarume, mubyara...wa nyiri urugo.*

**Baza: Ni iyihe sano [Izina] afitanye na nyiri urugo?**

Telefone ikuzanira urutonde rw'amasano yateganyijwe ashoboka. Kanda ku gisubizo kijyanye n'isano ubwiwe ku muntu ubarurwa ukomeze.

**Ibyitonderwa:**

- Igihe bizagaragara ko ufatwa nka Nyiri urugo afite ingo zirenze rumwe, urugo rwa mbere/rukuru ni rwo abarurirwamo nka Nyiri urugo. Mu zindi ngo, Nyiri urugo azaba uwo bashakanye cg umwana mukuru igihe uwo bashakanye atakibarizwa muri urwo rugo. Mu zindi ngo, azabarurwa nk'umushyitsi igihe azaba yaharaye mu ijoro ry'ibarura.
- Igihe bizagaragara ko ufatwa nka Nyiri urugo afite ingo zirenze rumwe kubera impamvu z'akazi, azabarurwa nk'umushyitsi muri urwo rugo rwabayeho kubera impamvu z'akazi igihe azaba yaharaye mu ijoro ry'ibarura, hanyuma abarurwe nka Nyiri urugo mu rugo rwe rukuru/rusanzwe.
- Nyiri urugo agomba kuba aba mu rugo kugirango twirinde gushyira ku rutonde rw'abagize urugo umuntu ufungiwe muri gereza cyangwa uwapfuye cyane cyane iyo yari nyiri urugo kubera icyubahiro bamufitiye.

**P03. Igitsina cy'ubarurwa**

**Baza: Igitsina cya [IZINA]ni ikihe?**

Ibisubizo ni "Gabo" cyangwa "Gore". Kanda ku gisubuzo uhawe ukomeze.

**Icyitonderwa:** Ni ngombwa buri gihe kubaza umuntu igitsina cye utagendeye ku uko umubona, izina rye, ijwi rye, imyambarire ye, uko agaragara,....

**P04. Imyaka y'amavuko**

**Baza: [Izina] yari afite imyaka ingahe y'amavuko ku isabuku ye iheruka?**

Uzuza neza imyaka y'amavuko. Imyaka yandikwa ni imyaka yuzuye, amezi arengaho ntabwo abarwa, ni ukuvuga imyaka umuntu yujuje igihe aherukira kugira isabukuru ye y'amavuko. Ku bana bari munsi y'umwaka, andika **"0"**. Buri gihe, gerageza kubona ibisubizo by'ukuri ku buryo bijyana neza n'imimerere y'ubazwa. Niba imyaka ubwiwe iguteye amakenga, sobanuza ugendeye no ku masano. Ku bana bato, hashobora kwifashishwa ifishi y'inkingo cg iya batisimu mu gihe bibaye ngombwa.

**Urugero**: *Umugore ukuze w'imyaka 65 y'amavuko ntabwo ashobora kugira uruhinja rw'umwaka umwe cyangwa se umusore w'imyaka 18 y'amavuko ntashobora kuba yarabyawe n'umugore wagaragaje ko afite imyaka 19. Ni ukuvuga ko hari umwe muri bo wavuze imyaka itari yo by'ukuri.*

**Icyitonderwa:** Ku bantu batazi by'ukuri imyaka yabo y'amavuko, umukarani w'ibarura akora uko ashoboye akabona imyaka yifashishije amatariki yaranze amateka y'u Rwanda ari ku mugereka w'aka gatabo cyangwa akagereranya imyaka yabo y'amavuko agendeye ku bandi bari mu rugo cyangwa baturanye. Ikigereranyo cy'imyaka, n'ubwo kitaba ari ukuri, kiruta kure kuba nta gisubizo cyaboneka.

**P05A. Ukwezi ubarurwa yavutsemo**

**Baza: [Izina] yavutse mu kuhe kwezi?**
Kanda ku kwezi ubwiwe. Igihe usubiza atazi cyangwa atibuka ukwezi ubarurwa yavutsemo, hitamo **"Ntazi ukwezi".**

**P05B. Umwaka ubarurwa yavutsemo**

**Baza: [Izina] yavutse mu wuhe mwaka?**
Andika umwaka bakubwiye ubarurwa yavutsemo. Niba usubiza atazi cyangwa atibuka umwaka ubarurwa yavutsemo, kora ibishoboka byose kugira ngo umwaka umenyekane. Nibiba ngombwa, wifashishe amateka yaranze amateka y'u Rwanda ari ku mugereka w'aka gatabo nkuko byavuzwe haruguru. Niba uwo muganira akomeje kukubwira ko atawuzi cyangwa atawibuka, andika **"9999".**

**Ibyitonderwa:**

- Mu gihe ubazwa yatanze indangamuntu kugirango yifashishwe mu kumenya ukwezi n'umwaka ubarurwa yavutsemo, umukarani w'ibarura agomba gusobanuza neza niba ukwezi n'umwaka byanditse ari ukuri kubera ko hari abafite indangamuntu ziriho amataraki y'amavuko atandukanye n'ayo bavutseho. Urugero: Mu ndangamuntu z'abantu benshi, handitseho iya mbere z'ukwa mbere (01/01) cyangwa iya mbere z'ukwa karindwi (01/07). Iyo atandukanye, abaza ay'ukuri akaba ari yo yinjiza muri Application. Niba ubazwa atazi ukwezi ubarurwa yavutsemo, umukarani w'ibarura ahitamo igisubizo "N**ta kwezi".**
- Porogaramu izakoreshwa mu kubarura izadufasha kubara imyaka y'ubarurwa ihereye ku kwezi n'umwaka ubarurwa yavutsemo maze bigereranywe n'igisubizo kizaba cyatanzwe kuri P04. Niba bidahuye, umukarani w'ibarura asobanuza nyiri urugo cyangwa undi baganira kugirango amenye neza ikigereranyo cy'imyaka y'ubazwa.

**P06. Irangamimerere ry'ubarurwa**. Iki kibazo kibazwa abafite imyaka 12 n'abayirengeje.

**Baza: Irangamimerere rya [IZINA] ni irihe ?**
Kugirango ubazwa asobanukirwe neza igisobanuro cy'ikibazo, umukarani w'ibarura ashobora gukoresha ibisubizo bishoboka byateganyijwe (urugero akaba yabaza ati: Ese [IZINA] yarashatse cg ni ingaragu?)
Igisubizo gitanzwe n'ubarurwa kigomba kwemerwa uko agitanze. Kanda ku gisubizo uhawe.

**Ibisobanuro ku bisubizo byateganyijwe:**

- **Yashatse umugore/umugabo umwe byemewe n'amategeko**: ni umugabo cyangwa umugore ubana n'uwo bashakanye kandi bakaba barashyingiwe/barasezeranye imbere y'amategeko nk'uko biteganywa n'amategeko ya Repubulika y'u Rwanda. Si ngombwa ko herekanwa ibimenyetso bibigaragaza nk'inyandiko z'ishyingirwa.
- **Yashatse umugore/umugabo umwe bitemewe n'amategeko** : ni umuntu ubana n'umugore cyangwa umugabo bashakanye ariko bakaba batarashyingiwe/batarasezeranye imbere y'amategeko nk'uko amategeko ya Repubulika y'u Rwanda abiteganya.
- **Yashatse (umugabo ufite) abagore benshi** : umugore ubana n'umugabo ufite abagore benshi cyangwa umugabo washatse abagore barenze umwe.
- **Yaratandukanye byemewe n'amategeko** : bivugwa iyo abantu bashakanye batakibana kandi bikaba byaremejwe n'amategeko/urukiko.
- **Yarahukanye/yatandukanye bitemewe n'amategeko** : bivugwa iyo abantu bashakanye batabana ariko bakaba bataratandukana byemewe n'amategeko.
- **Ingaragu** : ni umuntu w'igitsina gabo cyangwa gore utarigeze ashaka, kabone n'iyo yaba afite abana yabyaye.
- **Umupfakazi** ni umugabo cyangwa umugore wapfushije uwo bashakanye kandi akaba atarashaka undi.

**P07A.** Iki kibazo kigamije kumenya abantu basanzwe batuye mu rugo n'abo rwacumbikiye mu ijoro ry'ibarura (Abashyitsi).

**Icyitonderwa:** Urugo rushobora kuba rugizwe n'abashyitsi gusa. **Urugero:** *Umuntu umwe cyangwa abantu benshi, bafitanye isano cyangwa ntayo bafitanye, bashobora gutemberera mu gihugu (baba abasanzwe batuye mu gihugu cyangwa bavuye mu bindi bihugu) kandi batazarenza amezi 6, aho kujya muri hoteli, bagakodesha inzu/appartement mu karere runaka. Icyo gihe, iyo ari umuntu umwe, yandikwa nka nyiri urugo kuri P02, akandikwa nk'umushyitsi kuri P07A. Iyo ari abantu benshi, bitoramo nyiri urugo, bakabazwa ibibazo byose kuva kuri P01 kugera kuri P07A kubera ko bose ari abashyitsi. Abandi bazabarurwa nk'abashyitsi ni abanyeshuri muri "Geto".*

**Baza: [IZINA] asanzwe atuye muri uru rugo cyangwa yari umushyitsi mu ijoro ry'Ibarura?** Kanda ku gisubizo uhawe muri telefone. Iyo igisubizo ari "**asanzwe ahatuye**", telefone ikomeza ku kibazo P07B. Iyo igisubizo ari ***"umushyitsi***," telephone ijya ku muntu ukurikiraho.

**P07B:** Iki kibazo kibazwa abagaragaje ko basanzwe batuye mu rugo rubarurwa. Kigamije kumenya umubare w'abasanzwe batuye mu rugo baharaye mu ijoro ry'ibarura n'umubare w'abataraharaye muri iryo joro.

**Baza: Mu ijoro ry'ibarura [IZINA] yaraye muri uru rugo?**
Umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo bamubwiye. Iyo amaze guhitamo igisubizo ku muntu wa nyuma ubarurwa mu rugo, telefone izana imbonerahamwe igaragaza amakuru yakusanyijwe kuri buri muntu kuva ku kibazo cya P01A kugeza kuri P07B. Umukarani w'ibarura agomba kugenzura ko ibiri muri iyi mbonerahamwe bihuye n'urutonde rw'ababarurwa mu rugo yanditse mu ikaye ye mbere yo gukomeza.

**Imbonerahamwe y'urugo** igaragara mu rutonde rw'ibibazwa nyuma y'iki kibazo ikorwa na telefone/tabuleti ubwayo.

**Ibyitonderwa**:

1. Umuntu ufungiwe muri gereza yaba yarakatiwe cyangwa atarakatirwa azabarurirwa muri gereza. Abafungiwe muri kasho (station za polisi/RIB) bazabarurirwa mu ngo zabo nk'abataharaye. Umukarani w'ibarura agomba kubaza buri gihe impamvu abasanzwe baba mu rugo bataharaye kugira ngo amenye niba abashyira ku rutonde rw'abagize urugo.
2. Umugabo ufite abagore barenze umwe azabarurirwa mu rugo rw'umugore wa mbere rwonyine nk'usanzwe aba mu rugo ku kibazo P07A, yaba yaraharaye cyangwa ataraharaye mu ijoro ry'ibarura. Mu zindi ngo zisigaye, azabarurwa nk'Umushyitsi (VIS) mu rugo azaba yarayemo mu ijoro ry'ibarura. Niba atararaye muri izo ngo mu ijoro ry'ibarura, ntabwo azajya ku rutonde rw'abatuye izo ngo. Niba yararaye mu rugo rwe rwa mbere muri iryo joro ry'ibarura, azabarurwa nk'usanzwe aba muri urwo rugo kandi yaharaye (PR) ku kibazo P07B. Niba ataraharaye, azabarurwa nk'usanzwe aba mu rugo ariko ataharaye (AR) kuri iki kibazo cya P07B.
3. Umuntu ufite ingo ebyiri kubera impamvu z'akazi kandi hose ari nyiri urugo azabarurwa mu rugo rwe nyirizina nk'usanzwe aba mu rugo kandi waharaye mu ijoro ry'ibarura (PR) mu gihe azaba yaharaye, ahandi ntazabarurwa. Niba ijoro ry'ibarura ryaramusanze mu rugo abamo kubera akazi, azahabarurwa nk'umushyitsi noneho iwe abarurwe nk'usanzwe aba mu rugo ariko ataraharaye mu ijoro ry'ibarura (AR) mu buryo bwo kwirinda ko bene uyu muntu yabarurwa kabiri.

4. Urugo ruzaba rwimukiye mu wundi mudugudu nyuma y'ijoro ry'ibarura, rukaba rutarabaruwe mbere y'uko rwimuka, ruzabarurirwa aho barusanze, ruhabwe irangarugo ry'aho rubaruriwe nubwo rutari ruhatuye mu ijoro ry'ibarura.

#### 4.3.2.4. P08A-P08C: IBIBAZWA ABANTU BASHATSE/BATAKIRI INGARAGU.

**Ibi bibazo** bibazwa abasanzwe baba mu rugo kandi bafite nibura imyaka 12 y'amavuko byagaragaye ko batakiri ingaragu ku kibazo cya P06 .

**P08A:** Iki kibazo kibazwa umuntu w'igitsina gabo wasubije ko yashatse abagore benshi ku kibazo cya P06. Kigamije kumenya umubare w'abagore afite.

**Baza: [Izina] afite abagore bangahe?**
Andika umubare w'abagore bakubwiye ko afite mu mwanya wabugenewe. Niba afite abagore 8 cyangwa barenga, andika **"8"**; niba umubare wabo utazwi, andika **"9"**.
**Urugero:** *Niba bakubwiye ko afite abagore babiri, andika "2" ahabugenewe.*

**P08B:** Iki kibazo kibazwa umuntu w'igitsina gore wasubije ko yashatse umugabo ufite abagore benshi. Kigamije kumenya umwanya w'urushako rwe ku mugabo we.

**Baza: [IZINA] ni umugore wa kangahe ku mugabo we?**
Uzuza mu mwanya wabugenewe umubare ugararagaza umwanya w'urushako rw'uwo mugore ku mugabo we. Niba ari umogore wa 8 ku mugabo we cyangwa ari ku mwanya urenga uwa 8, andika 8; niba atazi umubare wa bakeba be cyangwa atazi umwanya ariho, andika 9.

**Urugero:** *Niba ari umugore wa 2, andika "2" ahabugenewe.*

**P08C:** Kibazwa abantu bose basubije ko atari ingaragu kuri P06 baba bakibana n'abo bashakanye cyangwa batakibana kubera impamvu runaka.

**Baza: [IZINA] yashatse bwa mbere afite imyaka ingahe?**
Uzuza imyaka ahabugenewe ukoresheje imibare yuzuye. **Urugero:** *Niba ubarurwa yarashatse bwa mbere afite imyaka 29, andika "29" ahabugenewe.*

**Icyitonderwa:** Niba ubazwa atazi/atibuka imyaka yari afite ashaka bwa mbere, andika "99" ahabugenewe.

### 4.3.2.5 P09A-P14: KWIMUKA, UBWENEGIHUGU, IDINI N'UBWISHINGIZI BWO KWIVUZA

Ibi bibazo bibazwa buri muntu mu bagize urugo, yaba yaharaye cyangwa ataharaye mu ijoro ry'ibarura.

**P09A:** Iki kibazo kigamije kumenya niba ubarurwa yaravukiye mu Rwanda cg mu mahanga. Aho umuntu yavukiye ni aho ababyeyi be bari batuye bamubyara. Rimwe na rimwe, ababyeyi batwite bashobora kuva aho batuye bakajya kubyarira aho bizeye serivisi nziza cyangwa ubundi bufasha (kuva mu cyaro bakajya mu mujyi, kuva mu Rwanda bakajya mu kindi gihugu). Ibi rero ntibivuga kwimuka aho wari utuye. Ku muntu bavuze ko yavukiye mu kindi gihugu, umukarani w'ibarura agomba kubanza kubaza niba ababyeyi be ari ho bari batuye igihe bamubyaraga.

**Baza: [Izina] yavukiye mu Rwanda cyangwa mu Muhanga?**
Kanda ku gisubizo baguhaye. Niba igisubizo ari "**Mu Rwanda**", telefone ikomeza ku kibazo P09B. Niba ari "**Mu Mahanga**", ijya ku kibazo P09C.

**P09B:** Iki kibazo kibazwa abasubije ko bavukiye mu Rwanda kuri P09A. Kigamije kumenya akarere ubarurwa yavukiyemo.
**Baza: [IZINA] yavukiye mu kahe Karere?**
Kanda ku izina ry'akarere bakubwiye. Akarere umuntu yavukiyemo ni akarere ababyeyi be bari batuyemo bamubyara.

**Urugero:** *Niba umugore utwite ubusanzwe atuye mu karere ka Karongi akaza kubyarira mu bitaro bya kaminuza i Kigali (CHUK), bizumvikana ko uwo mugore yaje i Kigali kubera ko akeneye aho abyarira. Bityo, akarere umwana wavutse azandikwa ko yavukiyemo ni Karongi.*

**Icyitonderwa:** Kubera ko imbibi z'uturere zagiye zihindagurika, ni ngombwa ko tumenya komini cg akarere ubarurwa yari atuyemo mbere yo guhinduka kw'imbibi. Mu gihe usubiza akubwiye izina rya komini cyangwa iry'akarere ka kera, koresha urutonde rw'uturere ruri ku mugereka, urebe akarere k'ubu iyo komini cyangwa ako karere ka kera kari gaherereyemo, abe ari ko uhitamo.

**P09C:** Iki kibazo kibazwa abasubije ko bavukiye mu mahanga kuri P09A; kigamije kumenya igihugu ubarurwa yavukiyemo.

**Baza: [IZINA] yavukiye mu kihe gihugu?**
Shaka izina ry'igihugu bakubwiye, ukandeho.

**Icyitonderwa:** Ku bana bakiriwe mu ngo (Adopted children) kandi bakaba batazi aho bavukiye, hazandikwa aho ibarura ribasanze (aho urugo babaruriwemo ruherereye).

**P10A:** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'imyaka umuntu ubarurwa amaze atuye mu karere abarurirwamo.

**Baza: [IZINA] amaze imyaka ingahe atuye muri [Akarere]?**

Application ubwayo ihitamo izina ry'akarere umuntu ubarurwa atuyemo.Andika umubare w'imyaka ubarurwa amaze atuye muri ako karere. Niba igihe ahamaze kiri munsi y'amezi 12, andika "0" ukomeze ku kibazo gikurikira. Niba bakubwiye ko ubarurwa yatuye igihe cyose muri ako karere kuva avutse, andika **"888"**. Kuri uwo muntu telephone, irasimbuka ikajya ku kibazo cya **P12A**. Niba ubarurwa yaratuye mu kandi karere mbere yo kwimukira mu karere ibarura rimusanzemo kandi igihe amaze muri ako karere kikaba kigeze ku mwaka (ahamaze amezi 12) cyangwa kirenze umwaka, andika ahabugenewe umubare w'imyaka amaze mu karere ibarura rimusanzemo, ukomeze ku kibazo gikurikira.

**P10B:** Iki kibazo kibazwa abantu byagaragaye ko batatuye igihe cyose mu karere ibarura ribasanzemo, ko baje kugaturamo bavuye mu kandi karere cyangwa mu kindi gihugu. Kigamije kumenya igihugu bari batuyemo (mu Rwanda cyangwa mu Mahanga) mbere yo kwimukira mu karere babarurirwamo.

**Baza: Mbere yo kuza gutura hano [IZINA] yabaga mu Rwanda cg mu mahanga?**

Kanda ku gisubizo baguhaye. Niba igisubizo ari "**Mu Rwanda**", telefone ikomeza ku kibazo P09B. Niba ari "**Mu Mahanga**", ijya ku kibazo **P11B**.

**P11A:** Iki kibazo kibazwa abantu basubije ko bari batuye mu Rwanda kuri P10B. Kigamije kumenya, kuri buri umwe wese, akarere yari atuyemo mbere yo kuza gutura mu karere abarurirwamo.

**Baza: [IZINA] yari atuye mu kahe karere mbere yo kuza hano?**

Shaka izina ry'akarere ubwiwe, urikandeho.

**Icyitonderwa:** Mu gihe ubarurwa akubwiye izina rya Komini (akarere ka kera), ifashishe urutonde rw'uturere dushya n'utwa kera ruri ku mugereka uhitemo izina ry'Akarere muri iki gihe tugezemo ukurikije aho ako karere cg komini ya kyera iherereye urikandeho.

**P11B:** Iki kibazo kibazwa abantu basubije ko bari batuye mu mahanga kuri P10B kikaba kigamije kumenya igihugu bari batuyemo mbere yo kuza gutura mu karere babarurirwamo.

**Baza: [IZINA] yari atuye mu kihe gihugu  mbere yo kuza hano?**

Shaka ku rutonde izina ry'igihugu bakubwiye ko ubarurwa yabagamo urikandeho.

**P12A:** Iki kibazo kigamije kumenya abafite ubwenegihugu bw'u Rwanda n'abatabufite.

**Baza: Haba hari umuntu utari umunyarwanda utuye muri uru rugo?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari "**Oya**", ni ukuvuga ko abatuye urugo bose ari abanyarwanda. Telefone/tabuleti ijya ku kibazo cya **P13**. Mu gihe igisubizo ari "**Yego**", bivuze ko byibuze hari umwe mu batuye urugo utari umunyarwanda, telefone/tabuleti ihita ikuzanira urutonde rw’amazina y'abagize urugo bose, ukabaza abatari abanyarwanda muri bo hanyuma ugakanda ku mazina yabo. Kuri buri wese wakanze ku izina rye, ujya ku kibazo cya **P12B.**

**P12B:** Iki kibazo kigamije kumenya ubwenegihugu bw'abantu basubije ko batari abanyarwanda ku kibazo P12A.
**Baza: Ubwenegihugu bwa [Izina] ni ubuhe?**

Shaka ku rutonde izina ry'igihugu bakubwiye urikandeho**.**

**Icyitonderwa:** Niba ubarurwa ari umwana, umukarani w’ibarura yandika ubwenegihugu abwiwe n’ubazwa (Nyiri urugo cyangwa umuhagarariye). Ku mwana wavukiye mu kindi gihugu, umukarani w’ibarura yandika ubwenegihugu abwiwe hatitawe ku mpamvu iyo ari yo yose kubera ko byagaragaye ko hari ibihugu bihita biha ubwenegihugu umuntu wese uhavukiye n'iyo ababyeyi be baba basanzwe badatuye muri ibyo bihugu.

**P13:** Iki kibazo kigamije kumenya idini ababarurwa babarizwamo/basengeramo. Idini ni itsinda ry’abantu bahuje ukwemera ku buryo bwihariye no gusenga gushingiye ku mahame n’imihango igendanye n’imyemerere yabo.

**Baza: Idini rya [Izina] ni irihe?**
Kuri buri wese uri mu rugo, shaka ku rutonde izina ry'idini ubwiwe n’usubiza, urikandeho. Igisubizo ***"Nta dini":*** gitangwa iyo umuntu ubarurwa adafite itsinda ry’imyemerere abarizwamo naho igisubizo "Ntiyasubije", umukarani w'ibarura agihitamo iyo uwo baganira yanze gusubiza iki kibazo.

**Ibyitonderwa:**
- Abana bato batari bagera igihe cyo kubatizwa cyangwa kwihitiramo idini bandikwaho idini ry’ababyeyi. Iyo ababyeyi bombi bari mu madini atundukanye, ni ngombwa kubaza idini rya buri mwana, umukarani w'ibarura ahitamo igisubizo ahawe hatabayeho impaka.
- Iyo ubazwa yanze gusubiza iki kibazo, umukarani w'ibarura ahitamo igisubizo “Nta dini” hatabayeho impaka.

**P.14:** Iki kibazo kigamije kumenya ubwishingizi bwo kwivuza ababarurwa bafite.
**Baza: [Izina] afite ubuhe bwishingizi bwo kwivuza?**

Shaka ku rutonde rw’ubwishingizi bukoreshwa mu Rwanda izina ry'ubwishingizi bwo kwivuza ubwiwe, urikandeho**.** Niba ubarurwa afite ubwishingizi burenze bumwe, hafatwa ubwo akoresha cyane kurusha ubundi.

**Icyitonderwa:** Igihe umukarani ageze mu rugo rurimo abantu benshi, agomba kujya abaza ubwishingizi bwa buri muntu wese wo mu rugo, ntagomba kwiyumvisha ko niba nyiri urugo akoresha Mitiweli (ni urugero) n’abandi bose bo mu rugo bakoresha Mitiweli kuko birashoboka ko mu rugo bakoresha ubwishingizi butandukanye (burenze bumwe).

#### 4.3.2.6 P15-P22A: UBUMUGA

Bivugwa ko umuntu afite ubumuga iyo adafite/yatakaje ubushobozi bujyanye n'ubuzima yagombye kuba afite cyangwa iyo afite icyo abura ugereranyije n'abandi, bityo akaba adafite amahirwe angana n'ayabo. Ashobora kuba yarabuvukanye cyangwa yaratakaje ubushobozi yakabaye afite biturutse ku ndwara, impanuka, intambara cyangwa izindi mpamvu zishobora gutera ubumuga. Ubumuga bupimwa hagendewe ku buremere bw'ibibazo by'umubiri umuntu afite bituma hari ibintu atabasha gukora cyangwa akabikora bimugoye abandi bashobora kubikora bitabagoye.

Ibi bibazo ku bumuga bibazwa abantu bafite nibura imyaka itanu y’amavuko. Muri iri barura, hazibandwa ku bumuga bwo kubona, kumva, kugenda cg kuzamuka escalier, kuvuga, kwibuka cg gushyira umutima ku byo umuntu akora (concentration), kwiyuhagira cg kwiyambika, ubugufi bukabije ndetse n’ubumuga bw’uruhu.

**Icyitonderwa:** Ibibazo bituruka ku burwayi bw'igihe kirekire, izabukuru (gusaza) cyangwa gukoresha ibiyobyabwenge ntibifatwa nk’ubumuga.

**P15:** Iki kibazo kigamije gushungura kugira ngo hamenyekane abantu baba mu rugo bafite ikibazo cyo kutabona neza n‘iyo baba bambara amadarubindi/amataratara. Umuntu ashobora kuba atabona ibintu bimwegereye undi akaba atabona ibiri kure. Umuntu ashobora kuba arebesha ijisho rimwe, undi akaba abona ibiri imbere ye ariko ntabone impande ze. Ibyo bibazo byose bifitanye isano no kutabona neza ni byo twibandaho kuri iki kibazo.

**Baza: Haba hari umuntu muri uru rugo ufite ikibazo cyo kubona?**

Ibisubizo kuri iki kibazo ni"**Yego**" cyangwa "**Oya**". Iyo ubazwa asubije "oya", ni ukuvuga ko nta muntu n'umwe ufite ikibazo cyo kubona. Iyo ukanze kuri "oya", telefoni/tabuleti ihita ikujyana ku kibazo cya P16. Iyo ubazwa asubije "yego" ukayikandaho, telefoni/tabuleti igaragaza urutonde rw'amazina y’abagize urugo ku kibazo cya P15A.

**P15A:** Iki kibazo kigamije kumenya abantu bo mu rugo rubarurwa bafite ikibazo cyo kubona.
**Baza: Ni inde ufite ikibazo cyo kubona?**

Umukarani w'ibarura akanda ku mazina y'abo abwiwe bafite icyo kibazo, umwe ku wundi, hanyuma kuri buri wese akabaza ikibazo cya P15AA.

**P15AA:** Iki kibazo kigamije kumenya niba abantu bagaragaje ko bafite ikibazo cyo kubona bambara indorerwamo.
**Baza**: **Ese [IZINA] yambara indorerwamo zimufasha kubona?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Kuri buri wese, wasubije "Yego", umukarani w'ibarura abaza ikibazo cya P15AB. Niba igisubizo ari "Oya", telefone imujyana ku kibazo cya P15B.

**P15AB:** Iki kibazo kigamije gushungura kugira ngo hamenyekane abantu bafite ikibazo cyo kubona n'iyo baba bambara indorerwamo.

**Baza: Ese [IZINA] akomeza kugira ikibazo cyo kubona n'iyo yaba yambaye indorerwamo (amadarubindi, amataratara)?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Iyo ubazwa asubije "oya", telefone/tabuleti ihita ijya ku muntu ukurikira wasubije ko afite icyo kibazo. Iyo bose basubije "Oya" kuri iki kibazo, telefone/tabuleti ihita ijya ku kibazo cya **P16**. Iyo hari uwasubirijwe "yego", telefone ijya ku kibazo **P15B** kigamije kumenya uburemere bw'ikibazo cyo kubona kuri buri wese.

**P15B:** Iki kibazo kibazwa abantu bose basubije ko bafite ikibazo cyo kubona (abasubije ko batambara indorerwamo ku kibazo P15AA n'abasubije ko bakomeza kugira ikibazo nubwo bambara indorerwamo ku kibazo P15AB).
**Baza: Ese [IZINA] kubona biramugora gacye, biramugora cyane cyangwa ntabona na buhoro?**
Umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo ahawe.

**P16:** Iki kibazo kigamije kugaragaza umuntu ufite ubumuga bwo kumva neza. Umuntu ufite ubumuga bwo kumva ni udashobora gutandukanya amajwi aturutse ku bintu bitandukanye, ashobora no kuba yumvisha ugutwi kumwe.

**Baza: Haba hari umuntu muri uru rugo ufite ikibazo cyo kumva?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Iyo ubazwa asubije "**oya**", telefoni/tabuleti ihita ikujyana ku kibazo cya **P17**. Iyo ubazwa asubije "**yego**", telefoni/tabuleti izana urutonde rw'abagize urugo hanyuma ukabaza ikibazo cya **P16A**.

**P16A:** Iki kibazo kigamije kumenya abantu bafite ikibazo cyo kumva mu rugo rubarurwa.

**Baza: Ni nde ufite ikibazo cyo kumva?**
Kanda kuri buri zina ubwiwe ry'umuntu ufite ikibazo cyo kumva ukomeze ku kibazo gikurikira.

**P16AA:** Iki kibazo kigamije kumenya niba abantu bagaragaje ko bafite ikibazo cyo kumva bambara utwuma dufasha kumva.
**Baza: Ese [IZINA] yambara utwuma tumufasha kumva?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Iyo ubazwa asubije "**Oya**", telefoni/tabuleti ihita ikujyana ku kibazo cya **P17**. Iyo ubazwa asubije "**Yego**", telefoni/tabuleti izana urutonde rw'abasubirijwe ko bambara utwuma tubafasha kumva hanyuma ukabaza ikibazo cya P16AB kuri buri wese.

**P16AB:** Iki kibazo kigamije gushungura kugira ngo hamenyekane abantu bafite ikibazo cyo kumva n'iyo baba bambara utwuma tubafasha kumva.

**Baza: Ese [IZINA] akomeza kugira ikibazo cyo kumva n'iyo yaba yambaye utwuma dufasha kumva?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Iyo ubazwa asubije "oya", telefone/tabuleti ihita ijya ku muntu ukurikira wasubije ko afite icyo kibazo. Iyo bose basubije "Oya" kuri iki kibazo, telefone/tabuleti ihita ijya ku kibazo cya P17. Iyo hari uwasubirijwe "yego", telefone ikomereza ku kibazo P16B kigamije kumenya uburemere bw'ikibazo cyo kubona kuri buri wese.

**P16B Baza: Ese [IZINA] kumva bimugora gacye, biramugora cyane cyangwa ntiyumva na buhoro?**

Iki kibazo kibazwa abantu bose basubije ko bafite ikibazo cyo kumva (abasubije ko batambara utwuma tubafasha kumva ku kibazo P16AA n'abasubije ko bakomeza kugira ikibazo nubwo bambara utwuma tubafasha kumva ku kibazo P16AB). Umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo ahawe.

**P17:** Iki kibazo kigamije kugaragaza abantu bafite ubumuga ubwo ari bwo bwose bujyanye no kugenda/gutambuka/gutera intambwe neza. Bishobora kuba ari ibibazo bituma umuntu ubifite adakora urugendo, rwaba rugufi cg rurerure, adacishijemo ngo aruhuke abone gukomeza cyangwa bimusaba kwifashisha inkoni, imbago cyangwa ikindi kintu cyo kwicumba kugirango abashe kugenda. Bishobora kuba ari ikibazo gituma atabasha kuzamuka cg kumanuka umusozi/ingazi (escalier) mu buryo bworoshye. Bishobora nanone kuba ari ibibazo bituma umuntu atabasha

guhagarara akanya gato bikaba ngombwa ko yifashisha igikoresho nk'igare ry'abafite ubumuga bw'umubiri kugirango ave hamwe ajye ahandi. Hari n'ubundi bumuga bwo kugenda bushobora guterwa no kudandabirana (kubura equilibre) cg se ubumuga buturuka ku ndwara z'imitsi n'amagufwa bituma umuntu atabasha kugenda neza, byaba ku butaka bushashe neza, kugenda ahamanuka cg ahazamuka, byose bigomba kwitabwaho.

**Baza: Haba hari umuntu muri uru rugo ufite ikibazo cyo kugenda cyangwa kuzamuka esikaliye?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Iyo ubazwa asubije "**oya**", telefoni/tabuleti ihita ikujyana ku kibazo cya P18. Iyo ubazwa asubije "**yego**", telefoni/tabuleti izana urutonde rw'abagize urugo hanyuma ukabaza ikibazo gikurikira kigamije kumenya abantu bafite ikibazo cyo kugenda cyangwa kuzamuka ingazi.

**P17A Baza: Ni nde ufite ikibazo cyo kugenda cyangwa kuzamuka esikaliye?**
Ku rutonde rw'abagize urugo, kanda kuri buri zina ry'umuntu bakubwiye ko afite iki kibazo, hanyuma kuri buri wese, ubaze ikibazo gikurikira.
**P17B Baza: Ese [IZINA], kugenda biramugora gacye, biramugora cyane cyangwa ntagenda na buhoro?**
Kanda ku gisubizo uhawe.

**P18:** Iki kibazo kigamije kugaragaza abantu bafite ubumuga bwo kuvuga mu buryo bwumvikana (kudidimanga, ijwi ridasohoka) n'abatabasha kuvuga na mba (ibiragi).

**Baza: Haba hari umuntu muri uru rugo ufite ikibazo cyo kuvugana n'abandi bakamwumva?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Iyo ubazwa asubije "**oya**", telefoni/tabuleti ihita ikujyana ku kibazo cya **P19**. Iyo ubazwa asubije "**yego"**, telefoni/tabuleti izana urutonde rw'abagize urugo hanyuma ukabaza ikibazo gikurikira kigamije kumenya abantu bafite iki kibazo mu rugo.

**Icyitonderwa:** Ikibazo umuntu yaba afite gituma atavuga neza cg atumvikana n'abandi biturutse ku kutamenya neza ururimi rukoreshwa ntibigomba gufatwa nk'ubumuga kuri iki kibazo.

**P18A Baza: Ni nde ufite ikibazo cyo kuvugana n'abandi bakamwumva?**
Ku rutonde rw'abagize urugo, kanda kuri buri zina ubwiwe ry'umuntu ufite ikibazo cyo kuvugana n'abandi bakamwumva, hanyuma kuri buri wese ubaze ikibazo gikurikira.

**P18B:** Iki kibazo kigamije kumenya urugero ikibazo cyo kuvugana n'abandi kiriho kuri buri muntu wagaragaje ko agifite.

**Baza**: **Ese [IZINA] kuvugana n'abandi biramugora gacye, biramugora cyane cyangwa ntabasha kuvugana n'abandi na buhoro?**
Kanda ku gisubizo uhawe.

**P19:** Iki kibazo kigamije kugaragaza abantu bafite ubumuga bwo kwibuka cyangwa gushyira umutima ku byo bakora ku buryo bihungabanya imibereho yabo ya buri munsi. Ikibazo cyo kutibuka/gushyira umutima ku byo umuntu akora kigaragara mu buryo butandukanye. Hari abantu bafite ikibazo cyo kuba batamenya inzira bagomba kunyuramo, hari abatabasha gutekereza byimbitse ku byo barimo gukora, hari abafite ikibazo cyo kwibagirwa aho bari cg se umunsi n'ukwezi tugezemo, hari abafite ikibazo cyo guhita bibagirwa icyo uwo bari kumwe ababwiye.

**Baza: Haba hari umuntu muri uru rugo ufite ikibazo cyo kwibuka cyangwa gushyira umutima ku byo akora?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Iyo ubazwa asubije "**oya**", telefone ihita ikujyana ku kibazo cya **P20**. Iyo ubazwa asubije "**yego**", telefone izana urutonde rw'abagize urugo hanyuma ukabaza ikibazo gikurikira kigamije kumenya abantu bafite iki kibazo mu rugo.

**Icyitonderwa**: Ibibazo umuntu yaba afite birebana no kwibuka cg gushyira umutima ku byo akora biterwa n'akazi kenshi ka buri munsi umuntu ahura na ko cg se no gufata ibiyobyabwenge cg indi miti ntibigomba gufatwa nk'ubumuga.

**P19A Baza: Ni nde ufite ikibazo cyo kwibuka cyangwa gushyira umutima ku byo akora?**

Ku rutonde rw'abagize urugo, kanda kuri buri zina ry'umuntu ubwiwe ko afite icyo kibazo, hanyuma kuri buri wese ubaze ikibazo gikurikira.

**P19B:** Iki kibazo kigamije kumenya urugero ikibazo kiriho kuri buri muntu wagaragaje ko afite ikibazo cyo kwibuka cyangwa gushyira umutima ku byo akora.

**Baza: Ese [IZINA] kwibuka cyangwa gushyira umutima ku byo akora biramugora gacye, biramugora cyane cyangwa ntabasha kwibuka na buhoro?**
Kanda ku gisubizo uhawe.

**P20:** Iki kibazo kigamije kugaragaza abantu bafite ikibazo cyo kwiyitaho nko kudashobora kwiyuhagira cg kwiyambika cg ibindi bya ngombwa mu kubungabunga ubuzima bwa buri munsi kubera ko bashobora kuba badafite ukuboko/amaboko, bafite amaboko ariko adakora neza cyangwa se ubwonko bwabo bufite ikibazo gituma badatekereza kwiyitaho mu buryo bumwe cyangwa ubundi.

**Baza: Haba hari umuntu muri uru rugo ufite ikibazo cyo kwiyitaho nko kwiyuhagira cyangwa kwiyambika?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Iyo ubazwa asubije "**oya**", telefone ihita ikujyana ku kibazo cya **P21**. Iyo ubazwa asubije "**yego**", telefone izana urutonde rw'abagize urugo hanyuma ukabaza ikibazo gikurikira kigamije kumenya abantu bafite iki kibazo mu rugo.

**P20A:** Iki kibazo kigamije kugaragaza abantu bafite ikibazo cyo kwiyuhagira cyangwa kwiyambika.

**Baza: Ni nde ufite ikibazo cyo kwiyuhagira cyangwa kwiyambika?**

Ku rutonde rw'abagize urugo, kanda kuri buri zina ry'umuntu ubwiwe ko afite icyo kibazo, hanyuma kuri buri wese ubaze ikibazo gikurikira.

**P20B:** Iki kibazo kigamije kumenya urugero ikibazo kiriho kuri buri muntu wagaragaje ko afite ikibazo cyo kwiyuhagira cyangwa kwiyambika.

**Baza: Ese [IZINA] kwiyuhagira cyangwa kwiyambika biramugora gacye, biramugora cyane cyangwa ntabasha kwiyuhagira cyangwa kwiyambika na buhoro?**
Kanda ku gisubizo uhawe.

**P21:** Iki kibazo kigamije kugaragaza abantu bafite ikibazo cy'ubugufi bukabije (ibikuri) mu rugo rubarurwa. Bavuga ubugufi bukabije iyo umuntu mukuru ni ukuvuga ufite byibuze imyaka 18 y'amavuko afite uburebure buri hasi ya metero imwe na santimetero 20 (1.20m) cyangwa bikaba bigaragara ko afite ubugufi bukabije bw'ingingo ku mwana utarageza kuri iyo myaka.

**Baza: Haba hari umuntu muri uru rugo ufite ikibazo cy'ubugufi bukabije?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari "**yego**", baza ikibazo cya P21A kigamije kumenya abantu bafite icyo kibazo mu rugo rubarurwa.

**P21A: Ni nde ufite ikibazo cy'ubugufi bukabije?**
Ku rutonde rw'abagize urugo, kanda kuri buri zina ry'umuntu ubwiwe ko afite icyo kibazo.

**P22:** Ikibazo cy'uruhu rwera ni ubumuga bw'umubiri buvukanwa, bugaragazwa n'uko umuntu afite uruhu rwera. Akenshi, abantu bafite iki kibazo baba bafite n'icy'amaso n'umusatsi. Mu gihe ubazwa adahise yumva neza iki kibazo, umukarani w'ibarura yifashisha ijambo "**nyamweru**" kugirango birusheho kumvikana.

**Baza: Haba hari umuntu muri uru rugo ufite ikibazo cy'uruhu rwera?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari "**yego**", hitamo ku rutonde rw'abagize urugo umuntu ufite ikibazo cy'uruhu rwera kuri P22A.

**P22A:** Iki kibazo kigamije kugaragaza abantu bafite ikibazo cy'uruhu rwera (ba nyamweru).

**Baza: Ni nde ufite ikibazo cy'uruhu rwera?**
Ku rutonde rw'abagize urugo, kanda kuri buri zina ry'umuntu ubwiwe ko afite icyo kibazo.

#### 4.3.2.7 P23A-P24: KUBAHO KW'ABABYEYI NO KWANDIKISHWA MU BITABO BY'IRANGAMIMERERE

Ibi bibazo bibazwa abantu bataruzuza imyaka 18 y'amavuko bonyine. Bigamije kugaragaza abana babana n’ababyeyi babo bombi n'ababana n’umwe mu babyeyi babo, abana badafite ababyeyi (Impfubyi cyangwa abatazi niba ababyeyi babo bariho cyangwa ko batakiriho) no kemenya niba barandikishijwe cyangwa batarandikishijwe mu bitabo by’irangamimerere.

**P23A:** Iki kibazo kigamije kumenya niba nyina w'umwana ubarurwa akiriho.

**Baza: Nyina wa [Izina] aracyariho?**
Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari "**Yego**", telefone ijya ku kibazo gikurikiyeho. Niba ari "**Oya**" cyangwa "**Simbizi**", telefone ijya ku kibazo cya **P23C**.

**P23B:** iki kibazo kigamije kumenya niba nyina w'umuntu ubarurwa aba muri urwo rugo cyangwa ahandi (mu rundi rugo).

**Baza: Nyina wa [IZINA] atuye muri uru rugo?**
Kanda ku gisubizo baguhaye. Niba igisubizo ari "Oya", telefone ikujyana ku kibazo P23C. Niba ari “yego”, ikomeza ku kibazo gikurikira.

**P23BB:** iki kibazo kigamije kumenya amazina ya nyina w'umwana/umuntu ubarurwa.

**Baza: Nyina wa [IZINA] ni nde?**
Hitamo izina ubwiwe ku rutonde rw'amazina rugaragara muri telefone.
**P23C: Baza: Se wa [IZINA] aracyariho?**
Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari "**Yego**", telefone ijya ku kibazo gikurikiyeho cya P23D. Niba ari "**Oya**" cyangwa "**Simbizi**", ijya ku kibazo cya **P24**.

**P23D:** iki kibazo kigamije kumenya niba se w'umuntu ubarurwa aba muri urwo rugo cyangwa ahandi (mu rundi rugo).

**Baza: Se wa [Izina] atuye muri uru rugo?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari "Oya", telefone ikujyana ku kibazo P24. Niba ari "Yego", ikomeza ku kibazo gikurikira cya P23DD.

**P23DD:** iki kibazo kigamije kumenya amazina ya se w'umwana/umuntu ubarurwa.
**Baza: Se wa [IZINA] ni nde?**
Hitamo izina ubwiwe ku rutonde rw'amazina rugaragara muri telefone.

**P24:** Iki kibazo kigamije kumenya niba umwana ubarurwa yarandikishijwe mu bitabo by'irangamimerere. Kwandikishwa mu bitabo by’irangamimerere ku mwana wavutse bisobanuye

kumenyekanisha mu buryo bw'inyandiko ivuka ry’uwo mwana mu muryango no muri sosiyete. Imyirondoro y'umwana yandikwa mu bitabo byabugenewe ari byo byitwa ibitabo by’irangamimerere biteganywa n’itegeko, bigakorwa n’umwanditsi w’irangamimerere uteganywa n’itegeko; bikaba biha uwanditswe uburenganzira ku nyandiko y’ivuka (Acte de naissance) n'uburenganzira ku byo yemererwa n'amategeko.

**Baza: [IZINA] yandikishijwe mu bitabo by’irangamimerere?**
Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari “**Yego**”, telefone ijya ku kibazo cya **P29**. Niba igisubizo ari "**Oya**” cyangwa “**Simbizi**”, umukarani w’ibarura akomereza ku kibazo gikurikiyeho cya **P25**.

**Icyitonderwa:**

Umukarani w’ibarura agomba gusobanurira ubazwa aho bandikishiriza abana bakivuka kugirango hatabaho kwitiranya kwandikwa mu bitabo by’irangamimerere no kwandikwa mu zindi gahunda nko mu byiciro by’ubudehe cg mu gitabo cy’ibyariro kiba kwa muganga. Kera, abavutse bandikishirizwaga ku biro by’akarere cg icyahoze ari komini. Ubu, iyandikwa ry’uwavutse rikorerwa ku biro by’umurenge cyangwa kwa muganga/mu kigo cy’ubuzima umwana yavukiyemo cyangwa ku biro by’akagali mu gihe umwana yavukiye ahatari kwa muganga. Nyuma yo kwandikwa mu irangamimerere, uwanditswe aba afite uburenganzira bwo kujya ku IREMBO gusaba icyemezo cy’amavuko cg inyandiko y’ivuka.

**P25:** Iki kibazo kibazwa abantu bafite nibura imyaka 18 y'amavuko n'abafite munsi y'imyaka 18 basubije ko batandikishijwe mu bitabo by’irangamimerere cyangwa ko batazi niba bandikishijwe cg batandikishijwe mu bitabo by’irangamimerere kuri P24. Telefone igaragaza urutonde rwabo. Kuri buri wese, umukarani w'ibarura abaza iki kibazo.

**Baza: [Izina] afite ubuhe bwoko bw’icyangombwa kimuranga?**
Kanda ku gisubizo uhawe n’usubiza. Mu gihe ubazwa afite ibyangombwa byinshi, akubwira icyo akunda gukoresha.

### 4.3.2.8 P25A-P28: ABADAFITE UBWENEGIHUGU UBWO ARI BWO BWOSE N'IMPAMVU

Ibi bibazo bibazwa abasubije ko nta cyangombwa bafite cyangwa ko batabizi kuri P25 (P25=13 cg 99). Telefone igaragaza urutonde rwabo. Kuri buri wese, umukarani w'ibarura abaza ibi bibazo.

**P25A:** Iki kibazo kigamije kumenya impamvu ubarurwa adafite icyangombwa kimuranga.
**Baza : Ni ukubera iki [Izina] adafite icyangombwa kimuranga?**
Kanda ku gisubizo uhawe.

**P26:** Iki kibazo kigamije kumenya ubwenegihugu bw'ababyeyi b'umuntu ubarurwa byagaragaye ko nta cyangombwa kimuranga afite cyangwa uwasubirijwe ko batazi niba agifite.

**Baza: Ubwenegihugu bw'ababyeyi ba [IZINA] ni ubuhe?**
Kanda ku gisubizo uhawe.

**P27**: iki kibazo kibazwa abantu bafite imyaka 18 y'amavuko n'abayirengeje byagaragaye ko badafite icyangombwa kibaranga kandi ko nta cyizere ko bazakibona hakurikijwe ibyo basubije cyangwa basubirijwe ku kibazo cya P25 (*yarabisabye ntiyabyemererwa, impamvu ze bwite, indi mpamvu, ntabizi*) no kuri P26 (*umwe mu babyeyi cyangwa ababyeyi bombi ni abanyamahanga cyangwa ubwenegihugu bwabo ntibuzwi*). Urutonde rwabo rutangwa na telefone. Iki kibazo kigamije kumenya niba ababyeyi babo bakiriho.

**Baza: Ababyeyi ba [IZINA] baracyariho?**
Kanda ku gisubizo uhawe.

**P28:** iki kibazo kibazwa abantu byagaragaye ko badafite ibyangombwa bibaranga bujuje imyaka 18 y'amavuko n'abayirengeje kandi ababyeyi babo cyangwa umwe muri bo ari umunyamahanga. Kigamije kumenya niba ababyeyi bafite cyangwa bari bafite ibyangombwa byo gutura mu Rwanda. Telefone igaragaza urutonde rw'amazina yabo; kuri buri wese, umukarani w'ibarura akabaza iki kibazo.

**Baza: Ababyeyi ba [IZINA] bafite/bari bafite ibyangombwa byemewe byo gutura mu Rwanda?**
Kanda ku gisubizo uhawe.

### 4.3.2.9 P29-P36C: UBUREZI, GUKORESHA INTERINETI NO GUTUNGA TELEFONE

Ibi bibazo (P29-P36C) bibazwa abatuye mu rugo bose**.** Bigamije kumenya uko uburezi buteye mu Rwanda muri rusange: umubare w’abantu bageze mu ishuri n’abatararigezemo, icyiciro cyo hejuru abageze mu ishuri barangije n'impamyabumenyi babonye. Bigamije kandi kugaragaza umubare w'abaturarwanda bazi gusoma, kwandika no kumva indimi zitandukanye, abakoresha ikoranabuhanga (interineti) n'aho barikoreshereza ndetse n'umubare w'abatunze telefone zigendanwa n'ubwoko bwazo.

**P29. Kugera mu ishuli**

**Baza: Ese [Izina] yaba yarageze cyangwa akiri mu ishuri/Irerero?**
Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari "**Ntiyigeze ajya mu ishuli**", telefoni/tabuleti ikujyana ku kibazo **P32**.

**Icyitonderwa:** Iyo ubarurwa yarangije kwiga icyiciro akabona impamyabushobozi ijyanye n'ibyo yize ariko akongera agatangira muri icyo cyiciro cg akajya mu cyiciro kiri hasi yacyo, akiga ibindi bitandukanye n'ibyo yari yarize mbere kubera ko abona ari byo bishobora kumufasha ku isoko ry'umurimo, icyo gihe tuzandika ko **yageze mu ishuri** (aho kwandika ko ari mu ishuri) kuko n'ubwo ari kwiga ariko iki cyiciro yari yarakirangije.

**P30A: Icyiciro cy'amashuli**

**Baza: Ni ikihe cyiciro cy'amashuri cyo hejuru {IZINA} yize?** Kanda ku gisubizo uhawe. Iyo igisubizo ari "**Irerero**" kandi ubazwa akaba afite nibura imyaka 10 y'amavuko, telefone ihita ijya ku kibazo cya **P32**.**P30B: Baza: Ni imyaka ingahe yarangije atsinze muri icyo cyiciro?** Kanda ku mubare w'imyaka ubwiwe. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza imyaka igize buri cyiciro.

| **Icyiciro** | **Imyaka** |
|---|---|
| 1. Ay'incuke | 0, 1, 2, 3 |
| 2. Abanza | 0, 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8 (ku bize imyaka irenga 6 twandika 6 gusa) |
| 3. Ingoboka/Imyuga iciriritse | 0, 1, 2, 3 |
| 4. Icyiciro cya mbere cy'ayisumbuye (O'level) | 0, 1, 2, 3, 4 |
| 5. Icyiciro cya kabiri cy'ayisumbuye (A'level) | 0, 1, 2, 3, 4 |
| 6. Ayisumbuye y'imyuga | 0, 1, 2, 3, 4, 5, 6 |
| 7. Amakuru/kaminuza | 0, 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9, 10, 11, 12, 13, 14, 15, 16 |

**Urugero:** *Niba ubazwa yaragarukiye mu mwaka wa gatandatu w'amashuli abanza akabura ubushobzi bwo gukomeza kwiga, kanda ku cyiciro cy'amashuri abanza kuri 30A hanyuma kuri 30B wuzuzemo 6 ku myaka yarangije atsinze. Niba ubazwa yarageze mu cyiciro cy'amashuri yisumbuye agatsindwa mu mwaka wa mbere, umukarani akanda ku cyiciro cya mbere cy'ayisumbuye kuri 30A hanyuma agakanda ku mubare "**0**" kuri 30B.*

**Ibyitonderwa:**

1. Ku muntu wasubiye kongera gutangira icyiciro yari yararangije cyangwa kiri munsi y'icyo yarangije, kubera ko twavuze ko yageze mu ishuri, ubwo hazatoranywa umwaka wa nyuma w'icyo cyiciro kuko yari yarakirangije.
2. Ku bantu bize imyaka irenze iyatanzwe muri buri cyiciro, hazatoranywa umwaka wa nyuma uri ku cyiciro cyavuzwe. Umukarani w'ibarura ahitamo umubare wa nyuma ntacyo abwiye uwo baganira (Dore ko n'ubundi ubarurwa atagomba kumenya ibyo umukarani w'ibarura yandika mu muri tabuleti/telefoni).
3. Umuntu warangije umwaka wa 6 w'amashuri yisumbuye ariko ntabashe gutsinda ikizamini cya leta azabarwa nk'uwarangije umwaka wa 5 w'amashuri yisumbuye bityo yuzurizwe ko yatsinze imyaka 5
4. Imyaka umuntu yarangije atsinze mu mashuli makuru na kaminuza ni igiteranyo cy'imyaka yarangije atsinze mu byiciro bitandukanye yarangije cyangwa yagezemo. **Urugero:** Umuntu wize masters/maitrise azavuga imyaka imyaka yize muri license/ bachelor yongeyeho iyo yize yose muri masters**.**

**P31: Impamyabushobozi/impamyabumenyi isumba izindi**

**Baza: Ni iyihe mpamyabushobozi/mpamyabumenyi isumba izindi [IZINA] afite?**

Impamyabushobozi/impamyabumenyi ziteganyijwe aha ni iy'amashuri abanza, iy'amashuri y'ingoboka, iy'imyuga iciriritse, icyiciro cy'amashuri yisumbuye kugeza ku zitangwa n'amashuli makuru ndetse na za kaminuza. Kanda ku gisubizo uhawe.

**Ibisobanuro by'impinamagambo z'impamyabushobozi**

**CE/FM (CERAL, CERAI, Section Familiale)**: Impamyabushobozi zahabwaga abantu babaga barangije imyuga kuko babaga batarabashije gukomeza amashuri yisumbuye.

**EMA (Ecole des Moniteurs Auxiliaires):** Yahabwaga abize imyaka 2 yisumbuye y'ubwarimu.

**ENTA (Ecole Normale Technique Auxiliaire)** : Yahabwaga abize kwigisha imyuga.

**Icyiciro Rusange (O'Level Certificate):** Ihabwa abarangije icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye.

**A3:** Yahabwaga abize ibijyanye na tekiniki (ubuhinzi, ubuganga, ubuvuzi bw'amatungo, ububaji, ubwubatsi…) byigwaga imyaka 4.

**D4:** Yahabwaga abize imyaka 4 y'amashuri yisumbuye.

**D5:** Yahabwaga abize imyaka 5 y'amashuri yisumbuye.

**A2:** Ihabwa abantu barangije imyaka 6 y'amashuri yisumbuye.

**D6:** Yahabwaga abantu barangije imyaka 6 y'amashuri yisumbuye.

**D7:** Yahabwaga abantu barangije imyaka 7 y'amashuri yisumbuye.

**TVET certificate III:** Impamyabushobozi ihabwa abarangije level III mu mashuri y'imyuga/ubumenyingiro. Ihabwa umuntu uhisemo guhagarika amashuli ye arangije umwaka wa kane mu ishuli ryigisha ubumenyingiro.

**TVET certificate IV:** Impamyabushobozi ihabwa abarangije level IV mu mashuri y'imyuga/ ubumenyingiro. Ihabwa umuntu uhisemo guhagarika amashuli ye arangije umwaka wa gatanu mu ishuli ryigisha ubumenyingiro.

**TVET certificate V:** iyi ni impamyabushobozi ihabwa abarangije amashuri yisumbuye y'imyuga.

**A1 (Bacc/Diploma):** Impamyabushobozi ihabwa umuntu warangije icyiciro cya mbere cya Kaminuza.

**A0 (Bachelor):** Impamyabushobozi ihabwa umuntu warangije icyiciro cya kabiri cya Kaminuza.

**MA (Master):** Impamyabushobozi ihabwa umuntu warangije icyiciro cya gatatu cya Kaminuza.

**PhD (Doctorate):** Impamyabushobozi y'ikirenga.

**Ibyitonderwa:**

- Abantu bose barangije amashuri abanza, ni ukuvuga abarangije umwaka wa nyuma w'amashuri abanza ariko ntibababashe kugira ikindi cyiciro cyisumbuye barangiza, baba bakiri mu ishuri cg batakiri mu ishuri, bazandikwaho impamyabumenyi cyangwa seritifika y'amashuri abanza.

- Abantu bose barangije umwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye (icyiciro rusange) ariko ntibababashe kugira ikindi cyiciro cyisumbuye barangiza, baba bari mu ishuri cg batari mu ishuri, bazandikwaho impamyabumenyi y'icyiciro rusange (O'Level certificate).

- Abantu bose barangije umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye (A2) bazandikwaho certificat y'icyiciro cy'amashuri yisumbuye mu gihe gusa batsinze ikizamini cya Leta gisoza amashuri yisumbuye. Byumvikane ko abageze mu mwaka wa 6 w'amashuri yisumbuye ariko

ntibatsinde ikizamini cya leta cg bakaba bategereje amanota y'ikizamini cya Leta bazabarwaho impamyabumenyi y'icyiciro rusange (O'Level Certificate).

**Ibibazo P32-P36** bibazwa abafite nibura imyaka 10 y'amavuko. Bigamije kumenya abazi kwandika, gusoma no kumva indimi zitandukanye, cyane cyane indimi zikoreshwa mu Rwanda abakoresha interineti/murandasi n'aho bayikoreshereza ndetse n'abatunze telefone ngendanwa n'ubwoko bwazo.

**P32. Kumenya kwandika gusoma no kumva indimi**

**Baza: Muri izi ndimi zikurikira, ni izihe (IZINA) azi gusoma, kwandika no kumva?**
Umukarani asomera ubazwa buri rurimi agategereza igisubizo ubazwa amuhaye. Niba igisubizo ari "**yego**", umukarani w'ibarura akanda kuri urwo rurimi agakomeza abaza niba ubarurwa azi gusoma, kwandika no kumva ururimi rukurikiyeho bityo bityo kugeza azirangije. Niba ari "**oya**", ajya ku rurimi rukurikira na bwo akabaza, agategereza igisubizo. Mu gihe igisubizo ari "**oya**" ku ndimi zose, umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo "**Nta na rumwe**".

**Ibyitonderwa:**

- Mu gihe ubazwa asubije ko hari kimwe muri ibi bitatu (kwandika, gusoma no kumva) umuntu ubarurwa atujuje ku rurimi runaka, umukarani w'ibarura ntaruhitamo.
- Impamvu y'imibare iranga indimi idakurikiranye kandi hakaba hari iri kuburamo: hari uburyo 2 bwo gukoresha ibirango: **Uburyo bwa mbere** ni uko kuri buri rurimi, ibisubizo bishobora kuba yego cyangwa oya, icyo gihe buri rurimi rukabazwa ukwarwo yego ikarangwa n'umubare 1, oya ikarangwa n'umubare 2. **Uburyo bwa kabiri** ari bwo bwakoreshejwe aha ni uko indimi zose zibarizwa icyarimwe mu rwego rwo kwirinda ibibazo byinshi. Ururimi rwa mbere rwahawe umubare 1, ku rurimi rwa kabiri, umubare w'ururimi rwa mbere bawukuba na 2 (1*), ku rurimi rwa 3 umubare w'ururimi rwa 2 bawukuba na 2 (2*2), bityo bityo. Kubera ko iyi mibare igomba guteranywa kugira ngo tubone igisubizo kimwe ku ndimi zose umuntu yavuze ko azi gusoma, kwandika no kumva, ubu buryo bwakoreshejwe butuma igiteranyo kidahura n'umubare wakoreshejwe mu kuranga ururimi umuntu yagaragaje ko azi gusoma, kwandika no kumva. Tabuleti/telefoni izakora igiteranyo cy'ibiranga indimi umukarani azaba yahisemo ko ubarurwa azi gusoma, kwandika no kuvuga.

**P33:** Iki kibazo kibazwa abatarageze mu ishuri (**P29=3**) cyangwa abatararenze umwaka wa 3 w'amashuri abanza (**P30A<4** na **P30B<4**)

**Baza : [IZINA] yaba yarageze mu isomero ryigisha gusoma no kwandika?**
Kanda ku gisubizo.

**P34:** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'abantu bakoresha/bakoresheje interineti mu mezi cumi n'abiri abanziriza ijoro ry'ibarura.

**Baza: Mu mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura, [IZINA] yakoresheje interineti/murandasi?**
Kanda ku gisubizo uhawe. Iyo igisubizo ari "**Oya**" cyangwa "**Ntabizi**", telefone ijya ku kibazo **P36A**. Niba ari "**Yego**", umukarani w'ibarura akomereza ku kibazo **P35**.

**P35:** Iki kibazo kigamije kumenya aho abantu bakoresha interineti kurusha ahandi.

**Baza: Igihe kinini [IZINA] ayikoreshereza he?**
Kanda ku gisubizo uhawe.

**P36A:** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'abantu batunze telephone igendanwa.

**Baza: Muri uru rugo haba hari umuntu utunze telefoni igendanwa?**
Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari "**Oya**", telefone/tabuleti ikujyana ku kibazo cya **P37**. Niba igisubizo ari "**Yego**", telefone/tabuleti ihita izana urutonde rw'abantu bose bafite nibura imyaka 10 y'amavuko ku kibazo gikurikiraho.

**P36B:** Iki kibazo kigamije kumenya abantu batunze telephone igendanwa mu rugo rubarurwa.

**Baza: Ni bande batunze telefone igendanwa muri uru rugo?**
Ku rutonde rw'amazina y'abarebwa n'iki kibazo, kanda kuri buri zina ry'umuntu bakubwiye ko atunze telefone zigendanwa, hanyuma kuri buri muntu ubaze ikibazo gikurikira.

**P36C:** Iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bwa telefone ubarurwa atunze.

**Baza: [IZINA] atunze ubuhe bwoko bwa telefone?**
Kanda ku gisubizo uhawe.

**Icyitonderwa**: Umukarani w'ibarura asomera uwo baganira ibisubizo bishoboka kugira ngo amworohereze kumenya ubwoko bwa telephone bubazwa. Niba atunze telefone isanzwe na smart phone/taci, kanda kuri smart phone/taci.

#### 4.3.2.10 P37-P49: IMIRIMO

Iki gika kigizwe n'ibibazo 13 bibazwa abatuye mu rugo bafite nibura imyaka 16 y'amavuko**.** Bigamije kugaragaza umubare w'abantu bari bafite imirimo mu gihe fatizo, ubwoko bw'imirimo bakoraga n'aho bayikoreraga, umubare w'abatarakoze umurimo uwo ari wo wose muri icyo gihe fatizo n'impamvu batakoze ndetse no kugaragaza umubare w'abashomeri.

**Umurimo** ni igikorwa cyose gikozwe n'umuntu, akora ibintu cyangwa atanga serivisi ku bandi bantu cyangwa abyikorera ku giti cye.

Umurimo ugabanyijemo ibyiciro bine bikurikira hakurikijwe abayikora n'icyo bagamije:

- Icyiciro cya mbere kigizwe n'**Abakora imirimo bagamije gutunga ingo zabo** (nko gutashya, kuvoma, guhinga ibyo gutunga urugo, guhaha, guteka, n'ibindi).
- Icyiciro cya kabiri kigizwe n'**Abafite akazi gahemberwa cyangwa kabyara inyungu. Urugero**: *Abahingira abandi bakabahemba amafrw cg ibindi bihembo, abadandaza mu masoko, abakozi bo mu rugo babihemberwa, abamotari, abatayeri, abayede, abakozi ba Leta…*
- Icyiciro cya gatatu kigizwe n'**Abimenyereza imyuga badahembwa** (aha twavuga nk'abanyeshuri bimenyereza umwuga bagamije kongera ubumenyi badahembwa).
- Icyiciro cya kane kigizwe n'**Abakorerabushake. Urugero**: *abafashamyumvire muri covid*.

Muri iri barura, tuzibanda cyane ku cyiciro cya kabiri cy'**Abafite akazi gahemberwa cyangwa kabyara inyungu**. Duhereye ku ngero zatanzwe, akazi gahemberwa cyangwa kabyara inyungu ni umurimo wose uhemberwa amafaranga cyangwa ibintu cyangwa umurimo ubyara inyungu nk'ubucuruzi, aho waba ukorewe hose, waba uw'igihe kigufi cyangwa kirekire. Kugira ngo akazi kose kakozwe kabarwe, tubaza niba hari akazi umuntu ubarurwa yakoze mu gihe cy'ifatazo n'iyo yaba yaragakoze mu gihe cy'isaha imwe yonyine. Gukora isaha imwe cg irenze mu minsi 7 ibanziriza umunsi w'ibarura mu rugo ni byo bigenderwaho kugirango hamenyekane abafite akazi harimo n'akazi k'igihe gito.

**Ibyitonderwa:**

- Imwe mu mirimo ishobora gufatwa nk'isuzuguritse, uwayikoze akaba atayibona nk'akazi. Umukarani w'ibarura akwiye gusobanurira neza ubazwa, yifashishije ingero, kugira ngo hatagira akazi gasigara katabazwe kandi karakozwe mu gihe cy'ifatizo.

  **Ingero:** *Ubuzunguzayi, Guhingira amafaranga, Ikiraka cy'umunsi umwe, ....*

- Imirimo y’Ubuhinzi bworozi ibarwa nk’akazi igihe abayikora baba bagamije ahanini kugurisha umusaruro uvuyemo. Iyo umusaruro mwinshi ukoreshwa mu gutunga urugo, ntabwo ubwo buhinzi bubarwa nk’akazi.
- Hari ibikorwa bimwe na bimwe bishobora gufatwa nk’ibibyara inyungu ariko bidafatwa nk’akazi mu Rwanda. Aha twavuga nk’uburaya cyangwa ubujura.

**Igihe fatizo**: Kubera ko isoko ry’umurimo rihindagurika, muri iri barura, tuzakoresha igihe fatizo kingana **n’iminsi irindwi** ibanzirirziza umunsi umukarani w’ibarura agereye mu rugo rubarurwa kubijyanye no **kumenya abafite akazi** n’igihe fatizo kingana **n’ibyumweru bine** bibanziriza umunsi umukarani w’ibarura agereye mu rugo rubarurwa ku bijyanye no kumenya abashakisha akazi. Umuntu ashobora kuba yari afite akazi mu kwezi kubanziriza igihe fatizo ariko akaba yaragatakaje mu gihe cy'ibarura; Ashobora kuba ari gushaka akandi cyangwa se agashaka akazi mu bihe bitandukanye.

Muri iri barura, abafite akazi ni abantu bose bazaba barakoze umurimo ubyara inyungu cg baratanze serivisi yishyurwa nibura isaha imwe **mu minsi irindwi** ibanziriza umunsi umukarani w’ibarura agereye mu rugo rubarurwa aje kurubarura.

Aha habarirwamo:

(a) Abantu bafite akazi kandi bagakoze mu gihe cy’ifatizo (iminsi irindwi ibanziriza umunsi w'ibarurwa ry'urugo).

(b) Abantu bafite akazi ariko batari bakariho mu gihe cy’ifatizo (iminsi irindwi ibanziriza umunsi w'ibarurwa ry'urugo) bitewe n’impamvu runaka nko gusiba by'igihe gito, imiterere y’akazi (abakora basimburana/shift) nyuma y'igihe runaka, ikiruhuko/uruhushya ry’akazi…

**P37.** Iki kibazo kigamije kumenya abakoze umurimo uwo ari wo wose n'abatarakoze mu minsi 7 ibanziriza umunsi w'ibarura mu rugo. Hari ibibazo bigenewe abataragize umurimo bakora n'ibigenewe abakoze umurimo ubyara inyungu uwo ari wo wose.

**Baza**: **Mu minsi 7 ishize, [IZINA] yaba yarakoze nibura kimwe muri ibi bikurikira n'ubwo yaba isaha imwe?**

Umukarani w’ibarura asomera ubazwa imirimo iri ku rutonde ahereye ku wa mbere hanyuma agategereza ko uwo baganira amusubiza niba yarawukoze cg atarawukoze. Iyo ubazwa avuze ko yawukoze, igisubizo ari “**yego**”, si ngombwa gukomeza kumusomera imirimo ikurikiyeho. Akanda

kuri “**yego**”, tabuleti/telefone ikajyana ku kibazo P46. Mu gihe nta murimo n'umwe ubarurwa yakoze, akanda kuri “**Oya**” hanyuma agakomeza ku kibazo gikurikira.

**P38.** Iki kibazo kigamije gutandukanya abatarakoze ariko bafite akazi n'abatarakoze kandi batari bafite akazi mu gife fatizo.

**Baza: Haba hari akazi ahemberwa cg kabyara inyungu (IZINA) yari asanzwe afite atashoboye kujyaho mu minsi 7 ishize ariko akaba yarateganyaga kugasubiraho?**
Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari "**yego**", komereza ku kibazo gikurikira. Niba ari “**oya**”, jya kuri P42.

**P39.** Iki kibazo kigamije kumenya impamvu y'ingenzi umuntu ubarurwa adakora mu minsi 7 ibanziriza umunsi w'ibarura mu rugo.

**Baza: Ni iyihe mpamvu y'ingenzi yatumye (IZINA) atajya ku kazi mu minsi 7 ishize?**
Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari "Umukozi w'isizeni", telefone ikukyana ku kibazo cya P42.

**Ibyitonderwa:**

- Uburwayi nk’impamvu yo kutajya ku kazi ni uburwayi bw’ubarurwa gusa. **N*tuzahitemo*** iyi mpamvu igihe cyose impamvu yo kudakora yari iy’uko yitaga ku muvandimwe cg uwo mu muryango we urwaye, yakomeretse cg yagize ikibazo cyo kwa muganga. Ni ngombwa kubaza niba umuntu ubarurwa ari we wari urwaye muri icyo gihe. Niba yari umurwaza, umukarani w'ibarura ahitamo igisubizo "**Iyindi**" akayisobanura.
- Abakora akazi k’isizeni ni abakozi bakora mu gihe runaka (sizeni) icyo gihe iyo kirangiye bahagarika akazi bakazagaruka kuri sizeni ikurikiyeho. Aha, twavuga nk’abakozi bakora mu mishinga y’ubuhinzi bakora akazi iyo ari igihe cy’itera gusa cyangwa igihe cy’isarura gusa.

**P40.** Iki kibazo kibazwa umuntu wasibye akazi mu minsi 7 ibanziririza umunsi w'ibarura mu rugo rubarurwa). Kigamije kureba abafatwa nk’abakora (niba barakomeje guhembwa) n'ubwo batari bari ku kazi mu minsi 7 ibanziririza umunsi w'ibarura mu rugo.

**Baza: [IZINA] yakomeje guhembwa n'ubwo atakoraga?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari "**Yego**", tabuleti/telephone ihita ikujyana ku kibazo cya P46. Niba igisubizo ari "**Oy**a" cyangwa "**Ntabizi**", komereza ku kibazo gikurikira.

**P41.** Iki kibazo kibazwa umuntu wasibye akazi mu minsi 7 ibanziriza umunsi w'ikiganiro mu rugo. Kigamije kureba abafatwa nk’abakora (abateganyaga gusubira ku kazi mu gihe gito) n'ubwo batari bari ku kazi mu minsi 7 ibanziriza umunsi umunsi w'ibarura mu rugo. Igihe gishingirwaho kugira

ngo umuntu afatwe nk’ugifite akazi ni amezi atatu. Kibarwa uhereye ku itariki yatangiriyeho gusiba kugeza ku itariki ateganya gusubira mu kazi.

**Baza: [IZINA] arateganya gusubira ku kazi mu gihe kiri munsi y'amezi 3?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Iyo igisubizo ari "**yego**", tabuleti/telefone ijya kuri P46.

**P42.** Iki kibazo kibazwa abantu bose byagaragaye ko badafite akazi hagamijwe kureba, muri bo, abakora imirimo y’ubuhinzi-bworozi/uburobyi bigamije ahanini kubatunga.

**Baza: Mu byumweru 4 bishize [IZINA] yaba yarakoze mu mirimo y’ubuhinzi/ubworozi/uburobyi agamije ahanini gutunga urugo?**

Kanda ku gisubizo uhawe.

**P43.** Iki kibazo kibazwa abagaragaye ko badafite akazi mu bibazo byabanjirije. Kigamije kumenya abashakaga akazi gahemberwa ako ari ko kose cyangwa abagerageje gutangira kwikorera mu byumweru 4 bibanziriza umunsi w'ibarura mu rugo.

**Baza: Mu byumweru 4 bishize [IZINA] yaba yarashatse akazi gahemberwa cyangwa yarageragej e gutangira akazi kabyara inyungu?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari "**Yego**", telefone irakujyana ku kibazo cya P45; niba ari "**Oya**", ukomereza ku kibazo gikurikiyeho.

**P44.** Iki kibazo kigamije kumenya ababonye akazi ariko bakaba batari bagatangira.

**Baza: Mu byumweru 4 bishize, [IZINA] yaba yarabonye akazi cg yarateguraga gutangira kwikorera akazi kabyara inyungu?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Ku gisubizo uhawe icyo ari cyo cyose, cyaba ari “**Yego**” cyangwa “**Oya**”, telefone irakujyana ku kibazo gikurikiyeho ari cyo cya **P45.**

**P45.** Iki kibazo kigamije kumenya niba abadafite akazi, baba baragashatse cyangwa bataragashatse, bashoboraga guhita bagatangira mu gihe kabonetse. Birashoboka ko umuntu ashobora kuba ari gushaka akazi ariko akaba atiteguye kugatangira mu gihe cya hafi.

**Ingero***: Umugore utwite, umunyeshuri witegura kurangiza amasomo ye.*

**Baza: Iyo haboneka amahirwe y'akazi (gahemberwa cg kwikorera), [IZINA] yari gutangira gukora mu minsi 7 ishize cg mu byumweru 2 biri imbere?**
Kanda ku gisubizo uhawe. Ku gisubizo icyo ari cyo cyose uhawe, cyaba "**Yego**" cyangwa "**Oya**", telefone ikujyana ku kibazo cya P50A.

**P46. Baza: {[IZINA] akorera nde muri aba bakurikira?**
Umukarani w'ibarura asomera ubazwa ibisubizo byateganyijwe hanyuma agakanda ku gisubizo ahawe. Ku gisubizo icyo ari cyo cyose uhawe, telefone ikujyana ku kibazo gikurikiyeho cya **P47.**

**Ibisobanuro by'ibisubizo byateganyijwe:**

1) **Ikigo cya Leta/Inzego za Leta/Ikigo cya Leta cy'ubucuruzi**: ni ikigo gikorerwamo imirimo y'inzego bwite za Leta (minisiteri, akarere, umurenge..., ikigo gishamikiye kuri minisiteri nka NISR, RSSB..., ibigo by'ubucuruzi bya Leta nka WASAC, REG, RBA... n'ibigo by'amashuli ya Leta nka Lycée de Kigali, NUR, ibigo by'ubuvuzi nka CHUK, CHUB, Ibitaro bya Musanze, ....
2) **Ikigo gifashwa na Leta:** ni ikigo gifashwa na Leta mu buryo ubwo ari bwo bwose kugirango gishobore kurangiza neza inshingano zacyo cyangwa ikigo Leta ifitemo imigabane. Gishobora kuba ari ikigo gihuriweho n'abashoramari benshi harimo na Leta (Joint venture). Urugero: Ibitaro bya ADEPR Nyamata, Urwunge rw'amashuli St André Nyamirambo…
3) **Abikorera (Yikorera) mu mirimo itari iy'ubuhinzi**: ni umuntu/abantu bafite imirimo bakora ibyara inyungu, bikorera ku giti cyabo (nta mukozi wundi bafite) cyangwa bafite abakozi bakoresha (bahemba) muri iyo mirimo. Bashobora kuba bikorera mu bigo binini, mu bigo biciriritse cyangwa se ibigo bitoya. Habarirwamo kandi abantu bikorera bagamije inyungu mu bucuruzi bwabo cyangwa serivisi batanga. Bashobora kuba bakorera mu iduka, mu biro, mu muhanda, kuri shantiye, mu isoko n'ahandi.

   **Icyitonderwa:** abakora imirimo yishyurwa n'abaturage nk'abanyerondo, na bo bafatwa nk'abakorera abikorera.
4) **Abikorera (Yikorera) mu mirimo y'ubuhinzi/bworozi:** ni abantu bose bakora imirimo y'ubuhinzi/bworozi bugamije isoko cyangwa se igice kinini cy'umusaruro kijyanwa ku isoko.
5) **VUP:** ni gahunda ya Leta igamije gufasha ingo zikennye kwivana mu bukene ikaba ikorera mu mirenge yose muri buri karere.

6) **Muri ONG mpuzamahanga/Mu miryango mpuzamahanga**: ni imiryango idaharanira inyungu ifite ibyicaro bikuru mu mahanga cyangwa yavukiye mu mahanga (World Vision, UNICEF, Compassion,...) n'abakorera izindi Leta nko muri za Ambasade.
7) **Muri ONG Nyarwanda/Imiryango y'abihaye Imana**: ni imiryango igizwe n'abantu bishyize hamwe hagamijwe guteza imbere ubukungu, imibereho myiza, umuco/imyemerere by'abagenerwabikorwa, kubakorera ubuvugizi cyangwa guteza imbere inyungu z'abanyamuryango ku giti cyabo (ProFemmes Twese Hamwe, Caritas Rwanda, ...).
8) **Muri Koperative**: Koperative ni ikigo cyashinzwe n'abantu bishyize hamwe kugira ngo bakore igikorwa kibyara inyungu.
9) **Mu rugo**: ni ahakorerwa imirimo y'urugo, abayikora bakaba bayihemberwa.
   Urugero: Umukozi wo mu rugo, abazamu bo mu rugo n'abandi bazasubiza ko bakorera mu rugo.

**Icyitonderwa:** Mu gihe ubarurwa yasubije ko afasha adahembwa mu bucuruzi bw'urugo cyangwa mu kazi k'umwe mu bagize urugo ku kibazo cya P37, umukarani w'ibarura azabaza aho uhabwa ubufasha akora abe ari ho amwandikaho. **Urugero:** umunyeshuri ufasha gucuruza muri butiki y'urugo nyuma y'amasomo azasubirizwa ko akorera "**Abikorera (Yikorera) mu mirimo itari iy'ubuhinzi".**

**P47.** Iki kibazo kigamije kumenya igikorwa cy'ingenzi gikorerwa aho ubarurwa akora. Aho ubarurwa akora hashobora kuba mu kigo cy'ubucuruzi, mu kigo runaka cya Leta, mu ruganda, ahororerwa amatungo, kuri stand yo mu isoko n'ahandi. Ku bantu bikorera badafite ibigo (Abamotari, abazunguzayi, abanyonzi, abadozi b'inkweto...), ikigo kiba ari uwo murimo bakora ubwawo. Hakaba hagamijwe kumenya igikorwa cyangwa serivisi y'ingenzi itangwa n'ibigo cyangwa abikorera.

**Ingero:** *Nko mu kigo cy'Ubucuruzi, hashobora gukorwamo ubucuruzi budandaza imyambaro mu iduka; mu kigo cya Leta hashobora gukorerwamo ibarurishamibare; ahorererwa amatungo hashobora kuba hakorerwa ubworozi bw'inkoko.*

**Baza: Aho [IZINA] akora bakora iki cy'ingenzi ?**
Umukarani w'ibarura yandika umurimo w'ingenzi muri telephone, noneho uko awandika telefone ikamuzanira urutonde rw'imirimo isa cyangwa yenda gusa n'ibyo agenda yandika.

**Urugero**: *Niba igisubizo ubazwa atanze ari "Guhinga ibigori"; umukarani w'ibarura azandika muri telephone ngo "Guhinga". Icyo gihe azabona urutonde rurerure ruriho ibihingwa byinshi noneho akomeze yandika "ibigori" azajya kurangiza kwandika hasigaye gusa amagambo arimo "Guhinga ibigori" abe ari byo ahitamo.*

**Ibyitonderwa:**

1. **Ku bakora imirimo y'ubucuruzi,** ni ngombwa gutandukanya **ubucuruzi buranguza n'ubucuruzi budandaza**. Bivuze ko mu gihe umuntu agusubije ko Icy'ingenzi bakora ari "Gucuraza inkweto" ukwiye guhita umusobanuza niba ahanini baranguza (wholesale) cyangwa badandaza (retail sales). Nanone, kubakora ubucuruzi budandaza, ni ngombwa gutandukanya **ubucuruzi budandaza bukorerwa mu maduka, ubukorerwa mu masoko n'ubukorerwa mu mihanda cyangwa kuri murandasi**. Mu gihe umuntu agusubije ko Icy'ingenzi bakora ari "Kudandaza inkweto", musobanuze aho bikorerwa ubone kwandika, unitondere guhitamo igisubizo gihuye n'ibyo akubwiye.
2. **Ku bakora mu bigo bya Leta,** ushobora gukoresha izina ry'ikigo ubarurwa akoramo (REB, MINAFET, RAB, MINEDUC, MINISANTE n'ibindi).
3. **Ku bakozi bo mu rugo**, hazandikwamo ko ari "**Imirimo yo mu rugo**"
4. **Ku bantu bakorera ibigo bifitanye amasezerano n'ibindi bigo**, bazasubiza bagendeye ku cyo ikigo bafitanye amasezerano gikora cy'ingenzi aho kugendera ku cyo aho bakorera akazi ka buri munsi bakora.

   **Urugero:** *Umuntu ubarurwa ashinzwe umutekano kuri Banki Nkuru y'Igihugu aho yoherejwe n'ikigo cya Intersec ari na cyo kimukoresha kikanamuhemba. Uyu muntu azasubiza ko aho akora bakora ibijyanye no gucunga umutekano aho gusubiza ko aho akora bakora ibijyanye n'amabanki.*

5. **Tandukanya "imyenda" na "imyambaro"**: Kenshi abasubiza bitiranya imyenda n'imyambaro. Imyenda ni ibitambaro bitadoze, amashuka, amarido, ibitenge n'ibindi bintu bitandukanye bikozwe mu bitambaro; mu gihe imyambaro ari imyenda iba idoze ishobora kwambarwa. Umuntu nakubwira ngo Akazi k'ingenzi dukora ni:"*Kudoda imyenda y'abagabo*" ukwiye gushakisha ukoresheje "Kudoda imyambaro y'abagabo"; kuko ikirango cyo kudoda imyenda gitandukanye n'icyo kudoda imyambaro.

6. **Tandukanya "gusana/gukanika" na "gukora"**: Umuntu usana mudasobwa ashobora kugusubiza ati mu kazi kanjye icyo dukora cy'ingenzi ni "Gukora mudasobwa" mu gihe mu by'ukuri ari Ukuzisana. Uramutse udashishoje ugahita wandika ibyo akubwiye, nta buryo bwaba buhari no kumutandukanya n'umuntu ukora mu ruganda rwa POSITIVO rukora/ruteranya mudasobwa. Ni cyo gituma ukwiye gusobanuza neza ugakoresha ijambo "gukora" ahantu hakwiriye. Umukarani w'ibarura akimara guhitamo icyo aho ubarurwa akora bakora cy'ingenzi, azakomereza ku kibazo gikurikira cya P48.

**P48.** Iki kibazo kigamije kumenya akazi k'ingenzi umuntu ubarurwa yakoze.

**Baza: Mu minsi 7 ishize, akazi k'ingenzi (inshingano y'ingenzi) [IZINA] yari afite ni akahe?**
Andika, nibura mu magambo atatu, akazi k'ingenzi umuntu ubarurwa akora. Uko ugenda wandika izina ry'akazi ubarurwa yakoraga, telephone ikuzanira urutonde rw'amagambo ahuye cyangwa yenda guhura n'ibyo urimo kwandika ugahitamo akazi wabwiwe umaze kureba neza ko ibiri muri telephone bihuye n'igisubizo wahawe. Ukimara guhitamo akazi k'ingenzi ubarurwa yakoze, ukomereza ku kibazo gikurikira cya P49.

**Ingero:** *Niba usubiza ari Umwarimu mu mashuri yisumbuye; Umukarani w'ibarura, nyuma yo kwandika "Umwarimu" muri telephone ashobora kubona urutonde rukurikira:*
-*Umwarimu mu mashuri abanza*
-*Umwarimu mu mashuri y'imyuga*
-*Umwarimu mu mashuri y'isumbuye*
-*Umwarimu muri Kaminuza*
-*Umwarimu wigisha imodoka*
-*Umwarimu wigisha kubyina*
-*Umwarimu usubiriramo abana…*

**Ibyitonderwa:**

- Mu gihe ubarurwa yakoze utuzi turenze kamwe, umukarani w'ibarura azamusaba guhitamo akazi k'ingenzi ashingiye ku kazi gakorwa igihe kinini (iminsi myinshi cyangwa amasaha menshi). Iyo ubarurwa amara igihe kingana mu tuzi turenze kamwe, akazi k'ingenzi kagenwa hakurikije ako abonamo igihembo kinini/inyungu nini.
- Kuba umuyobozi mu udugudu ntibifatwa nk'akazi.

**P49.** Iki kibazo kigamije kumenya urwego umuntu ubarurwa ariho aho akorera. Ni ngombwa ko umukarani w'ibarura asomera uwo baganira ibisubizo byateganyijwe kugira ngo asobanukirwe abone ubumuha igisubizo gikwiye.

**Baza: Muri aka kazi [IZINA] ni...............?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**Ibisobanuro by'ibisubizo byateganyijwe:**

1) **Umukozi ukorera umushahara:** abakorera "umushahara" ni abantu bafite amasezerano (yanditse cg ayo mu magambo) cyangwa mu buryo buziguye mu masezerano agena ibihembo bitagendeye cyane cyane ku musaruro yagaragaje. Igihembo gishobora kuba umushahara, komisiyo ivuye mu byagurishijwe, umufuragiro, agahimbazamusyi cyangwa ikindi gihembo nk'ibiribwa, icumbi, amahugurwa...
2) **Uwimenyereza umwuga uhembwa**: ni umuntu ukora mu buryo bwo kwimenyereza akazi ariko akabona kimwe mu bihembo byavuzwe haruguru.
3) **Umukoresha (ufite abakozi bahoraho):** ni umuntu wikorera ku giti cye cg afite abafatanyabikorwa kandi akaba akoresha/bakoresha byibuze umukozi umwe ku buryo buhoraho.
4) **Uwikorera/udafite abakozi bahoraho:** ni umuntu byagaragaye ko yikorera ku giti cye cg akorana n'abandi bafatanyije muri uwo murimo ariko nta mukozi uhembwa mu buryo buhoraho afite/bafite.
5) **Umunyamuryango wa koperative**: koperative ikora ibintu cg itanga serivisi ishobora gukoresha umunyamuryango wayo ariko itamuhemba (nta mushara uhoraho ahabwa na koperative). Muri koperative, abanyamuryango bahuriza hamwe imbaraga bakagabana inyungu cg igihombo kivuye mu musaruro.
6) **Ufasha adahembwa mu bucuruzi bw'urugo cg mu kazi k'umwe mu bagize urugo:** ni umuntu ukora mu mirimo ibyara inyungu y'urugo ariko atayihemberwa cyangwa ufasha umwe mu bagize urugo mu kazi ke kandi ntabimuhembere. **Urugero:** *gukora muri butike y'urugo utabihemberwa kandi utari na nyirayo, gufasha umubyeyi/umuvandimwe wapatanye ikiraka cy'ubwubatsi*.
7) **Ibindi:** abandi bose batavuzwe haruguru.

#### 4.3.2.11 P50A-P51C: UBURUMBUKE/UMUBARE W'IMBYARO KU BAGORE

Iki gika kigizwe n'ibibazo 10 (**P50A-P51C**) bibazwa abatuye mu rugo b'igitsina gore bafite nibura imyaka 10 y'amavuko**.** Bigamije kugaragaza umubare w'abantu b'igitsina gore babyaye abana bakavuka ari bazima, umubare w'abana b'abahungu n'umubare w'abana b'abakobwa bavutse ari bazima (kuri buri mugore) n'umubare w'abakiriho muri bo. Bigamije kandi kumenya umubare w'abantu b'igitsina gore babyaye abana bakavuka ari bazima mu mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura, umubare w'abana b'abahungu n'umubare w'abana b'abakobwa bavutse ari bazima n'umubare w'abakiriho muri bo. Ibi bifasha Leta n'abafatanyabikorwa bayo gukora igenamigambi ku bijyanye n'ubuzima n'imibereho myiza y'abagore n'abana cyangwa y'umuryango muri rusange.

Kuri ibi bibazo, umukarani w'ibarura agomba gusobanura bihagije, mu bwitonzi n'ikinyabupfura, impamvu ibi bibazo bibazwa abantu b'igitsina gore bonyine n'icyo bigamije kugirango abone ibisubizo by'ukuri kuri buri kibazo. Abagore benshi ntibakunda gutanga amakuru ku birebana n'uburumbuke n'umubare w'imbyaro babyaye. Bikaba biterwa n'impamvu nyinshi harimo no gutinya igisebo cyangwa ingaruka byabagiraho. Byaba byiza ubazwa yisubirije kandi mu mwiherero kugira ngo intego y'ibi bibazo igerweho.

**P50A:** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'abantu b'igitsina gore babyaye abana bakavuka ari bazima.

Umwana uvutse ari muzima ni umwana wavutse agaragaza ibimenyetso byerekana ubuzima bikurikira:

- Guhumeka;
- Gutera k'umutima;
- Kurira cyangwa kuniha;
- Kunyeganyega kw'imbavu ndetse n'ibindi bice by'umubiri.

Ibarura ryita cyane cyane ku bana bavuka ari bazima. Ni muri urwo rwego utagomba gushyiramo abana bapfa batari bagejeje igihe cyo kuvuka (inda zavuyemo) ndetse n'abavuka bapfuye ku buryo baterekana ibimenyetso by'ubuzima mu gihe bavuka.

**Baza: [IZINA] yaba yarigeze abyara umwana muzima?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Iyo igisubizo ari "**Yego**", tabuleti/telefoni ikujyana ku kibazo gikurikira cya P50B. Iyo ari "**Oya**", tabuleti/telefoni ikujyana ku muntu ukurikira.

**P50B_Hungu:** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'abana b'abahungu bavutse ari bazima ku muntu ubarurwa.

**Baza: Abana b’abahungu [Izina] yabyaye ari bazima ni bangahe?**
Andika umubare bakubwiye w'abana b'abahungu ubarurwa yabyaye. Niba ari ntabo, andika "0".

**P50B_Kobwa:** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'abana b'abakobwa bavutse ari bazima ku muntu ubarurwa.
**Baza: Abana b’abakobwa [Izina] yabyaye ari bazima ni bangahe?**
Andika umubare bakubwiye. Niba nta mwana w’umukobwa yabyaye, andika "0" ahabugenewe.

**P51A:** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'abantu b'igitsina gore babyaye abana bakavuka ari bazima mu mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura.

**Baza: Mu mezi 12 abanziriza ijoro ry’ibarura (16/08/2021-15/08/2022), [IZINA] yaba yarigeze abyara umwana akavuka ari muzima ?**
Kanda ku gisubizo uhawe. Niba ari "**Yego**", tabuleti/telefone ikujyana ku kibazo cya P51B_hungu; niba ari "**Oya**", tabuleti/telefone ikujyana ku muntu ukurikiyeho.

**Icyitonderwa:** Abana bavutse mu ijoro ry’ibarura ntabwo babarwa mu bavutse mu mezi 12 abanziriza ijoro ry’ibarura ariko bagomba kugaragara ku rutonde rw’abagize urugo rubarurwa.

**P51B_hungu. Baza: Abana b’abuhungu [IZINA] yabyaye ari bazima mu mezi 12 abanziriza ijoro ry’ibarura ni bangahe?**
Andika umubare w’abana b’abahungu bavutse ari bazima mu mezi 12 abanziriza ijoro ry’ibarura. Niba ari nta muhungu yabyaye ari muzima mu mezi 12 abanziriza ijoro ry’ibarura, andika "0" ahabugenewe.

**P51B_Kobwa. Baza: Abana b’abakobwa [IZINA] yabyaye ari bazima mu mezi 12 abanziriza ijoro ry’ibarura ni bangahe?**
Andika umubare w’abana b’abakobwa bavutse ari bazima mu mezi 12 abanziriza ijoro ry’ibarura. Niba ari nta mukobwa yabyaye ari muzima mu mezi 12 abanziriza ijoro ry’ibarura andika "0" ahabugenewe.

**P51C-hungu:** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'abana b'abahungu bakiriho mu bana b'abahungu umuntu ubarurwa yabyaye mu mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura.

**Baza: Muri abo bana b’abahungu [IZINA] yabyaye ari bazima mu mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura (16/08/2021-15/08/2022), abakiriho ni bangahe?**
Andika umubare w’abana b’abahungu bavutse muri ayo mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura kandi bakaba bakiriho. Niba ntawe ukiriho, andika "0" ahabugenewe.

**P51C_kobwa**: Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'abana b'abakobwa bakiriho mu bana b'abakobwa umuntu ubarurwa yabyaye mu mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura.

**Baza: Muri abo bana b'abakobwa [IZINA] yabyaye ari bazima mu mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura (16/08/2021-15/08/2022), abakiriho ni bangahe?**

Andika umubare w'abana b'abakobwa bavutse muri ayo mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura kandi bakaba bakiriho. Niba nta we ukiriho, andika "0" ahabugenewe.

**Ibyitonderwa :**

- Umwana wavutse nyuma y'ijoro ry'ibarura ntabwo abarurwa nk'uwavutse mu mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura.
- Ugomba gukora ibishoboka ukamenya niba nta mwana wavutse ari muzima akaba asigaye atabaruwe. Baza ibi bibazo bitandukanye kugirango umenye niba ntawe: "Hari abandi bana banyu bibera ahandi (batari hano)?" Bari ku kazi?" "Bibera muri bene wabo?" n'ahandi...

### 4.3.3 IGIKA H: IMITURIRE

#### 4.3.3.1 Ibibazwa ku miturire

Ibibazo byose bibazwa muri iki gika bibazwa nyiri urugo cyangwa umuhagarariye hatitawe ku ijoro ry'ibarura ahubwo hagendewe ku makuru y'urugo ku munsi urugo rubaruriweho.

**H01:** Iki kibazo kigamije kumenya uburyo inyubako zituwemo zegeranye cyangwa zitatanye mu gapande k'ibarura, imiterere y'ahatuwe n'imitunganyirizwe yaho. Akenshi usanga ingo zituye mu gapande kamwe k'ibarura zihuje uburyo bw'imiturire. Umukarani w'ibarura akwiye gukoresha ubumenyi bwe ku buryo bw'imiturire, akabanza akagenzura niba igisubizo ahawe gihuye koko n'imiturire y'aho arimo kubarura.

**Baza: Uburyo bw'imiturire ni ubuhe ?**

Hitamo igisubizo uhawe. Hano ni ngombwa ko umukarani w'ibarura asobanukirwa neza ubu buryo umunani (8) bw'imiturire tubona ku kibazo H01.

1. **Umudugudu usanzwe**: Ni inzu zubatswe hamwe kubera politike yo gutuza abantu hamwe; ni gahunda ya Leta y'u Rwanda yo gutuza abantu hamwe kugira ngo bagezweho ibikorwaremezo ku buryo bworoshye. Ubu buryo bw'imiturire bukunze kugaragara mu bice by'icyaro no mu bice bimwe na bimwe by'uturere tw'imijyi dusa n'ibice by'icyaro.
2. **Umudugudu w'icyitegererezo**: Ni inzu zubatswe mu buryo bukomatanyije (***2 in 1, 4 in 1)*** cyangwa amagorofa hagamijwe gutuza abantu ahantu heza, kugeza ku baturage

ibikorwaremezo mu buryo bworoshye no kurondereza/kugabanya ubutaka bushyirwaho inyubako. Akenshi, ubu buryo bw'imiturire bwubakwa na Leta.

3. **Urusisiro**: Ni inzu zubatswe hamwe, abazituyemo bakaba bafite ikintu/ibintu bibahuje nk'akazi, isano, umushinga runaka. Si ngombwa ko aho hantu haba hatunganyijwe (hafite igishushanyo mbonera). **Ingero**: urusisiro rwa ISAR, Insisiro muri payizana,
4. **Uburyo bwitaruye mu cyaro**: Inzu zubatswe atatanye mu bice by'icyaro.
5. **Uburyo bwa kadasitere (bukurikije igishushanyombonera)**: Ni inzu zubatswe ku muhanda, mu bibanza byateganyijwe byubahiriza amabwiriza yerekeye imiturire.
6. **Akajagari mu mijyi**: Ni inzu zubatswe mu mijyi zicucitse kandi zitubahirije amabwiriza y'imyubakire mu mijyi cg igishushanyo mbonera.
7. **Akajagari mu cyaro:** Ni uburyo bw'imiturire yo mu cyaro, aho usanga inzu zubatswe hamwe mu buryo bucucitse ku buryo bigoranye kuhageza ibikorwa remezo mu gihe bibaye ngombwa.
8. **Ubundi buryo bw'imiturire**: Ubundi buryo bwose butasobanuwe haruguru.

**H02: Imiterere n'imiturirwe by'inzu:** Iki kibazo kigamije kumenya imiterere y'inzu urugo rubarurwa rutuyemo (inzu imwe isanzwe, igorofa, inzu nyinshi mu rupangu rumwe) no kumenya niba ruyibamo rwonyine cyangwa hari n'izindi ngo ziyibamo. Kubera ko umukarani w'ibarura aba abona imiterere y'inzu, icyo aba akeneye kumenya ni uko urugo rubarurwa ruyibamo rwonyine cyangwa habamo n'izindi ngo.

**Baza: Iyi nzu/igorofa/urupangu ituwe ite?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Niba uwo muganira atumva neza ikibazo, musomere bimwe mu bisubizo muri ubu buryo: Iyi nzu yanyu muyibamo mwenyine cyangwa hari izindi ngo mubanamo?

**H03:** Iki kibazo kigamije kumenya uburyo inzu ituwemo. Kugira ngo cyumvikane neza, umukarani w'ibarura akibaza yifashishije bimwe mu bisubizo byateganyijwe.

**Urugero:** *iyi nzu mutuyemo ni iyanyu bwite cyangwa murakodesha, mucumbikiwe ku buntu? Muyituyemo mu buhe buryo?*

**Baza: Iyi nzu muyituyemo mu buhe buryo?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Iyo igisubizo ari " iye bwite ", tabuleti/telefone ijya kuri H05.

**H04:** Iki kibazo kibazwa ingo zose zidatuye mu nzu zazo (abatanze ikindi gisubizo kitari "***Iye bwite***" cg "***Arayishyura izabe iye***" kuri H03) kigamije kumenya niba urugo rubazwa rufite inzu yo guturwamo mu mudugudu cg ahandi aho ari hose mu gihugu (Rwanda).

**Baza: Uru rugo rwanyu rufite inzu bwite yo guturwamo muri uyu mudugudu cg ahandi?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**H05:** Iki kibazo kigamije kumenya ibikoresho by'ingenzi bisakaye inzu urugo rubarurwa rutuyemo.

**Baza: Iyi nzu isakajwe ibihe bikoresho by'ingenzi by'ubwubatsi?** Kanda ku gisubizo uhawe.
**Ibyitonderwa**:

- Niba inzu ari igorofa, andika ibisakaye igorofa ya nyuma.
- Mu gihe inzu isakajwe n'ibikoresho bitandukanye, umukarani w'ibarura azareba ibisakaye igice kinini cy'inzu. Niba isakajwe ibikoresho bitandukanye kandi ku buryo bungana, umukarani azabaza nyiri urugo igikoresho yandika kuko bishoboka ko kimwe muri byo gishobora gusimbuzwa, inzu ikagira isakaro y'ubwoko bumwe bw'isakaro.

**H06:** Iki kibazo kigamije kumenya ibikoresho by'ingenzi byubatse inkuta z'inzu urugo rubarurwa rutuyemo.

**Baza*:* Inkuta z'inyuma z'iyi nzu zubakishijwe ibihe bikoresho by'ingenzi?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**Icyitonderwa**: Mu gihe inkuta z'inzu zubatswe n'ibikoresho bitandukanye, umukarani w'ibarura azareba ibyubatse igice kinini cy'inzu. Niba zubakishijwe ibikoresho bitandukanye kandi ku buryo bungana, umukarani azabaza nyiri urugo igikoresho yandika kuko bishoboka ko kimwe muri byo gishobora gusimbuzwa, inzu ikagira inkuta zubatswe n'ubwoko bumwe bw'ibikoresho.

**H07:** Iki kibazo kigamije kumenya ibikoresho by'ingenzi bishashe hasi mu nzu urugo rubarurwa rutuyemo.

**Baza: Muri iyi nzu, ni ibihe bikoresho by'ingenzi bishashe hasi?**
Kanda ku gisubizo uhawe.

**Icyitonderwa:** Mu gihe ibikoresho bishashe hasi mu nzu bitandukanye, umukarani w'ibarura azabaza ibishashe igice kinini cy'inzu. Niba mu nzu hasi hashashe ibikoresho bitandukanye kandi ku buryo bungana, umukarani azabaza nyiri urugo igikoresho yandika kuko bishoboka ko kimwe/bimwe muri byo bishobora gusimbuzwa hagasigara hagaragara ubwoko bumwe gusa bw'ibikoresho.

**H08:** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'ibyumba inzu urugo rubarurwa rutuyemo ifite.

**Baza: Iyi nzu ifite ibyumba bingahe ubariyemo ubwogero, imisarani, koridoro, igaraji, uruganiriro, igikoni, icyumba cy'ububiko?**
Andika umubare w'ibyumba ubwiwe.

**Ibyitonderwa:**

1. Mu kuzuza amakuru arebana n'umubare w'ibyumba, umukarani w'ibarura abariramo ubwogero, imisarane, coridoro n'igaraji mu gihe asanze biri mu nzu.
2. Igihe hari izindi nzu zo hanze zirarwamo n'abana cyangwa abandi bagize urugo, bakaba batekera hamwe, ibyumba by'izo nzu zo hanze na byo bibarwa ku nzu ya nyiri urugo.
3. Mu gihe inzu imwe ituwe n'ingo nyinshi kdi izo ngo zikaba zifite ibyumba biri mu nzu imbere zisangiye (uruganiriro, koridoro, ubwogero, ...), mu kubara ibyumba by'inzu buri rugo rutuyemo, hazajya hiyongeraho umubare w'ibyumba ruhuriyeho n'izindi ngo muri iyo nzu.
4. Niba inzu ifite koridoro (corridor) nyinshi, zose zibarwa nk'icyumba kimwe.
5. Igaraji, ubwogero, ubwiherero byubatse ukwabyo (bidafatanye n'inzu), ntibibarwa mu mubare w'ibyumba by'inzu.

**H09:** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'ibyumba byagenewe kurarwamo by'inzu urugo rubarurwa rutuyemo. Mu gihe hazaba hari ibindi byumba mu nzu zo hanze (**Annexe**) birarwamo n'abagize urugo, na byo bizabarwa mu mubare w'ibyumba byagenewe kurarwamo by'inzu ya nyiri urugo nk'uko twabibonye mu cyitonderwa.

**Baza: Ibyumba bigenewe kuryamamo ni bingahe?** Andika umubare w'ibyumba ubwiwe.

**H10:** Iki kibazo kigamije kumenya niba urugo rubarurwa rufite ibyumba byagenewe kurarwamo, bitandukanya iby'abahungu n'iby'abakobwa.

**Baza: Ibyumba birarwamo by'abahungu bitandukanye n'iby'abakobwa?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**Icyitonderwa**: Igisubizo "ntibijyanye" gishoboka gusa iyo urugo rutuwe n'abantu b'igitsina kimwe cyangwa rutuwe n'umugabo n'umugore bashakanye bonyine, nta bandi bantu b'ibitsina bitandukanye barimo nk'abana.

**H11:** Iki kibazo kigamije kumenya aho urugo ruvoma cg rukura amazi akoreshwa mu buzima bwa buri munsi bw'abagize urugo (nko gukora amasuku, gukaraba, guteka, ...).

**Baza: Akenshi, amazi akoreshwa imirimo yo muri uru rugo nko guteka, gukaraba, kumesa ava hehe?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**Ibisobanuro kuri bimwe mu bisubizo byateganyijwe:**

1. **Nayikondo:** Ni ivomero ryubakiye rikurura amazi aturutse ikuzimu/mu butaka hakoreshejwe pompe. Kurivomeraho bisaba gupompa hakoreshejwe imbaraga z'amaboko kugirango amazi azamuke.
2. **Iriba:** Ni ivomero ry'amazi ava ikuzimu mu mwobo wacukuwe akazamuka hakoreshejwe imbaraga z'umuntu. Kurivomeraho bisaba koherezamo ikivomesho kiziritse ku mugozi cg ikindi kintu, hanyuma bakadaha amazi, barangiza bakayazamura. Hari ubwoko 2 bw'amariba: iriba ritunganyijwe níriba ridatunganyijwe.
3. ***Iriba ritunganyijwe*** ni iriba ***iryubakiye neza (rizengurutswe n'uruzitiro)*** ndetse hamwe na hamwe ***ripfundikiye*** ku buryo amazi ntaho ahurira n'imyanda yo hanze ishobora guturuka ku matungo, ku bantu cyangwa ikindi gishobora kuyanduza. Iyo bitameze bityo, tuvuga ko ***Iriba ridatunganyijwe.***
4. **Isoko:** Ni ivomero ry'amazi avomwa akiva mu butaka. Akenshi, ayo mazi aba apfupfunuka mu musozi kandi ahora ameneka kuko adafungwa. Amasoko na yo arimo ubwoko 2: Isoko itunganyije n'Isoko idatunganyije **Isoko itunganyije *ni isoko yubakiye neza*** *hakoreshejwe* ***isima na beto*** ndetse barashyizeho n'**amatiyo asohora amazi** ku buryo amazi ntaho ahurira n'imyanda yo hanze. I**soko idatunganyije** ni isoko *itubakiye* ku buryo amazi ashobora guhura n'imyanda yo hanze ishobora guturuka ku matungo ku bantu cyangwa ikindi gishobora kuyanduza. Ndetse n'igihe cyo kuvoma, usanga abaturage birwanaho bagashyiraho ibivovo cg amakoma y'insina kugirango babashe kuvoma.
5. **Amazi mvaruganda**: Ni amazi atunganyirizwa mu nganda agashyirwa mu macupa cg mu bindi bikoresho bishobora kuyabika. **Urugero**: Amazi ya Jibu, Nil, Inyange, ...
6. **Amazi y'imvura**: Ni amazi aretswe aturutse ku gisenge cy'inzu.
7. **Amazi azanwa n'ikamyo ya tanki**: Ubu buryo bukunze kugaragara mu bice bimwe nabimwe bidafite amazi, cyane cyane mu migi aho usanga amakamyo yagenewe gutwara amazi aza mu ma quartier azanye amazi kugira ngo abahatuye babashe kuvoma.

**Icyitonderwa:** Igihe urugo rukoresha amazi ava ahantu hatandukanye, umukarani w'ibarura abaza aho bakunda kuyakura akenshi.

**H12:** Iki kibazo kigamije kumenya ahantu h'ingenzi urugo ruvoma cg rukura amazi anyobwa n'abagize urugo.

**Baza: Ni hehe h'ingenzi mukura amazi anyobwa n'abo muri uru rugo?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**Icyitonderwa:** Igihe urugo rukoresha amazi yo kunywa ava ahantu hatandukanye, umukarani w'ibarura ahitamo aho bakunda kuyakura akenshi.

**H13:** Iki kibazo kigamije kumenya amakuru ajyanye n'isuku n'isukura mu ngo. Habazwa ubwoko bw'umusarane abagize urugo bakoresha. Kigamije kumenya kandi niba umusarane urugo rukoresha ruwihariye cg ruwuhuriyeho n'izindi ngo.

**Baza: Ni ubuhe bwoko bw'umusarani abatuye mu rugo bakoresha?** Kanda ku gisubizo uhawe.

1. **Umusarane utinze:** Tuvuga ko umusarane utinze igihe wa mwobo wagenewe kubika cyangwa kujyamo inyanda ***ushasheho/woroshweho/utwikirijweho*** ibikoresho bitandukanye (ibiti, ibiti n'itaka, beto, ...) ku buryo ***imyanda yo hasi udashobora kuyibona*** n'amaso kandi ntaho ishobora guhurira n'ugiye gukoresha umusarane.
2. **Umusarane udatinze:** Tuvuga ko umusarane udatinze igihe wa mwobo wagenewe kujyamo inyanda ***urangaye*** cyangwa se ***ushasheho/utwikirijweho*** ibiti cg ibindi bikoresho bishobora kwifashishwa mu gutinda umusarane ***ariko ya myanda yo hasi ukaba ushobora kuyibona n'amaso***; yewe rimwe na rimwe ku buryo na twadusimba two hasi tuzamuka mu buryo bworoshye tukaza hejuru.

**Icyitonderwa:** Mu gihe umukarani w'ibarura asanze mu rugo bakoresha ubwoko bw'imisarani burenze bumwe, ahitamo ubukoreshwa na benshi. Niba abagize urugo rubarurwa bakoresha umusarani w'abaturanyi, umukarani w'ibarura azabaza ubwoko bw'uwo musarani ahitemo ubwo bwoko busangiwe n'ingo nyinshi.

**H14:** Iki kibazo kigamije kumenya, niba urugo rufite amashanyarazi akomoka k'umuyoboro mugari wa REG kera yari izwi ku izina rya Electrogaz (National Grid connection) cg akomoka ku yindi miyoboro mito y'abigenga (Local mini-grid connection).

**Baza: Urugo rwanyu rufite umuyoboro w'amashanyarazi wa REG cg indi miyoboro y'izindi ngufu z'amashanyarazi?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**H15:** Iki kibazo kigamije kumenya amakuru ajyanye n'uburyo bw'ingenzi bwifashishwa n'ingo mu kubonesha mu nzu iyo bwije.

**Baza: Ni ubuhe buryo bw'ingenzi mukoresha mu kubonesha mu nzu?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**Ibyitonderwa:**

- Niba urugo rukoresha moteri, ntihakenewe kumenya niba ikoresha mazutu cyangwa essence icy'ingenzi ni ukumenya ko babonesha mu nzu bakoresheje moteri.
- Niba urugo rufite uburyo burenze bumwe hatoranywa ubukoreshwa kenshi.
- Mu gihe urugo rusubije ko nta mashanyarazi ya REG rukoresha kandi ku kibazo **H14** rwasubije ko rufite umuyoboro w'amashanyarazi wa REG, umukarani w'ibarura agomba gusobanuza neza usubiza niba nta kwibeshya kwabayeho, hanyuma akabona kwemeza igisubizo ahawe.
- Amatara atangwa n'umushinga Tubura cyangwa indi mishinga mu cyaro asharijwa n'imirasire y'izuba azafatwa nk'imirasire y'izuba y'urugo.

**H16:** Iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bw'ingenzi bw'ibicanwa bukoreshwa mu guteka.
**Baza: Ni ubuhe bwoko bw'ingenzi bw'ibicanwa mukoresha mu guteka?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**H17:** Iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bw'ibicanwa bwa 2 bwunganira ibicanwa byingenzi byavuzwe kuri H16.

**Baza: Ni ubuhe bwoko bw'ibicanwa bundi mukoresha mu guteka bwunganira ubw'ingenzi?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**Icyitonderwa:** Ku ngo zizagaragaza ko nta bindi bicanwa byunganira ibyingenzi zikoresha mu guteka, mukuzuza amakuru arebana n'iki kibazo hazakoreshwa igisubizo kuvuga "*Ntabwo*".

**H18:** Iki kibazo kigamije kumenya niba arugo rukoresha ishyiga/iziko rirondereza ibicanwa (rondereza) mu guteka.
**Baza: Urugo rwanyu rwaba rukoresha iziko rizigama ibicanwa (rondereza)?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**H19:** Iki kibazo kigamije kumenya amakuru ajyanye n'isuku n'isukura mu ngo habazwa aho urugo rumena ibishingwe.

**Baza: Mumena he ibishingwe byo muri uru rugo?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**H20:** Iki kibazo kigamije kumenya amakuru ajyanye n'isuku n'isukura mu ngo habazwa aho urugo rumena amazi yakoreshejwe.

**Baza: Amazi yakoreshejwe muri uru rugo muyamena he?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**H21:** Iki kibazo kigamije kumenya niba urugo rutunze ibikoresho bikenerwa mu buzima bw buri munsi bw'abagize urugo. Ibisubizo bishoboka ni "Yego" cg "Oya".

**Baza: Urugo rwanyu rufite ibikoresho bizima bikurikira?**

Umukarani w'ibarura asomera usubiza buri gikoresho, agakanda ku gisubizo ahawe.

**Icyitonderwa:** Ibikoresho byaguzwe n'urugo ngo bibyazwe inyungu ariko bikaba bidakoreshwa mu rugo, ntibibarwa nk'ibitunzwe n'urugo. Iyo ibyo bikoresho bikoreshwa rimwe na rimwe n'urugo, nabwo ntibibarwa nk'ibikoresho by'urugo kuko biba bitaraguriwe gukoreshwa mu rugo.

**Urugero***: Imodoka zagenewe gutwara abagenzi muri rusange nka kwasiteri cg taxi voiture ariko zikaba zifashishwa rimwe na rimwe mu bijyanye n'urugo (Gutwara abana kw'ishuli, Gutwara umurwayi kwa mu ganga, ...) ntabwo zibarwa mu bikoresho by'urugo.*

### 4.3.3.2 IBIBAZWA KU BWOROZI

**H22:** Iki kibazo kigamije kumenya niba urugo rubarurwa rworoye amatungo ayo ari yo yose.

**Baza: Mwaba mworoye amatungo maremare/amagufi/Inzuki cyangwa imbwa?**
Kanda ku gisubizo uhawe.

Niba nta tungo na rimwe ryorowe cyangwa nta muzinga n'umwe w'inzuki urugo rufite, tabuleti/telefone ihita ijya ku kibazo cya H23.

**H22A:** Iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bw'amatungo urugo rworoye.

**Baza: Ni ubuhe bwoko bw'amatungo mworoye?**
Kanda kuri buri bwoko bw'amatungo ubazwa akubwiye.

**H22B: :** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'amatungo urugo rworoye n'aho abarizwa.

**Baza: Muri uru rugo mufite [ubwoko bw'amatungo] zingahe akurikira kandi zbarizwa mu kahe karere?**
Kanda ku gisubizo uhawe, wandike umubare kuri buri bwoko bw'amatungo, wandike n'akarere ayo matungo yororewemo.

**Ibyitonderwa:**

- Amatungo yose yororewe hanze y'igihugu ntazabarwa, hazabarwa gusa ayororewe mu Rwanda.

- Mu gihe amatungo yororewe mu turere turenze kamwe, umukarani w'ibarura yandika igiteranyo cy'amatungo kuri bwoko bwororewe mu trere dutandukanye agahitamo akarere kamwe gusa kabarizwamo umubare munini kuri buri bwoko bw'amatungo.
- Amatungo abarurwa ku rugo ruyaragiye, yaba ayarwo bwite cyangwa ayo rwaragijwe. Niba urugo runaka rufite amatungo ariko rukaba rwarayaragije urundi rugo, ayo matungo abarurwa ku rugo rwayaragijwe kubera ko ari rwo ruyitaho.

#### 4.3.3.3 Ibibazwa ku buhinzi

**H23: :** Iki kibazo kigamije kumenya niba urugo rubarurwa rwarakoze ibikorwa by'ubuhinzi.

**Baza: Mu mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura (16/8/2021-15/8/2022), urugo rwanyu rwaba rwarakoze/rwarakoresheje ibikorwa by'ubuhinzi?**
Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari "Oya", tabuleti/telefone ihita ijya ku kibazo H28.

**Icyitonderwa:** Niba urugo rwarahinze mu karima k'igikoni gusa, umukarani w'ibarura ahitamo igisubizo "**Oya**" kubera ko akarima k'igikoni katabarwa nk'umurima ugenewe gukorerwamo ubuhinzi.

**H23A:** Iki kibazo kigamije kumenya aho ibikorwa by'ubuhinzi bw'urugo rubarurwa byakorewe.
**Baza: Ibyo bikorwa by'ubuhinzi byakorewe he?**
Kugira ngo ikibazo cyumvikane neza, umukarani w'ibarura asomera ubazwa ibisubizo bishoboka, agakanda ku gisubizo ahawe.

**Icyitonderwa:** Ibikorwa byakorewe ku masambu y'urugo ari hanze y'u Rwanda ntibibarurwa.

**H24:** Iki kibazo kigamije kumenya ibihingwa byahinzwe n'urugo rubarurwa mu mezi 12 aabanziriza ijoro ry'ibarura.

**Baza: Mu bihingwa bikurikira ni ibihe byahinzwe n'urugo rwanyu mu mezi 12 ashize (16/8/2021-15/8/2022)?**

Somera ubazwa buri bwoko bw'ibihingwa, ukande ku bwo ubwiwe ko bwahinzwe n'urugo mu mezi cumi n'abiri abanziriza ijoro ry'ibarura.

**H25:** Iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bw'imboga urugo rwahinze mu mezi cumi n'abiri ashize kibazwa iyo bashubije ko bahinze imboga ku kibazo H24 **.**
**Baza: Ni ubuhe bwoko bw'imboga urugo rwanyu rwahinze mu mezi cumi n'abiri abanziriza ijoro ry'ibarura ((16/8/2021-15/8/2022)?**

Kanda kuri buri bwoko bw'imboga abwiwe ko zahinzwe n'urugo mu mezi cumi n'abiri ashize.

**Icyitonderwa:** Imboga zahinzwe mu karima k'igikoni ntizibarwa.

**H26:** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'ibiti by'icyayi urugo rufite haba mu mirima y'urugo bwite cyangwa muri cooperative. Kibazwa iyo kuri H24 bashubije ko bahinze icyayi.

**Baza: Urugo rwanyu rufite ibiti bingahe by'icyayi?** Andika umubare w'ibiti by'icyayi ubwiwe.

**H27:** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'ibiti by'ikawa urugo rufite. Kibazwa iyo kuri H24 bashubije ko bahinze ikawa.

**Baza: Urugo rwanyu rufite ibiti bingahe by'ikawa?** Andika umubare w’ibiti by’ikawa ubwiwe.

**H28A:** Iki kibazo kigamije kumenya ibindi bihingwacyangwa ibiti by'imbuto ziribwa urugo rufite.

**Baza: Urugo rwanyu rwaba rufite igihingwa/igiti icyo ari cyo cyose cy'imbuto ziribwa?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Niba urugo rufite byibura ubwoko bumwe bw’igihingwa cy’imbuto ziribwa, umukarani w’ibarura ahitamo igisubizo **“Yego”.** Niba nta gihingwa/igiti cy’imbuto urugo rufite, ahitamo igisubizo **“Oya”.** Niba igisubizo ari "Oya", tabuleti /telefone izajya ku gika gikurikiraho cyerekeranye n’impfu zabaye mu mezi 12 ashize.

**H28BA:** Iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bw'ibihingwa/ibiti by'imbuto urugo rufite.

**Baza: Ni ubuhe bwoko bw'ibihingwa/ibiti by'imbuto ziribwa urugo rwanyu rufite?** Kanda kuri buri bwoko bw’imbuto ubwiwe.

**Ibyitonderwa:**

- Ibiti biri mu kibanza urugo rurimo bibarurwa kuri urwo rugo rwaba rutuye mu nzu yarwo bwite, ruyikodesheje cyangwa se rwarayitijwe. Niba ikibanza kimwe kirimo ingo nyinshi kandi kikaba kirimo ibiti by'imbuto, ibyo biti bizabarwa ku rugo rumwe rutuye mu nzu igaragara ko ari nini ugereranyije n'izindi.
- Ibiti biri mu mirima bizabarwa ku rugo rwabihinze/rwabihingishije.

**H28BB:** Iki kibazo kigamije kumenya umubare w’ibiti kuri buri bwoko bw’imbuto urugo rufite.

**Baza: Mufite ibiti bingahe bya….?** Kuri buri bwoko, andika umubare bakubwiye.

**Icyitonderwa:** Umubare w’ibiti ntubazwa ku mbuto zikurikira: amatunda, inanasi, ibinyomoro, watameloni n’inkeri.

### 4.3.4 IGIKA M: ABAPFUYE

Iki gika kigizwe n'ibibazo 9 (**M1-M9**) bibazwa nyiri urugo cyangwa umuhagarariye**.** Bigamije kumenya umubare w'abantu bari mu bagize urugo bapfuye mu mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura **(**16/08/2021-15/08/2022), igitsina, imyaka y'amavuko bari bujuje ku munsi w'urupfu rwabo, icyateye urwo rupfu n'aho rwabereye. Ku bapfuye b'igitsina gore bari bujuje imyaka 10 y'amavuko n'abari bayirengeje, ni ngombwa kumenya niba bari batwite, barapfuye babyara cyangwa barapfuye nyuma yo kubyara ari byo bizagaragaza igipimo cy'imfu z'ababyeyi.

Muri iki gika, umukarani w’ibarura asabwe gukorana ubwitonzi n’ikinyabupfura. Agomba kubanza gusobanurira ababazwa impamvu y’ibi bibazo kugira ngo batabibonamo agashinyaguro ntibasubize, kuko abantu benshi ntibakunze kuvuga abantu babo bapfuye, nyamara kandi aya makuru aracyenewe cyane kugira ngo igihugu kibashe gukora igenamigambi ry’uburyo bwo kugabanya imfu ku baturarwanda.

Umukarani w’ibarura abaza nyiri urugo cyangwa umuhagarariye, mu muhezo, niba hari abantu bo mu rugo rwe baba baritabye Imana mu mezi cumi n’abiri abanziriza ijoro ry’ibarura. Ni byiza ko umukarani w’ibarura yabwira ubazwa amatariki agenderwaho mu kubara amezi cumi n’abiri 16/08/2021-15/08/2022. Niba ntawitabye Imana mu rugo rubarurwa, ikiganiro kirangirira aho, akajya ku rugo rukurikira.

**M1:Baza: Muri uru rugo rwanyu, haba hari umuntu witabye Imana mu mezi 12 abanziriza ijoro ry’ibarura (**16/08/2021-15/08/2022**)**

Kanda ku gisubizo uhawe, "yego" cyangwa "oya".

**Ibyitonderwa:**

1. Niba hari umuntu wapfuye mu rugo ariko akaba yarapfuye mu ijoro ry’ibarura cyangwa nyuma y’ijoro ry’ibarura, uyu muntu ntabarurwa mu bapfuye kuko ikibazo kireba abapfuye um mezi 12 abanziriza ijoro ry’ibarura. Umukarani w’ibarura agomba kwitonda ntavuge ngo uyu muntu ntitumubarura kuko atapfuye mbere y’ijoro ry’ibarura, ahubwo atega amatwi uwo baganira hanyuma ntamwereke ko atamubaruye kandi usubiza ntagomba kumenya ibyo umukarani w’ibarura arimo yandika. Niba atari yamushyize ku rutonde rw’abagize urugo, asubira inyuma akamwongeraho hanyuma akabaza amakuru ye yose kubera ko yariho mu ijoro ry’ibarura. Umukarani w’ibarura agomba kubanza kwisegura mu gihe amwuzuriza amakuru kugirango bidafatwa nk’agashinyaguro cyangwa akaba yabakomeretsa. Muri uko

kwisegura, akwiye kubasobanurira ko tubabarura na bo kuberako bari bariho mw'ijoro ry'ibarura nk'uko amabwiriza y'ibarura abiteganya;

2. Abana bavutse ari bazima nyuma bakaza gupfa nyuma y'igihe gito bavutse, ntibagomba kwibagirana; na bo bagomba kubarurwa mu bapfuye.

**M2: Baza amazina y'uwitabye Imana**

Andika ahabugenewe amazina y'uwapfuye. Ku bana bato bapfuye batarahabwa amazina, mu mwanya w'izina hazandikwa ''BEBE''.

**M3: Baza igitsina cy'uwitabye Imana, ukande ku gisubizo uhawe.**

**M4: Baza: [IZINA]yapfuye afite imyaka ingahe?**

Kuri buri muntu witabye Imana mu mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura, andika ahabugenewe imyaka yari afite. Andika "**0**" mu gihe yapfuye ataruzuza umwaka.

**M5: Aho urupfu rwabereye**

**Baza: [IZINA] yapfiriye he?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**Icyitonderwa:** Ahatari kwa muganga ni ahantu hose umuntu yapfiriye hatari mu kigo cy'ubuzima (mu rugo, mu mazi, mu ishyamba, mu muhanda n'ahandi).

**M6: Impamvu y'urupfu**

**Baza: [IZINA], Urupfu rwe rwatewe n'iki?** Kanda ku gisubizo uhawe.

**Icyitonderwa**: Mu bazize urupfu rusanzwe, habamo abazize indwara zitandukanye, abazize ubusaza, abazavugwa ko bazize uburozi, n'abapfuye babyara.

**Impfu z'abagore bapfuye bafite imyaka 10 - 49**

**M7. Baza: [IZINA] yaba yarapfuye atwite?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari **"Yego",** tabuleti/telefone ikujyana ku muntu ukurikira mu bapfuye. Niba ari **"Oya",** tabuleti/telefone ikujyana ku kibazo gikurikira.

**M8. Baza: [IZINA] yaba yarapfuye abyara?**

Kanda ku gisubizo uhawe. Niba igisubizo ari **"Yego",** tabuleti/telefone ikujyana ku muntu ukurikira mu bapfuye, niba ari **"Oya",** tabuleti/telefone ikujyana ku kibazo gikurikira.

**M9. Baza: [IZINA] yaba yarapfuye mu byumweru 6 nyuma yo kubyara/gukuramo inda?** Kanda ku gisubizo uhawe, usoze ikiganiro.

***NIBA URANGIJE IKI GIKA, BASHIMIRE MAZE USOZE IKIGANIRO.***

# UMUTWE WA GATANU: GUKORESHA CAPI MU GUKUSANYA AMAKURU HAKORESHEJWE TELEFONE CYANGWA TABULETI

## 5.1. Iriburiro

U Rwanda ruri kwitegura ibarura rusange rya 5 ry'abaturage n'imiturire nyuma y'amabarura yo muri 1978, 1991 na 2002,2012 rikaba rizaba muri Kanama 2022. Umwihariko w'iri barura rya 2022 ni uko rizakorwa hifashishijwe ikoranabuhanga, rizakuraho uburyo bwo gukoresha impapuro bwakoreshejwe muyandi mabarura rusange yabaye mbere y'iri. Ibyo bikazatuma imibare izava mu ibarura itangazwa vuba kugirango itangire gukoreshwa. Aka gatabo karasobanura imikorere ya porogaramu (application) izakoreshwa mu gukusanya amakuru.

## 5.2. Gukoresha neza telephone y'akazi.

### 5.2.1. Ibyo ukwiye kwirinda gukora kuri telephone y'akazi

- Irinde gufungura izindi program izo arizo zose.
- Irinde gufatisha amashusho cyangwa amafoto telephone y'akazi.
- Irinde kugerageza kujya ku mbuga nkorenyambaga ukoresheje telephone y'akazi. **Urugero:** Facebook, Instagram, WhatsApp, YouTube, Twitter, LinkedIn, Google, Pinterest, n'izindi
- Irinde gushyira telephone ahantu hatumutse cyangwa hari amazi.
- Irinde gushyira telephone ahantu hashyushye cyane cyangwa hakonje cyane.
- Irinde kujugunya hasi, gukomanga, gukuba, gushwaratura cyangwa kuzunguza telephone
- Irinde gukoresha ibinyabutabire usukura telephone, koresha igitambaro cyoroshye

### 5.2.2. Ibyo ukwiye gukora kuri telephone y'akazi

- Gushariza neza telephone y'akazi kuburyo mu gitondo iba yuzuye umuriro
- Banza uzimye telephone mbere yo kuyishyira kuri sharijeri.
- Kurondereza umuriro / gabanya urumi rw'ikirahure cya telephone (nibura 50%).
- Gufungura application ikoreshwa mu ibarura igihe uri mu kazi gusa.
- Igihe cyose ugize ikibazo, hamagara abashwizwe gutanga ubufasha (IT support).

## 5.3.Uko Application Ikoreshwa.

### 5.3.1. Amagambo akunda gukoreshwa

a) **CAPI**: Mu magambo arambuye bivuga Computer Assisted Personal Interviewing, ubu ni uburyo bugezweho aho umukarani w'ibarura aba afite igikoresho cy'ikoranabuhanga nka telephone, tabuleti cyangwa se mudasobwa ntoya igendanwa iri mo gahunda ya mudasobwa/application yinjiza mo ibisubizo ahawe n'ubazwa mugihe cy'ibaza.

b) **Application:** Ni gahunda ya mudasobwa iba iri muri smartphone ikaba ikubiyemo ku buryo bugenzuye urutonde rw'ibabazo bibazwa mu gihe cy'ibarura.

c)**Server:** Iyi ni Mudasobwa ya rutura ishinzwe kugenzura, kwakira no kubika amakuru yafashwe muri za smartphone z'abakarini b'ibarura bose.


d) **Synchronization:** Ibi bivuga guhuza smartphone ikoreshwa n'umukarani w'ibarura na seriveri yo ku cyicaro gikuru cy'ikigo cy'igihu cy'ibarurishamibare binyuze mu muyoboro wa interineti bityo amakuru yose ari muri iyo smartphone akajya kuri iyo seriveri.

e) **Serialization** (**Assign Enumerator code to device**): Ni uburyo code iranga umukarani w'ibarura ihuzwa na telephone cyangwa tabuleti agiye gukoresha.

### 5.3.2. Uko Application igaragara muri Smart phone

A. **Gufungura application**


Ureba kuri screen ya telefone yawe ugakanda ku gashushanyo (icon) kagizwe n'inyuguti ya **C** na **S** bisobanuye **CSEntry**




**Gufungura application:** ureba kuri screen ya telephone yawe ugakanda kuri icon igizwe n'inyuguti ya **C** na **S** bisobanuye **CSEntry**
CSEntry izafunguka ikwereke urutonde rwa za application zose ziri muri telefone

B. **Izina ry'application**

Muri telefoni y'umukarani w'ibarura tuzasangamo application ebyiri. Hari iyitwa **5th Rwanda PHC tests** hakaba n'iyitwa **R5PHC2022 MAIN APPLICATION**





**1**. "**5th Rwanda PHC tests**" aha ni ho ukanda kugira ngo ukore isuzuma bumenyi, ikazakoreshwa mu gihe cy'amahugurwa gusa.
**NB**: Nyuma y'isomo umuyobozi w'amahugurwa ni we utanga uburengazira bwo gukora isuzuma

**2**. "**R5PHC2022 MAIN APPLICATION**" aha ni ho ukanda kugira ngo ufungure Menu y'application. Iyi izakoreshwa mu gihe cy'amahugurwa no mu gihe cy'ibarura nyirizina.

### 5.3.2.1. Ibigize Menu y'Application

#### a. Ishusho ya Menu

**Menu** ni urutonde rw'ibikorwa (options) application ishobora gukora, kuri iyi menu hariho **options 9** zikurikira:




**Umutwe wa Menu y'Application**

Code n'amazina by'umukarani w'ibarura
**NB**: Hari code zizakoreshwa mu gihe cy'amahugurwa

Izina ry'agapande k'ibarura. Urugero **: Sangwa_1**

**Option1**.Aha ni ho ukanda iyo ugiye kubarura urugo cyangwa ikigo


**Option2**.Aha ni ho ukanda iyo ugiye gutangira igikorwa cya lisitingi. **NB**: Listingi ni yo izakorwa mbere y'ibindi byose

**Option3**.Aha ni ho ukanda kugira ngo ubashe kureba urutonde rw'ingo wakoreye lisitingi ndetse n'izo wa baruye.

**Option4**.Aha ni ho ukanda mu gihe ushaka kureba aho akazi kawe kageze, hazafunguka raporo iri mu mabara atandukanye kandi afite icyo asobanuye.

**Option5**.Aha niho uzanyura mugihe uzaba ugiye guhabwa cg gutanga ubufasha **NB**: ikigikorwa kizayoborwa n'umugenzuzi w'ibarura gusa.

Option6.Aha ni ho tuzakanda kugira ngo duhindure code **NB**: Ibi bizakorwa mu gihe amahugurwa azaba arangiye, tuzavanamo code yagenewe igihe cy'amahugurwa dushyiramo code yagenwe akazi nyirizina.
**NB**: Ikigikorwa kizayoborwa n'umugenzuzi w'amahugurwa.




**Option7**.Aha ni ho tuzakanda kugira ngo tugarure amakuru abitse kuri memorikadi yakoreshwaga muri telefone ya mbere.
**NB**: iki ni igikorwa cyo gusimbuza telefone izaba yagize ikibazo ku buryo itabasha gukomeza gukoreshwa, iki gikorwa kizayoborwa n'umugenzuzi w'ibarura gusa.

**Option8**.Aha ni ho bakanda kugira ngo binjize amakuru aranga aho ikigo giherereye.
**NB:** Iyi option ireba gusa abakarani b'ibarura bazakora mu bigo bidasanzwe.


**Option0**.Aha ni ho ukanda kugira ngo usohoke muri application.
**NB**: Aha kandi ni naho uzarebera verisiyo (version) y'application igezweho.

### 5.3.2.1.A. Option1: Kubaza urugo/Ikigo

Iyi option ya 1 nk'uko twayibonye hejuru kuri menu y'application, izakoreshwa igihe umukarani w'ibarura agiye kubarura urugo cyangwa ikigo yamaze ku listinga. Iyo ageze imbere muri Application tubonamo User bar idufasha muri bimwe tugiye kubabwira.


**a)User Bar**

Muri User Bar tubonamo options zikoreshwa iyo turi imbere muri Application.




User Bar

**Options zikurikira nizo dusanga muri User Bar**




**a) Bika ibyo wakoze usohoke muri Application:** Mu gihe bibaye ngombwa ko ahagarika ikiganiro kitarangiye, aha ni ho umukarani w'ibarura akanda. Iyo umaze kuhakanda application ibika ibyo amaze gukora hanyuma ikakugarura kuri menu y'application.

**b) Hindura ururimi:** Aha ubasha guhindura ururimi mucyongereza cyangwa se mu Kinyarwanda.

**c)Jya Aho wari ugejeje ubushize:** Aha niho ukanda ukajya aho wari wahagarikiye ubundi ukaba wakomeza ibyo wari wasubitse.

**d)Abagize urugo**: Aha uhakanda ugiye kureba Abagize urugo mu gihe uri kwinjiza amakuru mu bindi bika.


**e) Jya ku gika cya:** Aha uhakanda iyo ushaka guhitamo igika ushaka kujyaho, application ihita ikwereka ibika byose bigize urutonde rw'ibibazo hanyuma ugahitamo igika ushaka kujya ho

**b) Guhindura ururimi (Change language)**


Igihe cyose uri gufata amakuru ushobora guhindura ururimi rurigukoreshwa muri application igihe cyose byaba bibibaye ngombwa. Application izaba ikoresha indimi ebyiri gusa : Ikinyarwanda n'Icyongereza. Rero umukarani w'ibarura ushaka guhindura ururimi, akanda mu tudomo 3 turi hejuru mu nguni y'iburyo bwa telefone nk'uko bigaragara ku gishushanyo gikurikira:




**Three dot Menu**: Aha niho ukanda kugira ngo ubone option yitwa Change Language





Aha uzakanda kuri **Change Language**




Aha uzahitamo ururimi ushaka gukoresha hagati ya English n'Ikinyarwanda


**NB:** Application intagira iri mu Kinyarwanda.

**c)Jya Aho wari ugejeje ubushize** (Advance to end)




Iyo ukanze kuri **Advance to end** application ihita ikujyana kuri variable/ikibazo wari ugezeho igihe uheruka gufunga application.


**d)Abagize urugo**





**Abagize urugo:** Aha application izaba ikwereka urutonde rw'abagize urugo bose.

***NB***: Kuri uru rugero hazaba hagaragara amazina y'abagize urugo bose

**e) Jya ku gika cya**




**Jya ku gika cya:** Aha uhakanda iyo ushaka guhitamo igika ushaka kujyaho, application ihita ikwereka ibika byose bigize urutonde rw'ibibazo hanyuma ugahitamo igika ushaka kujya ho




**kujya kugika:** Kuri iyi foto turabona ibika byose bigize application:


Ukanda kuri Section/Igika ushaka kujya ho.

Iyo umaze guhitamo ukanda kukamenyetso ka **V** kari hasi ugahita ujya aho icyo gika gitangirira mu rutonde rw'ibibazo


### 5.3.2.1.B. Option2: Fungura Application ya listing

Iyi option ya 2 nk'uko twayibonye hejuru kuri menu y'application, izakoreshwa igihe umukarani w'ibarura agiye gutangira igikorwa cya lisitingi. Iyo ahakanze agera ku ikarita iriho options zidufasha mu kureba ingo cyangwa ibigo wari wamaze ku listinga ndetse n'uburyo bwo kongera kwinjira muri application ya listing.

a) **Option ziboneka ku ikarita n'icyo zidufasha**



**Buto zifasha gukomeza imbere / gusubira inyuma muri CAPI (Navigation Controls)**





**Gusubira inyuma**

**Gukomeza imbere**

Izi ni buto zidufasha gukomeza imbere cyagwa gusubira inyuma mugihe turikwinjiza amakuru muri application.

**NB**: Si byiza gukoresha uburyo bwo kunyereza arutoki ujya imbere cyangwa ujya inyuma kuko bishobora gutuma wibeshya ugahita mo igisubizo kitari cyo.


**Aho washakira Buto zifasha gukomeza imbere / gusubira inyuma (Navigation Controls)**





**Kuri menu y'utudomo dutatu**
Aha niho ukanda kugira ngo ziriya buto (**Navigation controls**) zigaruke kuri telefone

**5.3.2.1.C. Option3: Kureba ingo zabaye listed/ingo zabaruwe**


Iyi option ya 3 nk'uko twayibonye hejuru kuri menu y'application, izakoreshwa igihe umukarani w'ibarura ashaka kureba ingo zashyizweho nimero cyangwa se izabaruwe. Kugira ngo abashe kureba urutonde rw'ingo/ibigo yakoreye lisitingi cyangwa se ingo/ibigo yabaruye, umukarani w'ibarura azakanda kuri iyi option ya 3. Iyo amaze kuhakanda ubona ibi bikurikira:




**1.Ingo zakorewe listing:** Aha uhanyura ugiye kureba Amakuru y'inzu zo muri Listing (Review), uku ni ko inzu ziba zigaragara. Urabona ko hari inzu 3 zashyizweho nimero kandi zirimo ingo 3.




2: **Ingo zabajijwe:** Aha uhanyura ugiye kureba Amakuru y'ingo zabajijwe (Review), uko ni ko ziba zigaragara




Ushobora kuhanyura kandi mu gihe bibaye ngombwa ko ujya gukosora amakuru y'urugo wari warangije kubaza.

### 5.3.2.1.D. Option 4: Kureba aho ibyo ukora bigeze

Nyuma yo gukanda Kuri option ya 4 nk'uko twayibonye hejuru kuri menu y'application, uzahita ubona raporo ikurikira, izaba iri mu mabara atandukanye kandi afite icyo asobanuye. Ibara ritukura risobanura ibitameze neza, ibara ry'umuhondo risobanura ibitararangira naho iry'icyatsi rasobanura ubyarangiye neza.




**1.**Aha raporo izakwereka umubare (urugero: 110) w'ibishushanyo by'amazu biri mu gapande k'ibarura ushizwe, uzaba usabwa kugera kuri buri nzu kugira ngo ukore lisitingi

**2.**Aha raporo izakwereka ingo wamaze gukorera lisitingi, mu gihe uzaba warangije iyo listingi iri bara ry'umuhondo riza hinduka icyatsi. Icyo gihe umubare uri aha uzaba ungana cyangwa uruta umubare wa za footprint.

**NB.**Muri macye iyi raporo ni uburyo bwihuse umukarani w'ibarura azajya yifashisha mu buryo bwihuse kugira ngo amenye aho akazi ke kageze asatira umusozo.

Aha raporo izakwereka umubare w'abantu bose umaze kubarura mugo zose.


1. Aha ni ho uzakanda mu gihe uzaba usoje igikorwa cya lisitingi.
2. Aha ni ho uzakanda igihe uzaba usoje kubarura ingo zose
3. Aha ni ho uzakanda kugirango uve kuri iyi raporo ugaruke kuri menu y'application.


### 5.3.2.1.E. Option 5: Gufasha mu gapande k'ibarura


Iyi option ya 5 nk'uko twayibonye hejuru kuri menu y'application, izakoreshwa igihe umukarani w'ibarura azaba agiye guhabwa ubufasha n'undi mukarani w'ibarura, cyangwa se agiye gutanga ubufasha mu kandi gapande k'ibarura. Igishushanyo gikurikira kiratwereka uko bizakorwa.


**NB:** ikigikorwa kizayoborwa n'umugenzuzi w'ibarura gusa.


<table>
<tr>
<th>Uhabwa ubufasha</th>
<th>Utanga ubufasha</th>
</tr>
<tr>
<td>




1. Uhabwa ubufasha azabanza ahitemo ingo yifuza ko bamufasha kubarura<br>
2. Hanyuma akande ahanditse ngo ”2. Ohereza listing kugirango bagufashe”<br>
=>Hanyuma ajye aho yandika nimero y’umukarani w’ibarura habugenewe ugomba kumuha ubufasha.<br>
NB: Telefone izatangira kwohereza ingo kuri telefone ya mugenzi we binyuze muri bluetooth.
</td>
<td>







3. Kuruhande rw’utanga ubufasha, nyuma yo gukanda Kuri option5, azahita akanda ahanditse ngo ”3. Akira amakuru ya listing”<br>
=>Hanyuma azahita abona ubutumwa bumusaba kwemeza ko telefone ye yabonwa n’izindi, aha azahita akanda ahanditse ngo “Allow”
</td>
</tr>
</table>

### 5.3.2.1.F. Option 6: Guhuza code ya Enumerator na telephone

Iyi option ya 6 nk’uko twayibonye hejuru kuri menu y’application, izakoreshwa igihe amahugurwa azaba arangiye kugira ngo code yakoreshwaga mu mahugurwa ihinduke itandukane n’izakoreshwa mu kazi. Icyo gihe umugenzuzi w’amahugurwa azafasha abakarani b’ibarura guhindura bagashyiramo code nshya zizakoreshwa mu gihe cy’akazi. Ni kimwe nuko hashobora kuba ikibazo gituma umukarani w’ibarura acyenera gukoresha telefone itandukanye n’iyo yarasanzwe akoresha, icyo gihe umugenzuzi w’ibarura azamufasha guhuza code y’umukarani w’ibarura na telefone yindi agiye gukoresha kugira ngo ijye mu mazina ye.

### 5.3.2.1.G. Option 7: Kugarura amakuru avuye muri memory card

Iyi option ya 7 nk'uko twayibonye hejuru kuri menu y'application, izakoreshwa igihe bizaba biri ngombwa ko amakuru yari abitse kuri memorikadi yakoreshwaga muri telefone ya mbere agarurwa kuri telefone ya kabiri wenda bitewe nuko telefone ya mbere yagize ikibazo.

**NB**: iki ni igikorwa cyo gusimbuza telefone izaba yagize ikibazo ku buryo itabasha gukomeza gukoreshwa, iki gikorwa kizayoborwa na umugenzuzi w'ibarura gusa.

### 5.3.2.1.H. Option 8: Guhindura umudugudu (mu bigo bidasanzwe gusa)

Iyi option ya 8 nk'uko twayibonye hejuru kuri menu y'application, izakoreshwa n'ikigo kidasanzwe gusa kugira ngo hinjizwe amakuru aranga aho ikigo giherereye


**NB:** Iyi option ireba gusa abakarani b'ibarura bazakora mu bigo bidasanzwe.

### 5.3.2.1.I. Option 0: Gusohoka muri Application (Version:)

Iyi option ya 0 nk'uko twayibonye hejuru kuri menu y'application, izakoreshwa igihe umukarani w'ibarura ashaka gusohoka muri application. Icyo gihe akanda kuri iyi option ya 0 kugira ngo usohoke muri application.

**NB**: Aha kandi ni naho buri muntu wese uzaba ari gukoresha iyi application, azajya arebera version y'application igezweho. Ikaba igizwe n'itariki n'amasaha y'igihe application iherukira guhindurwa (updated).

**Buto zigaragara hasi Kuri telefoni**



**<u>"back" key</u>:** Iyi ni buto yo gusubira inyuma Kuri telefone

**<u>"Home "Key</u>:** Iyi ni buto ikujyana ahabanza kuri telefone

**<u>"Task switcher " or "Recent tasks":</u>** Iyi ni buto ikwereka ibifunguye byose/(application) ukaba wahitamo imwe murizo

**NB**: Mu gihe uri muri Application ntibyemewe gukoresha izi buto usohoka muri application, gusohoka muri application ugomba gukoresha uburyo bwemewe bwa **"Option 0"** bwavuzwe haruguru.

### 5.3.3. Kohereza Amakuru Kuri Seriveri


#### 5.3.3.1. Interineti

Kugirango interineti iboneke muri buri telefoni y'umukarani w'ibarura hazaba harimo sim card kandi iriho ipaki ya interineti ihagije. Amakuru ari muri telefoni azajya yoherezwa kuri seriveri ku buryo buri automatic igihe cyose application ifugutse ndetse n'igihe cyose kubaza urugo birangiye.

***NB**: Ibi kugira ngo bishoboke telefone igomba kuba iri kuri interineti*


#### 5.3.3.2. Gusharija telephone

Mu gihe ugiye gusharija telefone yawe ubanza **gucomeka umugozi wa sharijeri kuri telefone** ahabugenewe hanyuma ukabona **gucomeka muri purise**




***NB**: Sibyiza gukoresha telefone iri ku muriro*

Iyo telefone yawe yuzuye, mu gihe ugiye kuyicomora ubanza **gucomora kuri purise** hanyuma ukabona **gucomora umugozi kuri telefone**



## 5.4. UMUSOZO

Ibikubiye muri aka gatabo ni incamacye y’amasomo akubiye muri zavidewo zigiye zitandukanye zagiye zerekwa abahugurwa batandukanye.

Mugihe utababonye ibisomanuro bihagije muri aka gatabo, tuzatinye guhamagara abatangabufansha mubijyanye n’ikoranabuhanga (IT support), Nyuma y’amahugurwa buri kipe (team) izaba ifite umuyoboze (team leader) igihe cyose wagira ikibazo wamuhamagara nawe azaba afite abo yahamagara kugira ngo bamuhe ubufasha.

## IMIGEREKA

### UMUGEREKA WA I: AMWE MU MATEKA Y'URWANDA (1912-2021)

**1912:** Pasitoro Roeseler ashinga Misiyoni y'abaporoso ya Remera muri Rukoma.
**1913:** Ishingwa rya misiyoni Gatolika ya Kigali mu Bwanacyambwe na rambura mu Bushiru.
**1914:** (Ukwakira): Abadage bafata ikirwa cy'ijwi.
**1915:** Ubutegetsi bw'abadage butegeka ka abapadiri b'Ababafaransa bava muri za misiyoni zo ku mipaka, bakaba mu zo mu gihugu hagati.
**1916:**

- Umwandiko w'Ababiligi.
- Ababiligi bambura abadage umujyi wa Kigali (Gicurasi)
- Abadage bategekwaga na capitaine Wintgens (bwana Tembasi) bava ku Gisenyi, banyura iya Nyanza bagana iya Bujumbura mbere yo guhunga bagana muri Tanganyika.
- Ubushita.

**1917/1918**: Inzara ya rumanura ("Rumanurimbaba")-Ishingwa rya Misiyoni ya Rwamagana mu Buganza (1917).
**1918/1919:** Icyorezo cya Mugiga.
**1918:** Indwara ya grippe Gisore – Ubushita mu Bugoyi.
**1919**:

- Muyaga
- Abateke bivumbagatanya
- Ishingwa rya misiyoni y'abadivantiste i Gitwe mu Kabagali.

**1920:**

- Ministry Frank asura u Rwanda agahurira na Musinga i Nyanza.
- Icyorezo cya grippe Muyegu n'ubushita mu Kanage

**1920/1921:** Iragara.
**1922:**

- (22/3): I Gisaka gihabwa Abongereza.
- (31/12): I Gisaka kigarukira u Rwanda.

**1924/1925**: Inzara ya Gakwege (muri Byumba yitwaga Ntunyanjweho).
**1925:**

- Igikomangoma Leopold kigera I Musaho (ku kibuye) kikahakiririwa na rezida mortehan n'administrateur Montenez gisura misiyoni ya Rubengera iherutse gusubiranwa na pasitoro Durand, gihurira na Musinga I Nyabitare, bukaba bwari ubwa mbere Musinga ava mu murwa wa Nyanza. Igikomangoma Leopold (uyu uzaba Leopold III w'u Bubiligi) kijya I Kabgayi kihava cyambuka gisubira I Musaho.
- Ishingwa rya Church Missionary Society (CMS) I Gahini mu Buganza.

**1926:** Rezida Mortehan avugurura ubutegetsi bw'u Rwanda agashyiraho umutegetsi umwe rukumbi witwa umutware (chef de chefferie).

**1928:** Ndorwa yose ihaguruka igafasha Ndungutse wabeshyaga ko ari umuhungu wa Rutalindwa. Intambara I kaniga mu ndorwa ya byumba hagati y'abasirikare b'ababiligi n'ingabo za semaraso.

**1928/1929**: Inzara ya Rwakayihura yatangiriye mu bwatsi bwa Kayihura mu Rukiga.

**1929:**

- Umwami Mwambutsa IV w'u Burundi ahurira na Musinga i Astrida
- Cyitabire akubitirwa n'inkuba Astrida.
- Ishingwa ry'ishuri bitaga "Shariti" I butare ari ryo rizahinduka Groupe scolaire y'I Butare.

**1930:**

- Yuhi Musinga yambuka Nyabarongo yitabye Mburamatare Postiau I Kigali. Bitangaza abantu cyane kuko cyaziraga ku bami b'izina rya Yuhi kwambuka imigezi ikikije umurwa wabo wa Nyanza.
- Ubuhinzi bw'ibirayi busakara mu Rwanda (bwari bwarageze muri Misiyoni ya Rwaza muri 1903).

**1931:**

- Inzige zitera zikamara imyaka.
- (16/11): Mutara III Rudahigwa asimbura ku ngoma ise Yuhi IV Musinga wari umaze kwirukanwa n'ababiligi ku ngoma maze agacirirwa I kamembe no muri Congo mbiligi.

**1932:** Rudahigwa arongora Nyiramakomari.

**1933:**

- Urupfu rwa Nyirayuhi Kanjogera nyina wa Musinga (I Kamembe).
- Ubwa kabiri igikomangoma Leopold gisura u Rwanda, cyari giherekejwe n'igikomangomakazi Astrid.

**1934:**

- Muryamo mu nka zo mu Rwanda hose.
- Indege ya mbere igwa I Kanombe (Kigali).

**1935/1936:**

- Mugiga mu gihugu cyose.
- Seminari nkuru ya Nyakibanda mu Nyaruguru ifungurwa.

**1936:** Uburenge n'amashyuya mu Ruhengeri.

**1939:** Ishingwa rya kiliziya y'ababatista I Runyombyi mu Buyenzi.

**1940:** Intambara y'isi yose. Mu Rwanda Hitler bamwitaga HITIMANA naho abadage bakabita ABADAHA kubera ko ababiligi bari barabujije kuvuga ayo mazina.

**1942:**

- Umwami Mutara III Rudahigwa abatizwa akanasezerana na Rosaliya Gicanda mu Kiliziya I Nyanza.
- Ikiraro kuri Nyabarongo kigwa kuri km ya 13 uturutse I Kigali.

**1943/1944:**

- Ishingwa rya Kiliziya y'abamethodiste I Kibogora mu Cyesha.
- Inzara ikomeye mu Rwanda hose bitewe n'imvura yabuze. Iyo nzara henshi bayitaga RUZAGAYURA. Muri Byumba ikitwa MATEMANE. Bakayita GAHORO muri Gisenyi na Kibuye naho mu Ruhengeri bakayita RUDAKANGIMISHANANA.

**1944:**

- Icyorezo cy'indwara y'inka muri Gisenyi na Cyangugu bitewe no gukoresha urukingo rubi.
- Imvura ihagije mu Rwanda hose.

**1945:** Urupfu rwa Musenyeri Classe (uyu wari warategetse kiliziya y'u Rwanda mu buryo bukarishye kuva muri 1922) I Bujumbura. Ubwo yasimbuwe na Musenyeri Deprimoz ku ntebe y'I Kabgayi.

**1945/1946:** Ibihara na macinya muri Gisenyi no mu Ruhengeri.

**1946:** Umwami Mutara III Rudahigwa yegurira u Rwanda Kristu-Umwami I Nyanza.

**1948:** Intumwa za ONU zisura u Rwanda bwa mbere.

**1949:** Urugendo rw'Umwami Rudahigwa mu bubiligi.

**1950:** (15/8): Yubile ya Kiliziya Gatolika y'imyaka 50.

**1952:** (1/6): Umusenyeri wa mbere w'umwirabura muri Afrika mbiligi. Musenyeri Aloys Bigirumwami ahabwa ubwepiskopi I Kabgayi akagabana Vikariyati ya Nyundo mu Bugoyi.

**1953:** (1/2): Isubizwaho rya teritwari ya Kibuye.

**1954:**

- Gucika kwa shefu Stefano Gitefano watwaraga u Bwanacyambwe.
- (1/4): Iteka ry'umwami Mutara III Rudahigwa rica ubuhake mu Rwanda hose.

**1955:** (15/7): Umwami Baudouin I w'u Bubiligi agenderera ku mugaragaro u Rwanda bwa mbere.

**1956:**

- (25/3): Musenyeri Andreya Perraudin asimbura musenyeri Deprimoz ku ntebe y'I Kabgayi.
- (30/9): Itora rya mbere ry'abjyanama b'imirenge.

**1957:**

- (Werurwe): "Manifeste des Bahutu".
- Yubile y'Umwami y'imyaka 25 amaze ku ngoma (I Nyanza).
- (3/10): Ifungurwa rya college ya Christ-Roi I Nyanza. Yari imaze umwaka itangiriye mu Nyakibanda.

**1958:** Umwami Rudahigwa ajya I Bruxelles mu Bubiligi mu imurika ry'ibintu by'isi yose.

**1959:**

- (25/7): Itanga ry'Umwami Mutara III Rudahigwa I Bujumbura.
- (28/7): Kigeli V Ndahindurwa asimbura umwami Rudahigwa ku Ngoma I Nyanza.
- (3/9): Ishingwa ry'ishyaka UNAR I Kigali, rihabwa François Rukeba kuriyobora.
- (14/9): Ishingwa ry'ishyaka RADER I Kigali, ryari riyobowe na Prosper Bwanakweli.
- (9/10): Ishingwa ry'ishyaka PARMEHUTU I Gitarama, ryari riyobowe na Gregoire Kayibanda.
- (1/11): Imyivumbagatanyo n'intambara z'amoko n'amashyaka mu Rwanda hose.

**1960:**

- (Werurwe): Intumwa za ONU mu Rwanda.
- (26/6): itorwa ry'abajyanama ba za komini nshya.
- (26/10): Ishyirwaho rya Leta ya mbere y'agateganyo.

(28/01):

- Coup d'Etat y'I Gitarama. Dominiko Mbonyumutwa aba Prezida.
- Ishingwa rya Diyoseze ya Ruhengeri iyobowe na musenyeri Manyurane Bernard.

- Ishingwa rya diyoseze gatolika ya Butare iyobowe na Musenyeri Gahamanyi Jean Baptiste.
- (25/9): Referendum-Kamarampaka. Kigali n'Ubwami bibura amajwi. Hajyaho ubutegetsi bushingiye kuri Repubulika.
- (26/10): Kayibanda Gregoire atorerwa kuba perezida wa Repubulika n'inteko nkuru.
- (21/12): U Rwanda rubona ubwigenge bucagase (Autonomie interne).

**1962:**

- (01/07): U Rwanda rusubirana Independence yarwo.
- (Nyakanga-Kanama):
    - Astrida yongera kuba Butare.
    - Nyanza ihinduka Nyabisindu.
    - Ishyirwaho rya Prefegitura ya Gikongoro.
    - Amakomini ava kuri 227 akagera kuri 141.

**1963:**

- (18/8): Itora rya mbere rya ba bourgumertre b'amakomini.
- (3/11): Ikingura rya universite y'u Rwanda I Butare.
- (Ukuboza): Igitero gikomeye cy'inyenzi mu Bugesera.

**1965:** (Nzeli): Itora ry'abadepite bwa mbere ku buryo butaziguye.
**1966:** Igitero cy'Inyenzi mu buyenzi (Kivu na Nshili).
**1967:** (Nzeli): Itorwa rya kabiri rya ba Bourgmestre.
**1968:** (5/9): Ishingwa rya diyoseze gatolika ya Kibungo iyobowe na Musenyari Sibomana.
**1969:**

- Intambara mu ntara ya Cyangugu na Bukavu. Yari itewe n'abacanshuro ba Colonel Schrame muri Congo.
- (Nzeli): Itora rya kabiri ry'abadepite.

**1972/73**: Imvururu n'ibindi bikorwa bibi mu gihugu cyose. Byatangiriye mu mashuri no mu biro kandi bishingiye ku moko. Byatumye habaho impunzi nyinshi zo mu bwoko bw'Abatutsi bahungiye mu bihugu duturanye.
**1973**: (5/7): Coup d'Etat ikozwe n'ingabo z'u Rwanda. General Major Juvenal Habyarimana aba perezida wa Repubulika. Itangira rya Repubulika ya II.
**1974:** Umwaka w'ubuhinzi-Itangizwa ry'UMUGANDA bwa mbere.
**1975:** Umwaka wo kongera umusaruro. Ishyirwaho ry'umunsi w'Igiti.
**1976:** Umwaka wa Muvoma (Muvoma yari imaze kujyaho nk'ishyaka rimwe rukumbi).
**1977:** Umwaka wo gutura heza kandi neza.
**1978:**

- Umwaka w'ubworozi.
- (16-31/8): Ibarurua rusange rya mbere ry'abaturage n'imiturire yabo.
- (Ukuboza): Itorwa rya Juvenal Habyalimana nka perezida wa Republika.

**1979:** Umwaka w'uburezi-Ivugurura (reforme) rikomeye ry'amashuri abanza akamara imyaka 8; amashuri y'ingoboka na za CERAI ajyaho.
**1980:**

- Umwaka wo gufata neza ubutaka no kurwanya isuri.

- Icyorezo cy'amataragiti asebya Habyarimana na bamwe mu bategetsi be. Abntu benshi bagana za gereza abandi bacika mu gihugu.

**1980/81**: Kaminuza y'u Rwanda ikingura ikindi kigo (Campus) I Nyakinama mu Ruhengeri.
**1981:** (Ukuboza) : Itorwa ry'abadepite bwa mbere kuva muri 1969.
**1982:** Umwaka wo gufata neza ubutaka.
**1983:**

- Umwaka wo gutera amashyamba.
- Amatora ya Perezida n'abadepite (Ukuboza).

**1984:** Umwaka wo kongera umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo.
**1985:**

- (26/12): Urupfu rw'Umunyamerikakazi Diane Fossey NYIRAMACIBIRI wari waritangiye ingagi zo mu birunga Karisimbi na Bisoke.
- Amapfa mu majyepfo y'igihugu (Butare, Gikongoro); abantu benshi basuhukira mu Mayaga, mu Bugesera ndetse no muri Tanzaniya.

**1986:**

- Umwaka w'ubuhinzi n'ubworozi bwa kijyambere.
- Umusaruro w'ibirayi uba mwinshi cyane mu Ruhengeri na Gisenyi maze ibiciro bikagwa ku buryo budasanzwe.
- (29-31/10): Perezida Yoweli Museveni wa Uganda asura u Rwanda bwa mbere ku mugaragaro.
- Abaganga bo muri CHK i Kigali batangaza bwa mbere ibyerekeya indwara ya SIDA, bakanavuga ko hari n'abo imaze guhitana, Ministri Muganza arabibeshyuza.

**1987**: (1/7): Itahwa ry'uruganda rw'ibigori ku Mukamira (Nkuli-Ruhengeri).
**1988:**

- Musenyeri Tadeyo Nsengiyumva asimbura Musenyeri Andreya Perraudin ku ntebe y'I Kabgayi.
- (Gicurasi): Imvura nyinshi mu gihugu n'inkangu mu Ruhengeri. Ni bwo ijambo "kugendesha" ryadutse rivuzwe n'umugabo witwa Gaspard AYURUVUGO.
- (Kanama): Impunzi ibihumbi 58 zigera mu Rwanda kubera imirwano yo muri Ntega na Marangara mu Burundi.
- (Ukuboza): Itora rya nyuma rya Perezida wa Repubulika n'iry'abadepite ba Repubulika ya II.

**1989:** (Kanama): Ivanwaho ry'icyo bitaga "Animasiyo" hamwe n'umuganda w'abagore cyangwa w'agahato.
**1990:**

- (Kanama): Muvoma (MRND) itekereza kwivugurura hakajyaho"MRND nouvelle formule".
- (Ukwakira): Igitero cy'ingabo za FPR-Inkotanyi. Cyari giturutse muri Uganda maze intambara muri Byumba n'igice cya Kibungo iba yose.
- (Ukwakira): General-Major Fred Gisa Rwigema, umugaba mukuru w'Inkotanyi ahura n'urupfu ku rugamba. Byabereye mu Mutara.

**1991:**

- Perezida Habyarimana Juvenal yemera amashyaka menshi mu Rwanda.

- (16-31/8): Ibarura rusange rya kabiri ry'Abaturarwanda n'Imiturire yabo mu Rwanda.

**1992:** (Mata): Guverinoma ihuriweho n'amashyaka menshi ijyaho. Yari iyobowe na Dr Nsengiyaremye Dismas wo mu ishyaka rya MDR.

**1993:**

- Intambara irakomeza hagati mu gihugu cyane cyane muri Ruhengeri na Byumba.
- Ishyirwaho rya guverinoma iyobowe na madamu Uwilingiyimana Agathe wo mu ishyaka rya MDR.
- Amasezerano ya Arusha hagati ya guverinoma n'umutwe FPR-Inkotanyi.

**1994:**

- (6/4): Ihanurwa ry'indege yari itwaye perezida Habyalimana maze akayigwamo n'abandi bategetsi.
- Genocide yakorewe abatutsi hose mu gihugu.
- (4/7): Ibohorwa ry'umurwa mukuru (Kigali) n'ingabo za FPR-Inkotanyi.
- (19/7): Ishyirwaho ku mugaragaro rya guverinoma y'ubumwe bw'abanyarwanda iyobowe na bwana Fawusitini Twagiramungu. Naho perezida wa repubulika aba Pasteri Bizimungu, Vice-Perezida: Paulo Kagame.

**1995:** Ishyirwaho rya Guverinoma iyobowe na Ministiri w'intebe Rwigema Petero Selestini.

**1996:** (Ugushyingo): Itahuka ry'impunzi zo muri 1994.

**2000:**

- (23/3): Kwegura kwa Perezida wa Repubulika Pasteri Bizimungu.
- (22/4): Irahira rya Perezida wa Repubulika General Major Paul Kagame.

**2001:** Amakomini 141 ahinduka uturere 106

**2002:** (16-30/8): Ibarura Rusange rya Gatatu ry'Abaturage n'imiturire mu Rwanda.

**2003** :(kamena): Amatora y'itegeko nshinga
(Kanama): Amatora ya Perezida wa Repubulika (manda ya mbere)
(Nzeri): Amatora y'abadepite n'abasenateri

**2006**: Umubare w'uturere uva ku 106 ukagera kuri 30

**2008:** Amatora y'abadepite Umutingito usenya inzu nyinshi mu karere ka Rusizi na Nyamasheke

**2010**: (Nyakanga): Kwinjira ku Rwanda mu muryango w'ibihugu by'iburasirazuba by'Afurika. (Kanama): Amatora ya Perezida wa Repubulika (manda ya kabiri)

**2012** : (16-30/8) Ibarura Rusange rya kane ry'Abaturage n'Imiturire mu Rwanda

**2013**: Amatora y'abadepite

**2015**: Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga

**2017**: (3-4 Kanama) Amatora ya Perezida wa Repubulika (mandat ya gatatu)

**2018**: Amatora y'abadepite

**2019**: (ukuboza) covid 19 yaduka mu Bushinwa

**2020**: (21 Werurwe) Gahunda ya guma mu rugo kubera Covid 19

**UMUGEREKA WA II. UTURERE TW'UBU N'UTURERE NA KOMINI BYA KERA**

| 1994_Commune | 2002_District | 2005_Province | District y'ubu |
|---|---|---|---|
| | Impala | Western Province | Nyamasheke |
| Bicumbi | Bicumbi | Eastern Province | Rwamagana |
| Birenga | Kigarama | Eastern Province | Ngoma |
| Bugarama | Bugarama | Western Province | Rusizi |
| Bulinga | Muhanga | Southern Province | Muhanga |
| Butamwa | Butamwa | Kigali City | Nyarugenge |
| Butaro | Butaro | Northern Province | Burera |
| Buyoga | Kisaro | Northern Province | Rulindo |
| Bwakira | Budaha | Western Province | Karongi |
| Bwisige | Rebero | Eastern Province | Gatsibo |
| Cyabingo | Bugarura | Northern Province | Gakenke |
| Cyeru | Cyeru | Northern Province | Burera |
| Cyimbogo | Gashonga | Western Province | Rusizi |
| Cyumba | Bungwe | Northern Province | Gicumbi |
| Cyungo | Kinihira | Northern Province | Rulindo |
| Gafunzo | Impala | Western Province | Nyamasheke |
| Gaseke | Gaseke | Western Province | Ngororero |
| Gashora | Gashora | Eastern Province | Bugesera |
| Gatare | Gatare | Western Province | Nyamasheke |
| Gatonde | Bukonya | Northern Province | Gakenke |
| Giciye | Gasiza | Western Province | Nyabihu |
| Gikomero | Gasabo | Kigali City | Gasabo |
| Gikoro | Bicumbi | Eastern Province | Rwamagana |
| Gishamvu | Nyakizu | Southern Province | Huye |
| Gishoma | Gashonga | Western Province | Rusizi |
| Gishyita | Rusenyi | Western Province | Karongi |
| Gisovu | Itabire | Western Province | Karongi |
| Gisuma | Impala | Western Province | Rusizi |
| Gitesi | Itabire | Western Province | Karongi |
| Giti | Rwamiko | Northern Province | Gicumbi |
| Gituza | Humure | Eastern Province | Gatsibo |
| Huye | Umujyi Wa Butare | Southern Province | Huye |
| Kabarondo | Kabarondo | Eastern Province | Kayonza |
| Kacyiru | Gisozi | Kigali City | Gasabo |
| Kagano | Nyamasheke | Western Province | Nyamasheke |
| Kamembe | Impala | Western Province | Rusizi |
| Kanama | Kanama | Western Province | Rubavu |
| Kanombe | Kanombe | Kigali City | Kicukiro |
| Kanzenze | Nyamata | Eastern Province | Bugesera |
| Karago | Gasiza | Western Province | Nyabihu |
| Karama | Karaba | Southern Province | Nyamagabe |

| 1994_Commune | 2002_District | 2005_Province | District y'ubu |
|---|---|---|---|
| Karambo | Kaduha | Southern Province | Nyamagabe |
| Karengera | Bugarama | Western Province | Rusizi |
| Kayenzi | Kayumbu | Southern Province | Kamonyi |
| Kayonza | Kabarondo | Eastern Province | Kayonza |
| Kayove | Kayove | Western Province | Rutsiro |
| Kibali | Kisaro | Northern Province | Gicumbi |
| Kibayi | Mugombwa | Southern Province | Gisagara |
| Kibilira | Nyagisagara | Western Province | Ngororero |
| Kicukiro | Gikondo | Kigali City | Kicukiro |
| Kidaho | Bukamba | Northern Province | Burera |
| Kigarama | Cyarubare | Eastern Province | Kayonza |
| Kigembe | Kibingo | Southern Province | Nyaruguru |
| Kigoma | Umujyi Wa Ruhango | Southern Province | Nyanza |
| Kigombe | Umujyi Wa Ruhengeri | Northern Province | Musanze |
| Kinigi | Kinigi | Northern Province | Musanze |
| Kinyamakara | Karaba | Southern Province | Huye |
| Kinyami | Rebero | Northern Province | Gicumbi |
| Kirambo | Gatare | Western Province | Nyamasheke |
| Kivu | Nshili | Southern Province | Nyaruguru |
| Kivumu | Budaha | Western Province | Ngororero |
| Kivuye | Bungwe | Northern Province | Burera |
| Kiyombe | Rushaki | Northern Province | Gicumbi |
| Mabanza | Gisunzu | Western Province | Rutsiro |
| Maraba | Maraba | Southern Province | Huye |
| Masango | Kabagari | Southern Province | Ruhango |
| Mbazi | Maraba | Southern Province | Huye |
| Mbogo | Rulindo | Northern Province | Rulindo |
| Mubuga | Nyaruguru | Southern Province | Nyaruguru |
| Mudasomwa | Mudasomwa | Southern Province | Nyamagabe |
| Mugambazi | Buliza | Northern Province | Rulindo |
| Muganza | Mugombwa | Southern Province | Gisagara |
| Mugesera | Mirenge | Eastern Province | Ngoma |
| Mugina | Ruyumba | Southern Province | Kamonyi |
| Mugusa | Gikonko | Southern Province | Gisagara |
| Muhazi | Muhazi | Eastern Province | Rwamagana |
| Muhura | Humure | Eastern Province | Gatsibo |
| Mukarange | Rushaki | Northern Province | Gicumbi |
| Mukingi | Ntenyo | Southern Province | Ruhango |
| Mukingo | Mutobo | Northern Province | Musanze |
| Muko | Mushubi | Southern Province | Nyamagabe |
| Murama | Kabagari | Southern Province | Nyanza |
| Murambi | Gabiro | Eastern Province | Gatsibo |
| Musambira | Ruyumba | Southern Province | Kamonyi |

| 1994_Commune | 2002_District | 2005_Province | District y'ubu |
|---|---|---|---|
| Musange | Kaduha | Southern Province | Nyamagabe |
| Musasa | Rushashi | Northern Province | Gakenke |
| Musebeya | Mushubi | Southern Province | Nyamagabe |
| Mushubati | Muhanga | Southern Province | Muhanga |
| Mutura | Mutura | Western Province | Rubavu |
| Muvumba | Umujyi W'Umutara | Eastern Province | Nyagatare |
| Muyaga | Gikonko | Southern Province | Gisagara |
| Muyira | Nyamure | Southern Province | Nyanza |
| Mwendo | Itabire | Western Province | Karongi |
| Ndora | Save | Southern Province | Gisagara |
| Ndusu | Bukonya | Northern Province | Gakenke |
| Ngarama | Gabiro | Eastern Province | Nyagatare |
| Ngenda | Ngenda | Eastern Province | Bugesera |
| Ngoma | Umujyi Wa Butare | Southern Province | Huye |
| Nkuli | Buhoma | Western Province | Nyabihu |
| Nkumba | Bukamba | Northern Province | Burera |
| Nshili | Nshili | Southern Province | Nyaruguru |
| Ntongwe | Ntongwe | Southern Province | Ruhango |
| Ntyazo | Nyamure | Southern Province | Nyanza |
| Nyabikenke | Ndiza | Southern Province | Muhanga |
| Nyabisindu | Umujyi Wa Nyanza | Southern Province | Nyanza |
| Nyakabanda | Ndiza | Southern Province | Muhanga |
| Nyakabuye | Bugarama | Western Province | Rusizi |
| Nyakinama | Mutobo | Northern Province | Musanze |
| Nyakizu | Nyakizu | Southern Province | Nyaruguru |
| Nyamabuye | Umujyi Wa Gitarama | Southern Province | Muhanga |
| Nyamagabe | Umujyi Wa Gikongoro | Southern Province | Nyamagabe |
| Nyamugali | Nyamugali | Northern Province | Burera |
| Nyamutera | Buhoma | Western Province | Nyabihu |
| Nyamyumba | Nyamyumba | Western Province | Rubavu |
| Nyarugenge | Nyamirambo | Kigali City | Nyarugenge |
| Nyaruhengeri | Kibingo | Southern Province | Gisagara |
| Nyarutovu | Nyarutovu | Northern Province | Gakenke |
| Ramba | Nyagisagara | Western Province | Ngororero |
| Rubavu | Cyanzarwe | Western Province | Rubavu |
| Rubungo | Gasabo | Kigali City | Gasabo |
| Ruhashya | Kiruhura | Southern Province | Huye |
| Ruhondo | Bugarura | Northern Province | Musanze |
| Rukara | Rukara | Eastern Province | Kayonza |
| Rukira | Rukira | Eastern Province | Kirehe |
| Rukondo | Karaba | Southern Province | Nyamagabe |
| Runda | Kamonyi | Southern Province | Kamonyi |
| Runyinya | Nyakizu | Southern Province | Huye |

| 1994_Commune | 2002_District | 2005_Province | District y'ubu |
|---|---|---|---|
| Rusatira | Kiruhura | Southern Province | Huye |
| Rushashi | Rushashi | Northern Province | Gakenke |
| Rusumo | Nyarubuye | Eastern Province | Kirehe |
| Rutare | Rwamiko | Northern Province | Gicumbi |
| Rutobwe | Kayumbu | Southern Province | Muhanga |
| Rutonde | Umujyi Wa Rwamagana | Eastern Province | Rwamagana |
| Rutongo | Buliza | Kigali City | Gasabo |
| Rutsiro | Rutsiro | Western Province | Rutsiro |
| Rwamatamu | Rusenyi | Western Province | Nyamasheke |
| Rwamiko | Nyaruguru | Southern Province | Nyaruguru |
| Rwerere | Cyanzarwe | Western Province | Rubavu |
| Sake | Mirenge | Eastern Province | Ngoma |
| Satinsyi | Kageyo | Western Province | Ngororero |
| Shyanda | Save | Southern Province | Gisagara |
| Shyorongi | Shyorongi | Northern Province | Rulindo |
| Taba | Kamonyi | Southern Province | Kamonyi |
| Tambwe | Ntenyo | Southern Province | Ruhango |
| Tare | Rulindo | Northern Province | Gakenke |
| Tumba | Kinihira | Northern Province | Rulindo |

## UMUGEREKA WA III: IFISHI YA NIMERO Y’INZU N’INGO

**UMUGEREKA WA IV: URUTONDE RW'IBIBAZWA (URUGO RUSANZWE N'IKIGO)**